Iyo isosiyete yifuje guhindura inyandiko z'ishingwa ryayo, cyangwa ishaka kwisubiza imigabane yayo iyiguze, ku buryo byagabanya uburyozwe bw'umunyamigabane ku isosiyete ku birebana n'umugabane uwo ari wo wose ayifitemo mbere y'iryo hindura ry'inyandiko, igura cyangwa kwisubiza imigabane, ikurwaho

Where a company proposes to alter its incorporation documents, or to acquire or redeem shares allotted by it, in a manner which would cancel or reduce the liability of a shareholder to the company in respect of any share held by him/her prior to that alteration, acquisition or redemption, the

Lorsqu'une société propose de modifier ses documents constitutifs ou d'acquies ou racheter des actions attribuées par elle, d'une manière qui reviendrait à annuler ou réduire la responsabilité de l'actionnaire envers la société en rapport avec toute action détenue par lui avant cette modification, cette acquisition ou

Official Gazette n°Special of 31/05/2017

cyangwa igabanywa ry'uburyozwe bifatwa:	proposed cancellation or reduction of liability is to be treated:	ce rachat, l'annulation proposée ou la réduction de la responsabilité doit être considéré :
1° ku bw'ingingo ya 71 y'iri tegeko, nk'aho habayeho kugabana inyungu; kandi	1° for the purposes of article 71 of this Law as if it were a distribution; and	1° comme s'il s'agissait d'une distribution pour l'application de l'article 71 de la présente loi;
2° ku bw'igika cya 2, icya 3 n'icya 4 by'ingingo ya 72 y'iri tegeko, nk'aho byari inyungu ku migabane.	2° for the purposes of paragraphs 2, 3 and 4 of article 72 of this Law, as if it were a dividend.	2° comme s'il s'agissait d'un dividende pour l'application des alinéas 2, 3 et 4 de l'article 72 de la présente loi.
Iyo isosiyete yahinduye inyandiko z'ishingwa ryayo, yaguze cyangwa yishubije imigabane yayo iyiguze ku buryo buvanaho uburyozwe bw'umunyamigabane ku birebana n'umugabane wose ayifitemo mbere y'uko ihindura inyandiko, igura cyangwa yisubiza imigabane, iryo kurwaho cyangwa igabanywa ry'uburyozwe rifatwa, ku bw'ingingo ya 74 y'iri tegeko, nk'igabana ry'inyungu ry'umubare w'amafaranga iryo kurwaho cyangwa igabanywa ry'uburyozwe rikorewe.	Where a company has altered its incorporation documents, or acquired or redeemed shares in a manner which cancels the liability of a shareholder to the company in respect of any share held by him/her prior to that alteration, acquisition or redemption, that cancellation or reduction of liability is to be treated, for the purposes of article 74 of this Law, as a distribution of the amount by which his/her liability was reduced.	Lorsqu'une société a modifié ses documents constitutifs, ou a acquis ou a racheté les actions de manière à annuler la responsabilité de l'actionnaire envers la société eu égard à toute action détenue par lui avant cette modification, cette acquisition ou ce rachat, cette annulation ou réduction de la responsabilité, est traitée, aux fins de l'article 74 de la présente loi, comme une distribution du montant dont sa responsabilité a été réduit.
Iyo uburyozwe bw'umunyamigabane w'isosiyete bukomatanyije n'ubw'isosiyete ku birebana n'umugabane wose ayifitemo mbere y'ikomatanya:	Where the liability of a shareholder of an amalgamating company to that company in respect of any share held by him/her before an amalgamation is:	Lorsque la responsabilité d'un actionnaire d'une société en fusion avec cette société eu égard à toute action qu'il détient avant la fusion est :
1° buri hejuru y'uburyozwe bw'uwo munyamigabane ku isosiyete	1° greater than the liability of that shareholder to the amalgamated	1° plus importante que la responsabilité de cet actionnaire envers la société

ikomatanije ku birebana n'umugabane cyangwa imigabane yahinduwemo; cyangwa

company in respect of any share or shares into which that share is converted;

fusionnée eu égard à toute action ou toutes les actions dans lesquelles cette action est convertie ;

2° buvanyweho n'uko uwo mugabane uvanyweho mu ikomatamya;

2° is cancelled by the cancellation of that share in the amalgamation;

2° annulée par l'annulation de cette action part suite de la fusion ;

igabanuka ry'uburyozwe butewe n'ikomatanya rifatwa, ku bw'agace ka 1° n'aka 3° tw'ingingo ya 75 y'iri tegeko nk'igabana ry'umubare w'amafaranga uburyozwe bwe bwagabanirijwe.

the reduction of liability effected by the amalgamation is to be treated, for the purposes of items 1° and 3° of Article as a distribution of the amount by which his/her liability was reduced.

la réduction de la responsabilité faisant suite à une fusion doit être traitée, aux fins des points 1° et 3° de l'article 75, comme une répartition du montant dont sa responsabilité a été réduite.

Akiciro ka 2: Iherekanya ry'imigabane

Subsection 2: Transfer of shares

Sous-section 2 : Cession des actions

Ingingo ya 77: Uburyo bw'iherekanya

Article 77: Procedure for transfer

Article 77: Procédure de cession

Umugabane ushobora guhererekanywa handikwa izina ry'ugenewe iryo hererekanya mu gitabo cy'abanyamigabane ba sosiyete.

A transferable share may be transferred by entry of the name of the transferee in the company's register of shareholders.

Une action cessible peut être cédée par inscription du nom du cessionnaire dans le registre des actionnaires de la société.

Iyo hari imigabane igenewe guhererekanywa, sosiyete igezwaho:

Where shares are to be transferred there shall be delivered to the company:

Lorsqu'il y a des actions à céder, il est remis à la société:

1° inyandiko y'iherekanya ry'imigabane ishyirwaho umukono:

1° a share transfer form signed by:

1° un formulaire de cession d'actions signé par:

a) n'umunyamigabane cyangwa umuntu wahawe uburenganzira ku migabane y'isosiyete mu buryo buteganyijwe n'amategeko;

a) the present shareholder or a person to whom the right to any shares in the company has been transmitted by operation of law;

a) l'actionnaire actuel ou une personne à qui le droit à des actions de la société a été transmis conformément à la loi;

b) n'ugenewe iryo hererekanya, iyo kwiwandikisha nk'umunyamigabane bituma agira uburyozwe runaka kuri sosiyeti;

2° icyemezo cy'imigabane, iyo icyo cyemezo cy'imigabane ku bijyanye n'imigabane igenewe guhererekanywa cyatanzwe, cyangwa gihama y'uko icyo cyemezo cyabuze cyangwa cyangiritse, n'indishyi igenewe abagize Inama y'Ubutegetsi, mu gihe ari ngombwa; kandi

3° mu gihe hari umuntu ufite uburenganzira ku migabane iyo ari yo yose mu isosiyete yarabuhawe hakurikijwe itegeko, ikagezwaho ikimenyetso cy'uko yabuhawe.

Inyandiko y'iherekanya ry'imigabane si ngombwa mu gihe uwagenewe iherererekanya ry'imigabane ari umuntu wahawe uburenganzira ku migabane mu isosiyeti ku buryo bukurikije itegeko.

Ikimara kwakira inyandiko zisabwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo, sosiyeti ihita yandika mu gitabo cy'abanyamigabane izina ry'ugenewe ihererekanya ry'imigabane nk'umunyamigabane; keretse :

b) the transferee if registration as holder of the shares imposes on him/her any liability to the company;

2° if a share certificate has been issued in respect of the shares to be transferred, the share certificate or evidence of its loss or destruction and, if required, an indemnity to the satisfaction of the directors; and

3° in the case of a person to whom the right to any shares in the company has been transmitted by operation of law, sufficient evidence of such transmission.

A share transfer form is not required where the transferee is a person to whom the right to any shares in the company has been transmitted by operation of law.

Upon receipt of the documents required by paragraph 2 of this article, the company enters in its register of shareholders the name of the transferee as holder of the shares unless:

b) également le cessionnaire, si l'inscription en tant que détenteur des actions lui impose toute responsabilité envers la société;

2° si un certificat d'actions a été émis à l'égard des actions à céder, ce certificat d'actions ou la preuve de sa perte ou destruction et, le cas échéant, une indemnité à la satisfaction des administrateurs; et

3° dans le cas d'une personne à qui le droit à des actions de la société a été transmis conformément à la loi, la preuve suffisante de cette transmission.

Un formulaire de cession d'actions n'est pas requis lorsque le cessionnaire est une personne à laquelle le droit à des actions dans la société a été transmis conformément à la loi.

Dès la réception des documents exigés à l'alinéa 2 du présent article, la société inscrit, immédiatement dans son registre des actionnaires, le nom du cessionnaire en tant que détenteur des actions, à moins que:

1° mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) y'akazi imaze kwakira ihererekanya, Inama y'Ubutegetsi ifashe icyemezo cyo kwanga cyangwa gutinza iyandikisha ry'iherekanya, kandi uwo mwanzuro ukabigaragariza impamvu zihagije;

2° inyandiko imenyeshya umwanzuro, harimo n'impamvu zawo, yoherezwa uwakoze ihererekanya n'uwarigenewe mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi uherye igihe wafashwe n'Inama y'Ubutegetsi, kandi

3° iri tegeko cyangwa inyandiko y'ishingwa rya sosiyete yemerera Inama y'Ubutegetsi, mu buryo budashidikanya, kwanga cyangwa gutinza iyandikisha bitewe n'impamvu zasobanuwe.

1° the Board of Directors resolve within thirty (30) working days of receipt of the transfer to refuse or delay the registration of the transfer, and the resolution sets out in full the reasons for doing so;

2° notice of the resolution, including the reasons, is sent to the transferor and to the transferee within five (5) working days of its adoption by the directors;

3° this Law or the company's incorporation documents expressly permits the Board of Directors to refuse or delay registration for the reasons stated.

1° le conseil d'administration décide, dans les trente (30) jours ouvrables suivant la réception de la cession, de refuser ou de retarder l'enregistrement de cette dernière, et la décision indique toutes les raisons ayant motivé sa décision;

2° l'avis de la décision, y compris les motifs, est transmis au cédant et au cessionnaire dans les cinq (5) jours ouvrables suivant son adoption par le conseil d'administration;

3° la présente loi ou les documents constitutifs de la société permettent expressément au conseil d'administration de refuser ou de retarder l'inscription pour des motifs spécifiés.

Ingingo ya 78: Gusubiza abantu imigabane bitewe n'itangwa ry'icyemezo cyo kwibumbira hamwe

Igihe isosiyete ebyiri cyangwa nyinshi zibumbiye hamwe, zigomba guhita zigaragaza agaciro k'umugabane wa buri sosiyete, bitewe n'itangwa ry'icyemezo cyo kwibumbira hamwe. Isosiyete yavanzwe ihita isubiza buri muntu wese ufite uburenganzira ku mugabane

Article 78: Issue of shares to persons under a certificate of amalgamation

Where two (2) or more companies are amalgamated, they must forthwith demonstrate the value of a share of each company following the issue of a certificate of amalgamation. The amalgamated company issues to any person entitled to a share or

Article 78: Émission des actions suite à l'émission d'un certificat de fusion

Lorsque deux (2) ou plusieurs sociétés entrent en fusion, elles doivent immédiatement montrer la valeur d'une action de chaque société suite à l'émission d'un certificat de fusion. La société fusionnée remet à toute personne ayant droit à une action ou à des

umwe cyangwa ku migabane myinshi, uwo mugabane cyangwa iyo migabane afiteho uburenganzira.

Ingingo ya 79: Amabwiriza y'ibikorwa by'ubucuruzi bitagomba inyandiko

Umwanditsi Mukuru atanga amabwiriza yo gutanga uburenganzira ku ngwate nk'ikimenyetso kandi kigahererekanywa bitanyuze mu nyandiko .

Ingingo ya 80: Ikimenyetso cyo gutanga irage

Inyandiko iyo ari yose iteganywa n'amategeko nk'ikimenyetso gihagije:

1° cy'irage, cyangwa amabaruwa cyangwa icyemezo cy'icungamurage ry'umuntu wapfuye cyahawe undi muntu; cyangwa

2° mu gihe Umwanditsi Mukuru yatangije icunga ry'izungura hakurikijwe amategeko abigenga.

yemerwa n'isoseyeti nk'ikimenyetso gihagije cy'iyoye mpano cyangwa icy'ibikorwa bigamije kuyitanga, hatitawe ku cyo ari cyo cyose

shares under the amalgamation proposal, the share or shares to which that person is entitled.

Article 79: Provision for paperless transactions

The Registrar General makes directives providing for title to securities to be evidenced and transferred without written documents.

Article 80: Evidence of grant of probate

Any document which is by law sufficient evidence of:

1° probate of the will, or letters or certificate of administration of the estate, of a deceased person having been granted to some person; or

2° the Registrar General having undertaken administration of an estate under the Law of succession;

is accepted by the company, notwithstanding anything in its incorporation documents, as sufficient evidence of such grant or

actions en vertu de la proposition de fusion, l'action ou les actions auxquelles ou la personne a droit.

Article 79: Disposition pour transactions sans papier

Le Registraire Général prend des directives concernant les droits sur les titres à être prouvés et transférés sans documents écrits.

Article 80: Preuve de l'octroi de l'homologation

Tout document qui constitue une preuve suffisante de par la loi:

1° l'homologation du testament, ou des lettres ou d'un certificat d'administration de la succession d'une personne décédée ayant été accordés à une personne; ou

2° le Registraire Général ayant réalisé l'administration d'une succession en vertu des lois sur la succession;

est accepté par la société, nonobstant toute disposition contenue dans ses documents constitutifs, comme preuve suffisante de cette

giteganijwe mu nyandiko z'iyandikisha undertaking.
ry'isoseyeti.

octroi d'homologation ou de cette réalisation.

Ingingo ya 81: Iyemeza ry'iherekanya ry'umugabane

Article 81: Certification of transfers

Article 81: Certification des cessions

Iyemeza ry'inyandiko zigaragaza iherekanya ry'umugabane rikozwe n'isosiyete, rigomba gufatwa nk'ihagararirwa n'isosiyete ku muntu wese ugize icyo akora yizeye iryo yemeza kandi ko inyandiko zisabwa mu ngingo ya 88 igika cya 2 zagejwe kuri sosiyete .

The certification by a company of a share transfer form is to be taken as a representation by the company to any person acting on the faith of the certification that there have been produced to the company the documents required under paragraph 2 of article 88 of this Law.

La certification par une société d'un formulaire de cession d'une action, doit être considérée comme une représentation par la société à toute personne agissant sur la foi de la certification que les documents exigés par alinéa 2 de l'article 88 de la présente loi, ont été présentés à la société.

Iyo umuntu agize icyo akora yizeye iyemeza ry'inyandiko ryakozwe nabi n'isosiyete bitewe n'uburangare, iyo sosiyete imugiraho uburyozwe nk'ako iryo menyesha ryaba ryarakoranywe uburiganya.

Where a person acts on the faith of a false certification by a company made negligently, the company is under the same liability to him/her as if the certification had been made fraudulently.

Lorsqu'une personne agit sur la foi d'une fausse certification par une société faite par négligence, la société a la même responsabilité envers cette personne comme si la certification avait été faite de manière frauduleuse.

Muri iyi ngingo, inyandiko y' iherekanya ry'imigabane ifatwa nk'ako yamenyeshejwe iyo ifite amagambo" "icyemezo cy'imenesha cyatanze" cyangwa "bizagira ingaruka zimwe" kandi yarashyizweho umukono mu izina ry'isosiyeti nk'aho ari inyandiko y'ihagararirwa nk'uko biteganywa n'ingingo ya 52 y'iri tegeko.

For the purposes of this article, a share transfer form is deemed to be certified if it bears the words "certificate lodged" or words to the like effect and is signed under the name of the company as if it were a deed pursuant to Article 52 of this Law.

Aux fins du présent article, un formulaire de cession d'actions est réputé être certifié s'il porte les mots «certificat déposé» ou porte une autre expression ayant le même effet et est signé sous le nom de la société comme s'il s'agissait d'un acte en vertu de l'article 52 de la présente loi.

Ingingo ya 82: Iherekanya ry'imigabane idahererekanywa

Imigabane idahererekanywa ntishobora guhererekanywa ku bushake na nyirayo ariko ishobora koherezwa hubahirizwa itegeko cyangwa ikongera kugurwa cyangwa ikishyurwa na sosiyeti hakukijwe ibiteganywa n'iri tegeko, keretse igihe inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete zibiteganywa ukundi.

Ingingo ya 83: Imenyekanisha ry'inyungu mu rwego rw'imigabane ingana na gatanu ku ijana (5%)

Umuntu yaba ari we wenyine cyangwa afatanyije n'abandi mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, ufite inyungu kuri gatanu ku ijana (5%) cyangwa uri hejuru by'icyiciro cy'imigabane ya sosiyete, agomba kubimenyeshya isoseyete mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) ikurikira igihe abiboneye. Iryo menyekanisha rishyikirizwa Inama y'Ubutegetsi ya sosiyete ihita ibimenyeshya abanyamigabane ikimara kubimenyeshwa.

Muri iyi ngingo,

1° abantu bahuriye ku nyungu bisobanura:

Article 82: Transfer of non-transferable shares

Non-transferable shares may not be voluntarily transferred by their holder but may pass by transmission or by operation of law or be re-purchased or redeemed by the company in accordance with this Law, unless the company's incorporation documents provide otherwise.

Article 83: Disclosure of ownership stakes representing five per cent (5%)

A person who alone or together with affiliated persons has acquired a direct or indirect interest in five per cent (5%) or more of any class of the shares of a company shall notify the company about the acquisition within fifteen (15) days after the date of such acquisition. Such notice is given to the Board of Directors of the company. Upon its receipt of the notice the Board of Directors promptly notifies all of the shareholders about it.

For the purpose of this article:

1° affiliated persons of a person includes:

Article 82: Cession d'actions non cessibles

Les actions non cessibles ne peuvent faire l'objet de cession volontaire par leur détenteur mais elles peuvent être cédées par transmission ou par effet de la loi ou être rachetées ou remboursées par la société conformément à la présente loi, à moins que les documents constitutifs de la société n'en disposent autrement.

Article 83: Publicité des participations représentant cinq pour cent (5%)

Une personne qui a acquis, seule ou avec des personnes affiliées, une participation directe ou indirecte dans cinq pour cent (5%) ou plus d'une catégorie d'actions de la société, doit en donner avis à la société dans les quinze (15) jours suivant la date de cette acquisition. Cet avis est donné au Conseil d'administration de la société. Dès la réception de l'avis, le Conseil d'administration en avise tous les actionnaires sans délai.

Aux fins du présent article:

1° les personnes affiliées comprennent :

Official Gazette n°Special of 31/05/2017

- | | | |
|--|---|---|
| <p>a. abo mu muryango w'umuntu iyo ari umuntu ku giti cye;</p> <p>b. ibigo bife ubuzimagatozi umuntu afitemo cyangwa agenzuramo hejuru ya mirongo itanu 50 % by'ububasha bwo gutora cyangwa akaba aganza abandi;</p> <p>c. n'abantu bakorana na we hakurikijwe uburyo bashyizeho bumvikanaho.</p> <p>2° inyungu zitaziguye cyangwa ziziguye z'umuntu zirimo:</p> <p>a. ububasha bw'uwo muntu mu gutora cyangwa kugira aho aganisha itora ry'imigabane;</p> <p>b. uburenganzira bw'uwo muntu bugomba kugaragazwa nk'umunyamigabane mu gitabo cy'abanyamigabane; cyangwa;</p> <p>c. inyungu iyo ari yo yose ifatika mu migabane ye yaba ari we cyangwa atari we nyirayo mu bitabo by'imigabane, harimo no kwirengera ingaruka z'ibihombo ku byerekeranye n'iyi migabane cyangwa uburenganzira bw'itangwa</p> | <p>a) family members of the person if the person is an individual,</p> <p>b) legal entities in which the person owns or controls more than fifty (50%) percent of the voting power or otherwise exercises a controlling influence;</p> <p>c) persons who act in concert with the person under an arrangement or understanding with each other;</p> <p>2° a direct or indirect interest of a person includes:</p> <p>a) power to vote or direct the voting of the shares,</p> <p>b) the right to be shown as owner of the shares on the register of shareholders;</p> <p>c) any beneficial interest in the shares of such person whether or not such person is an owner of record of the shares, including bearing the risk of shareholders' loss related to such shares or the right to receive distributions on such shares.</p> | <p>a) les membres de la famille d'une personne si celle-ci est une personne physique;</p> <p>b) les personnes morales dans lesquelles cette personne détient ou contrôle plus de cinquante pourcent (50%) des droits de vote ou exerce une influence dominante ;</p> <p>c) les personnes qui agissent de concert avec cette personne en vertu d'un accord ou d'une entente réciproque,</p> <p>2° un intérêt direct ou indirect par une personne comprend :</p> <p>a) son pouvoir d'exercer les droits de vote attachés aux actions ou d'en diriger l'exercice;</p> <p>b) le droit de cette personne d'être présentée comme détenteurs d'actions dans le registre des actionnaires ;</p> <p>c) toute participation bénéficiaire dans les actions de cette personne, qu'elle soit ou non titulaire en nom des actions, y compris le risque de perte pour des actionnaires liée à ces actions ou le droit de recevoir des distributions sur ces actions.</p> |
|--|---|---|

ry'imigabane.

3° kubona inyungu k'uko muntu habarirwamo n'inyungu yabonye ziyongera ku zo yari afite mbere”.

3° a person's acquisition of an interest includes an acquisition of interests in addition to interests which the person previously held.

3° l'acquisition d'un intérêt par une personne comprend l'acquisition des participations en plus des participations qu'elle détenait précédemment.

Ingingo ya 84: Kugabanya, kugabagabanya, cyangwa gukomatanya imigabane

Article 84: Division, sub-division or consolidation of shares

Article 84: Division, subdivision ou consolidation des actions

Isosiyete ishobora, hafashwe umwanzuro usanzwe w'abanyamigabane:

A company may by ordinary resolution of the shareholders:

Une société peut, par résolution ordinaire des actionnaires :

1° kugabanya cyangwa kugabagabanya imigabane yayo ifite agaciro mu mafaranga kari hasi, iyo ikigereranyo hagati y'amafaranga yishyuwe n'asigaye kwishyurwa kuri buri mugabane wagabanyijwe kikiri uko cyahoze mu gihe cy'umugabane wabyaye uwo mugabane wagabanyijwe.

1° divide or subdivide its shares into shares of a smaller amount if the proportion between the amount paid, and the amount, if any, unpaid on each reduced share remains the same as it was in the case of the share from which the reduced share is derived;

1° diviser ou subdiviser ses actions en des actions d'une valeur inférieure si la proportion entre le montant et le montant qui reste dû pour chaque action réduite reste la même que celle de l'action dont dérive l'action réduite ;

2° gukomatanya imigabane mu migabane ifite agaciro kisumbuye k'uko yari isanganwe.

2° consolidate its existing shares into shares of a larger amount.

2° consolider les actions existantes en actions d'une valeur plus élevée.

Mu gihe imigabane ihujwe, amafaranga yishyuwe n'imyenda itishyuwe birebana na yo, amafaranga ashyizweho nk'inyungu cyangwa ayo kwishyura arebana n'uburenganzira kuri iyo migabane, na byo birazamurwa.

Where shares are consolidated, the amount paid and any unpaid liability thereon, any fixed sum by way of dividend or repayment to which such shares are entitled, are also increased.

Lorsque les actions sont consolidées, le montant libéré et toute dette impayée y afférente, toute somme forfaitaire à titre de dividende ou de remboursement auquel ces actions ont droit, sont également majorés.

Ingingo ya 85: Gutanga ibice by'imigabane

Isosiyete ishobora, iyo inyandiko z'ishingwira ry'isosiyete zibiteganywa zityo, gutanga ibice by'imigabane bituma uburyozwe, aho uburenganzira bugarukira, ibyo umuntu yongererwa, inyungu, ibibujijwe, uburenganzira cyangwa ibindi bireshya n'iby'umugabane wuzuye cyangwa itsinda ry'imigabane.

Akiciro ka 3: Ibyemezo by'imigabane

Ingingo ya 86: Gutanga no gutesha agaciro ibyemezo by'imigabane

Isosiyeti:

- 1° itanga kandi igashyikiriza ufite ibyemezo by'imigabane yose yatanze cyangwa yahererekanyijwe cyangwa yasigaye nyuma yiherekanywa, keretse igihe uburyo bwo kuyitanga bubiteganywa ukundi.
- 2° mu gihe cy'iherekanywa, itesha agaciro icyemezo cy'imigabane icyo ari cyo cyose cyoherejwe iyo isosiyeti kugira ngo habe iyandikwa ry'iryo hererekanywa;

Buri sosiyete igomba kubahiriza ibiteganywa

Article 85: Issue of fractions of shares

A company may, where its incorporation documents so provides, issue fractions of shares which have corresponding fractional liabilities, limitations, preferences, privileges, qualifications, restrictions, rights and other attributes as those which relate to the whole share of the same class or series of shares.

Subsection 3: Share certificates

Article 86: Issue and cancellation of share certificates

A company:

- 1° issues and delivers to the holder of certificates of all shares allotted or transferred or remaining after a transfer, unless the conditions of allotment provide otherwise;
- 2° in the case of a transfer, cancels any share certificate sent to the company to enable the registration of the transfer.

Any company shall comply with paragraph

Article 85: Émission des fractions d'actions

Une société peut, lorsque ses documents constitutifs le prévoient, émettre des fractions d'actions à rattacher à des obligations, limitations, préférences, privilèges, restrictions et d'autres droits proportionnels correspondant à ceux d'une action entière de même catégorie ou série d'actions.

Sous-section 3: Certificats d'actions

Article 86: Émission et annulation de certificats d'actions

Une société:

- 1° émet et remet au détenteur des certificats toutes les actions attribuées ou transférées ou restant après un transfert, à moins que les conditions d'allotissement n'en disposent autrement ;
- 2° dans le cas d'un transfert, annule tout certificat d'actions envoyé à la société pour permettre l'enregistrement du transfert.

Toute société doit se conformer à l'alinéa

Official Gazette n°Special of 31/05/2017

mu gika cya mbere cy'iyi ngingo mu gihe cy'iminsi mirongo ine (40) y'akazi nyuma:	one of this Article within forty (40) working days after:	premier du présent article dans quarante (40) jours ouvrables suivant:
1° y'itangwa ry'umwe mu migabane yayo uwo ari wo wose; cyangwa	1° the allotment of any of its shares;	1° l'attribution de l'une de ses actions ;
2° y'itariki inyandiko zisabwa mu igika cya 2 cy'ingingo ya 77 y'iri tegeko, zihawe sosiyeti iyo nta menyekanisha ryoherejwe hakurikijwe mu gika cya 4 cy'ingingo ya 77 y'iri tegeko.	2° the date on which the documents required by paragraph 2 of Article 77 are delivered to the company, provided no notice under paragraph 4 of Article 77 has been sent.	2° la date à laquelle les documents exigés à l'alinéa 2 de l'article 77 de la présente loi sont déposés auprès de la société, à condition qu'aucune notification n'ait été envoyée en vertu de l'alinéa 4 de l'article 77.
Iyo imigabane ya soseyeti yatanzwe cyangwa igaherekanywa ku watoranijwe mu by'imari n'imigabane akemezwa hakurikijwe itegeko ry'amasoko ry'imari n'imigabane, isoseyeti ntisabwa kubahiriza ibiteganywa mu gika cya 2 (1°) ku byerekeranye n'imigabane yatanzwe cyangwa yahererekanijwe	Where shares in a company are allotted or transferred to a nominee of a stock exchange approved under the Capital Markets Law, the company is not required to comply with paragraph 2 (1°) in respect of the shares so allotted or transferred.	Lorsque des actions d'une société sont attribuées ou transférées à un mandataire d'une bourse approuvée en vertu de la loi sur les marchés des capitaux, cette société n'est pas tenue de se conformer à l'alinéa 2 (1°) pour les actions ainsi attribuées ou transférées.
Icyemezo cy'imigabane gishyirwaho umukono mu izina ry'isoseyeti nk'aho ari inyandiko y'ihagararirwa kandi kikagaragaza:	A share certificate is signed under the name of the company as if it were a deed and states:	Un certificat d'action est signé sous le nom de la société comme s'il s'agissait d'un acte de représentation et indique:
1° izina ry'isoseyeti na numero yandikishijweho;	1° the name and registered number of the company;	1° le nom et le numéro enregistré de la société;
2° icyiciro cy'imigabane gihagarariwe n'icyemezo;	2° the class of shares represented by the certificate;	2° la classe d'actions représentée par le certificat;
3° umubare w'imigabane uhagarariwe	3° the number of shares represented	3° le nombre d'actions représenté par le

n'icyemezo;

4° incamake y'ibyangabanyijwe mu iherekanya ry'imigabane ihagarariwe n'icyemezo.

Inyandiko igaragaza ibyangabanyijwe ibyo ari byo byose mu iherekanya ry'imigabane ihagarariwe n'icyemezo bisabwa ni kimwe n'ibindi bisabwa mu gika cya 4 cy'iyi ngingo kandi, bitaba ibyo, bigafatwa nk'ako nta cyangabanyijwe mu iherekanya ry'umugabane.

Ingingo ya 87: Icyemezo cy'imigabane nk'ikimenyetso cy'uburenganzira bwa burundu

Icyemezo kigaragaza imigabane iyo ari yo yose ifitwe n'abagize isosiyete n'ikimenyetso cy'uburenganzira bwa nyir'migabane bwa burundu.

UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA BW'ABANYAMIGABANE, UBURYOZWE, UBUBASHA N'INAMA

Akiro cya mbere: Uburenganzira rusange bw'abanyamigabane

Ingingo ya 88: Uburenganzira bw'ibanze bujyanye n'imigabane

by the certificate;

4° a summary of any restriction on the transfer of the shares represented by the certificate.

The statement about any restriction on the transfer of the shares represented by the certificate shall be as conspicuous as the other statements required by paragraph 4 of this Article, and if this is not the case, the share is deemed to have no restriction on its transfer.

Article 87: Certificate to be evidence of title

A certificate specifying any shares held by a member is *prima facie* evidence of his/ her title to the shares.

CHAPTER IV: SHAREHOLDERS' RIGHTS, LIABILITIES, POWERS AND MEETINGS

Subsection One: Shareholders' general rights

Article 88: Fundamental rights attached to shares

certificat;

4° un résumé de toute restriction au transfert des actions représentées par le certificat.

La déclaration relative à toute restriction à la cession des actions représentées par le certificat est aussi visible que celles prescrites à l'alinéa 4 du présent article, si ce n'est pas le cas, l'action est réputée n'avoir aucune restriction à sa cession.

Article 87: Certificat pour preuve de titre

Un certificat précisant les actions détenues par un membre est une preuve *prima facie* de son titre sur les actions.

CHAPITRE IV: DROITS, OBLIGATIONS, POUVOIRS ET RÉUNIONS DES ACTIONNAIRES

Sous-section première: Droits généraux des actionnaires

Article 88: Droits fondamentaux attachés aux actions

Imigabane iha uburenganzira bukurikira :

- 1° kugira uruhare mu kugabana inyungu za sosiyeti
- 2° kugira uruhare mu itangwa ry'ibyasigaye ku mutungo mu gihe isosiyeti isheshwe; kandi
- 3° hakurikijwe ubundi burenganzira n'inyungu, kandi haseguriwe ibintu ntarengwa cyangwa ibisabwa bijyanye n'ubwo burenganzira nk'uko biteganijwe muri iri tegeko cyangwa inyandiko z'ishingwa ry'isosiyeti, gutora ku bijyanye n'ibyemezo by'abanyamigabane, harimo:
 - a. gushyiraho cyangwa gukuraho umugenzuzi cyangwa ugize Inama y'Ubutegetsi;
 - b. kwemeza igikorwa cy'ubucuruzi gihamye;
 - c. guhindura cyangwa gutora amategeko shingiro y'isosiyete;
 - d. gusesa isosiyete;
 - e. no kwemeza kwibumbira hamwe

Shares confer on their holders:

- 1° the right to share in the distribution of the dividends of the company;
- 2° the right to share in the distribution of the surplus assets of the company upon its liquidation;
- 3° in accordance with other rights and privileges and subject to such limitations or conditions on such rights as may be provided for in this Law or the company's incorporation documents, the right to vote on shareholders' resolutions, including but not limited to:
 - a. appointing or removing an auditor or director;
 - b. approving a major transaction;
 - c. altering or adopting articles of association;
 - d. dissolving the company;
 - e. approving an amalgamation in

Les actions confèrent à leurs détenteurs:

- 1° le droit de participer à la distribution des dividendes de la société;
- 2° le droit de participer à la distribution de l'excédent d'actifs de la société lors de sa liquidation;
- 3° conformément à d'autres droits et privilèges et sous réserve des limitations ou conditions relatives aux droits prévus par la présente loi ou les documents constitutifs de la société, le droit de vote sur les résolutions des actionnaires, y compris mais sans s'y limiter :
 - a. la nomination ou la révocation d'un auditeur ou un directeur;
 - b. l'approbation d'une transaction importante;
 - c. la modification ou l'adoption des statuts ;
 - d. la dissolution de la société ;
 - e. l'approbation d'une fusion

hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.	accordance with the provisions of this Law.	conformément aux dispositions de la présente loi.
Icyakora, iyo isosiyete ifite ibyiciro birenze kimwe by'imigabane, ibyiciro biha uburenganzira abanyamigabane nk'uko biteganywa mu gika cya mbere ariko icyiciro kimwe ntikigomba guha ubwo burenganzira umunyamigabane.	However, where a company has more than one class of shares, the classes between them confer all the rights set out in paragraph one, but any one class need not confer any of such rights on its holder.	Toutefois, lorsqu'une société détient plus d'une catégorie d'actions, les catégories confèrent entre elles l'ensemble de droits énoncés à l'alinéa premier, mais aucune catégorie ne doit pas conférer aucun de ces droits à son titulaire.
Uretse iyo biteganyijwe ukundi mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyeti, buri mugabane utanga uburenganzira bukurikira:	Unless otherwise specified in the incorporation documents, each share has attached to it the following rights:	Sauf indication contraire dans les documents constitutifs de la société, chaque action se confère les droits suivants:
1° hubahirijwe uburenganzira bwo kugabana inyungu za sosiyete, uburenganzira bwo guhabwa imigabane ingana;	1° with respect to the right to share in the distribution of the dividends of the company, the right to an equal share;	1° le droit à une part égale, dans le respect de droit de participation à la distribution des dividendes de la société,;
2° hubahirijwe uburenganzira bwo kugira uruhare mu igabana ry'ibyasigaye ku mutungo mu gihe sosiyete isheshwe, uburenganzira bwo kugabana ku buryo bungana;	2° with respect to the right to share in the distribution of the surplus assets of the company upon its winding up, the right to an equal share;	2° le droit à une part égale, dans le respect de droit de participation à la distribution des excédents de la société lors de sa liquidation;
3° hubahirijwe uburenganzira bwo gutora ibyemezo by'abanyamigabane, uburenganzira bw'ijwi rimwe	3° with respect to the right to vote on shareholders' resolutions, the right to one vote.	3° le droit à une voix, dans le respect de droit de vote lors des résolutions des actionnaires.
Haseguriwe ibiteganywa n'iri tegeko, mu gihe ari isoseyeti ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, umugabane wose ushobora	Subject to the provisions of this Law, if the company is a public company, a share is fully transferable.	Sous réserve des dispositions de la présente loi, si la société est publique, une action est entièrement transférable.

guhererekanywa.

Iyo ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, uretse iyo hari ibindi bibuzwa mu ihererekanywa biteganyijwe mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, umugabane urahererekanywa haseguriwe uburenganzira bw'abanyamigabane bwo guhakana iyandikwa ry'umuntu batemeje, kandi uburenganzira bwo guhakana iyandikwa bunakoreshwa ku muntu wagenewe ihererekanya mu isosiyete ku bw'itegeko.

If the company is a private company, and unless some other restriction on transfer is specified in its incorporation documents, a share is transferable subject to the right of the shareholders to decline to register a transfer to a person of whom they do not approve. The right to decline registration also applies to a person to whom the right to any share in the company has been transferred by operation of law.

S'il s'agit d'une société privée, à moins qu'une autre restriction de transfert ne soit spécifiée dans ses documents de constitution, une action est transférable sous réserve du droit des actionnaires de refuser d'enregistrer un transfert à une personne qu'ils n'approuvent pas et le droit de refuser l'enregistrement s'applique également à une personne à qui le droit à une part dans la société a été transféré en vertu de la présente loi.

Ingingo ya 89: Itariki yo kugena uburenganzira bw'abanyamigabane

Itariki yo kugena abanyamigabane bafite uburenganzira bwo kumenyeshwa cyangwa ubwo gutora mu nteko rusange y'abanyamigabane ni:

- (a) ku muni wa nyuma wo guhagarika ibikorwa ukurikira umunsi imenyekanisha ryatanze; cyangwa
- (b) iyo nta menyekanisha ryabayeho, ku muni inama yabereyeho;

Umunsi wo kugena uburenganzira bw'abanyamigabane ku mpamvu iyo ari yo yose, uretse kugena uburenganzira bwo

Article 89: Date for determining shareholder right

The date for determination of shareholders entitled to receive notice of or vote at a meeting of shareholders is:

- (a) the close of business on the day immediately preceding the day on which the notice is given;
- (b) if no notice is given, the day on which the meeting is held;

The date for the determination of shareholders rights for any purpose except determining the right to receive notice of or to vote at a

Article 89: Date de détermination des droits des actionnaires

La date de détermination des actionnaires ayant le droit de recevoir un avis ou de voter à une assemblée des actionnaires est la suivante:

- (a) la clôture des activités le jour qui immédiatement précède celui où l'avis est donné;
- (b) si aucun avis n'est donné, le jour de la tenue de la réunion; et

la date de la détermination des droits des actionnaires à quelque fin que ce soit, à l'exception de la détermination du droit de

kumenyeshwa cyangwa gutora mu nama, ni igihe cy'ihagarika ry'ibikorwa, ku munsu wa nyuma abagize Inama y'Ubutegetsi bafatiye umwanzuro ubyerekeye.

Inama y'Ubutegetsi ishyiraho, mbere y'igihe, itariki abanyamigabane b'isoseyeti bazemerezwa, hagamijwe kugena abanyamigabane bafite uburenganzira bwo guhabwa imenyeshwa cyangwa ubwo gutora mu Nteko Rusange y'abanyamigabane, ariko itariki ishyizweho ntibe mbere y'iminsi irenga mirongo ine (40) y'akazi, cyangwa iri munsu y'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi, uherye ku itariki inama izaberaho.

Ingingo ya 90: Ihinduka ry'uburenganzira

Iyo imari shingiro y'isosiyete igabanyijemo ibyiciro bitandukanye by'imigabane, iyo sosiyete ntigomba kugira icyo ikora gihindura uburenganzira bujyanye n'icyo cyiciro cy'imigabane, keretse iryo hindura ryemejwe n'umwanzuro udasanze w'abanyamigabane.

Iyo ihinduka ry'uburenganzira bujyanye n'icyiciro cy'umugabane ryemejwe, kandi n'isosiyete ikaba ifite uburenganzira bwo kurishyira mu bikorwa, ufite uwo mugabane wo muri icyo cyiciro utaremeye ntanahakane amatora y'uwo mwanzuro wemeje ihinduka,

meeting is at the close of business on the day on which the directors pass the resolution relating thereto.

The Board of Directors fixes in advance a date on which the shareholders of the company are to be determined for the purpose of determining shareholders entitled to receive notice of or vote at a meeting of shareholders, provided that the date fixed may not precede by more than forty (40) working days or by less than fifteen (15) working days the date on which the meeting is to be held.

Article 90: Variation of rights

Where the share capital of a company is divided into different classes of shares, a company shall not take any action which varies the rights attached to a class of shares unless that variation is approved by a special resolution of shareholders.

Where the variation of rights attached to a class of shares is approved and the company becomes entitled to take the action concerned, the holder of a share of that class, who did not consent to or cast any vote in favour of the resolution for the variation, may apply to a

recevoir un avis ou de voter dans une réunion est celle de la clôture des activités le jour où les membres du conseil d'administration adoptent la résolution y relative.

Le conseil d'administration fixe en avance une date à laquelle les actionnaires de la société doivent être déterminés aux fins de déterminer les actionnaires ayant le droit de recevoir un avis ou de voter à une assemblée des actionnaires, à condition que la date fixée ne puisse pas précéder, de plus de quarante (40) jours ouvrables ou de moins de quinze (15) jours ouvrables, à compter de la date de la réunion.

Article 90: Modification des droits

Lorsque le capital social d'une société est réparti en différentes catégories d'actions, une société ne doit prendre aucune action qui modifie les droits liés à une catégorie d'actions, à moins que cette modification ne soit approuvée par résolution spéciale des actionnaires.

Lorsque la modification des droits attachés à une catégorie d'actions est approuvée et que la société est en droit de prendre l'action en cause, le détenteur de l'action de cette catégorie, qui n'a ni consenti, ni rejeté les votes en faveur de la résolution portant sur la

ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha kubuza igikorwa icyo ari cyo cyose gishobora kumubangamira cyangwa se agasaba isosiyete kugura iyo migabane.

competent Court for an order against acts that are prejudicial to a shareholder, or he/she may require the company to purchase those shares.

modification, peut demander à la juridiction compétente de prendre une décision contre toute action qui peut être préjudiciable à un actionnaire, ou encore, il peut demander à la société d'acheter ces actions.

Akiciro cya 2: Uburenganzira bw'abanyamigabane ku makuru

Section 2: Shareholders' rights to information

Section 2: Droits des actionnaires à l'information

Ingingo ya 91: Inyandiko zimenyeshwa abanyamigabane buri mwaka

Article 91: Documents to be disclosed annually to shareholders

Article 91: Documents à communiquer annuellement aux actionnaires

Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete yoherereza buri munyamigabane mu gihe cyagenwe, inyandiko zikurikira:

The Board of Directors of a company causes to be sent to every shareholder of the company within the time limits the following documents:

Le Conseil d'administration d'une société fait parvenir à chaque actionnaire de la société dans les délais prévus, les documents suivants:

1° kopi y'ibaruramari ry'umwaka rya sosiyete ryemejwe kandi ryashyizweho umukono;

1° a copy of the company's annual accounts approved and signed;

1° une copie des comptes annuels de la société approuvés et signés;

2° kopi ya raporo y'umugenzuzi w'imari kuri ryo baruramari;

2° a copy of the auditor's report on those accounts; and

2° une copie du rapport de l'auditeur sur ces comptes;

3° kopi ya raporo y'Inama y'Ubutegetsi yerekeranye n'igihe cy'ibaruramari gihuye n'iryobaruramari.

3° a copy of the Board of Directors' report relating to the same accounting period as those accounts.

3° une copie du rapport du conseil d'administration relatif au même exercice comptable que ces comptes.

Igihe ntarengwa cyo kumenyesha amakuru ni:

The time limits for disclosure of such information are:

Les délais pour la communication de ces informations sont les suivants:

1° mu mezi ane (4) akurikira itariki fatizo y'ibaruramari, mu gihe ari

1° in the case of a private company, within four (4) months of the

1° dans le cas d'une société privée, dans les quatre (4) mois suivant la date de

isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane;

2° amezi ane (4) akurikira itariki fatizo y'ibaruramari iyo ari isoseyeti ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.

company's accounting reference date;

2° in the case of a public company, within four (4) months of the company's accounting reference date.

référence comptable de la société;

2° dans le cas d'une société publique, dans les quatre (4) mois suivant la date de référence comptable de la société.

Ingingo ya 92: Raporo y'abagize Inama y'Ubutegetsi

Raporo y'abagize inama y'ubutegetsi y'isosiyete igomba gukorwa mu nyandiko hubahirijwe igihe cy'ibaruramari kijyanye na:

1° igaragaza umubare w'amafaranga Inama y'Ubutegetsi isaba ko wishyura nk'inyungu ku migabane, n'umubare w'amafaranga isaba ko azigamwa;

2° igaragaza indi mpano iyo ari yo yose irenga ku mafaranga yagenywe, harimo imfashanyo z'abagiraneza cyangwa izo mu rwego rwa politiki zatanzwe na sosiyeti uhereye igihe cya raporo iheruka;

3° igaragaza inyungu zanditswe mu gitabo zabonetse guhera ku itariki ya raporo iheruka;

Article 92: Directors' report

In respect of the accounting period to which the annual accounts relate, a report of the directors for a company shall be in writing and:

1° states the amount, if any, which the Board of Directors recommends should be paid as dividend and the amount, if any, which they propose to carry to reserves;

2° states any donations exceeding the prescribed amount, including charitable or political donations made by the company since the date of the previous report;

3° states particulars of any entries in the register of interests made since the date of the previous annual

Article 92: Rapport des administrateurs

Dans le respect de l'exercice comptable auquel les comptes annuels se rapportent, un rapport des administrateurs d'une société est établi par écrit et:

1° indique, le cas échéant, le montant que le conseil d'administration a recommandé de verser à titre de dividende et, le cas échéant, le montant qu'il propose de porter en réserves;

2° indique les dons excédant le montant prescrit, y compris les dons de bienfaisance ou politiques effectués par la société depuis la date du rapport précédent;

3° indiquer les inscriptions au registre des intérêts effectuées depuis la date du précédent rapport annuel;

report;

4° ishyirwaho umukono n’abagize Inama y’Ubutegetsi babiri (2) ba sosiyete mu izina ry’Inama y’Ubutegetsi ya sosiyete, cyangwa umukono w’umuyobozi mu gihe ari we wenyine uhari;

4° is signed on behalf of the Board of Directors by two directors of the company, or, if there is then only one director, by that director;

4° est signé pour le compte de Conseil d’administration de la société par ses deux membres ou, s’il n’y a qu’un seul membre, par lui ;

kandi iyo ari isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane raporo inagaragaza:

and in the case of a public company, the report also:

et dans le cas d’une société publique, le rapport aussi:

1° ibikorwa by’ingezi by’isosiyete n’izindi zabyawe na yo muri icyo gihe n’izindi mpiduka zifatika zabaye muri icyo gihe; kandi

1° states the principal activities of the company and its subsidiaries during the period and any significant changes in those activities during the period;

1° indique les principales activités de la société et de ses filiales au cours de la période et tout changement significatif de ces activités au cours de cette période;

2° ikaba irimo isesengura nyakuri ry’iterambere ry’ubucuruzi bw’isosiyete n’iry’izindi zabyawe na yo mu gihe cy’ibaruramari n’icyo bavuka ku mpera ryacyo.

2° contains a fair review of the development of the business of the company and its subsidiaries during the accounting period and of their positions at the end of it.

2° contient un examen juste de l’évolution des activités de la société et de ses filiales au cours de l’exercice comptable et de leurs positions à la fin de celui-ci.

Raporo y’abagize Inama y’Ubutegetsi si ngombwa iyo ari sosiyete idahamagarira abantu kuyiguramo imigabane mu gihe abanyamigabane babihisemo batyo.

The requirement for a report of the directors does not apply in the case of a private company where shareholders have opted out of this requirement.

L’exigence d’un rapport des membres du conseil d’administration ne s’applique pas dans le cas d’une société privée lorsque les actionnaires ont choisi de ne pas satisfaire à cette exigence.

Ingingo ya 93: Andi makuru ahabwa abanyamigabane

Abanyamigabane bagomba guhabwa amakuru yerekeye:

- 1° imigendekere y'inteko rusange z'abanyamigabane n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;
- 2° ibiteganywa mu ngingo ya 116 y'iri tegeko;
- 3° ibiteganywa n'ingingo ya 178 y'iri tegeko ku bisabwa mu kugura imigabane y'abanyamigabane mu buryo bwihariye keretse iyo abanyamigabane b'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane bahisemo kutubahiriza ibisabwa.

Abanyamugabane bahabwa amakuru kugira ngo batange uruhushya rwerekeranye na:

- 1° ububasha bwo guhindura inyandiko z'ishingwa rya sosiyeti;
- 2° isabwa mu gutanga uburenganzira bw'icyiciro;
- 3° ibikorwa by'ubucuruzi bihamye;

Article 93: Other disclosures to shareholders

A disclosure shall be made to shareholders in accordance with:

- 1° proceedings at shareholders' meetings and the incorporation documents;
- 2° the provisions of Article 116 of this Law;
- 3° the provisions of Article 178 of this Law on requirements for special offers except if a private company shareholders have opted out of the requirements.

A disclosure must also be made, which is necessary, to seek shareholders authorisation as provided in this Law with respect to:

- 1° the power to alter company's incorporation documents;
- 2° class authorisation;
- 3° major transactions;

Article 93: Autres informations à fournir aux actionnaires

Une information est fournie aux actionnaires conformément:

- 1° aux délibérations des réunions d'actionnaires et les documents constitutifs de la société ;
- 2° les dispositions de l'article 116 de la présente loi;
- 3° aux dispositions de l'article 178 de la présente loi sur les exigences spéciales offertes, sauf si les actionnaires d'une société privée ont choisi d'exclure ces exigences.

La divulgation doit être faite, conformément à la présente loi, pour obtenir l'autorisation des actionnaires en rapport avec:

- 1° le pouvoir de modifier les documents constitutifs de la société;
- 2° l'exigence d'autorisation de la catégorie;
- 3° les transactions importantes;

4° guhindura imiterere;

4° change of status; and

4° le changement de statut;

5° n'uburyo bwo kwemerera kwibumbira hamwe.

5° manner of authorising amalgamations.

5° le mode d'autorisation des fusions.

Ingingo ya 94: Uburyo bwo koherereza inyandiko abanyamigabane

Article 94: Method of sending documents to shareholders

Article 94: Mode d'envoi des documents aux actionnaires

Inyandiko iyo ari yo yose yoherezwa abanyamigabane ishobora gutangwa ku buryo bufatika cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga, igashyirwa cyangwa ikoherezwa kuri aderesi y'uwo munyamigabane igaragara mu gitabo cy'abanyamigabane.

Any document to be sent to a shareholder may be delivered physically or by electronic means to the shareholder or posted or delivered to the address for that shareholder shown on the register of shareholders.

Tout document à envoyer à un actionnaire peut être remis physiquement ou par voie électronique à l'actionnaire ou être envoyé ou remis à l'adresse de cet actionnaire indiqué sur le registre des actionnaires.

Inyandiko yoherejwe umunyamigabane ifatwa nk'aho yayibonye nyuma y'iminsi itanu (5) y'akazi kuva igejejwe kuri aderesi yatanzwe n'umunyamigabane igaragara mu gitabo cy'abanyamigabane.

The document posted to a shareholder is deemed to be received by the shareholder five (5) working days after it is delivered to the address for that shareholder shown on the register of shareholders.

Le document envoyé à un actionnaire est réputé reçu par l'actionnaire cinq (5) jours ouvrables après son dépôt remis à l'adresse de cet actionnaire indiqué sur le registre des actionnaires.

Iyo inyandiko yoherejwe kuri aderesi y'umunyamigabane igaragara mu gitabo cy'abanyamigabane igaruwe inshuro eshatu zikurikirana nk'itakiriwe, isosiyete ntikenera kongera koherereza umunyamigabane izindi nyandiko izo ari zo zose kugeza igihe uwo munyamigabane amenyesheje isosiyete aderesi ye nshya.

If a document sent to a shareholder at the address shown on the register of shareholders is returned unclaimed three consecutive times, the company does not have to send any further documents to the shareholder until the shareholder notifies the company of his or her new address.

Si un document envoyé à un actionnaire à l'adresse indiquée sur le registre des actionnaires est retourné comme non réclamé trois fois consécutives, la société n'a pas besoin d'envoyer d'autres documents à l'actionnaire jusqu'à ce que l'actionnaire avise la société de sa nouvelle adresse.

Icyiciro cya 3: Uburyozwe

Ingingo ya 95: Uburyozwe bw'umunyamigabane

Uretse iyo ari isosiyete ifite uburyozwe butagarukira ku migabane, umunyamigabane ntaryozwa inshingano ya sosiyete kuko ari umunyamigabane gusa. Uburyozwe bw'umunyamigabane kuri sosiyete, cyangwa ku nshingano zayo, bugarukira:

- 1° ku mafaranga atarishyuye ku mugabane ufitwe n'uwo munyamugabane;
- 2° ku bundi buryozwe bwose bwateganyijwe bwateganyijwe n'inyandiko z'ishingwa rya sosiyete ku buryo budashidakanywaho, aho zishobora guteganya ko uburyozwe bw'umunyamigabane butagarukira gusa ku migabane ye;
- 3° ku byahawe umunyamigabane ariko bikaba bigomba kugaruzwa hakurikijwe ingingo ya 75 y'iri tegeko.

Iyo inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete ziteganya ko umugabane utuma nyirawo agira uburyozwe, ubwo buryozwe buba k'ufite uwo mugabane

Section 3: Liability

Article 95: Liability of shareholders

With the exception of unlimited liability companies, a shareholder is not liable for the obligations of a company only because of being a shareholder. The liability of a shareholder to the company, or for the company's obligations is limited to:

- 1° any amount unpaid on a share held by the shareholder;
- 2° any liability expressly provided for in the company's incorporation documents which may, in the case of a private company provide that the shareholder's liability is unlimited;
- 3° any distribution received by the shareholder to the extent that the distribution is recoverable in accordance with Article 75 of this Law.

Where the incorporation documents of a company provides that a share imposes a liability on its holder, that liability attaches to

Section 3 : Responsabilité

Article 95: Responsabilité des actionnaires

À l'exception des sociétés à responsabilité illimitée, un actionnaire n'est pas responsable de l'obligation d'une société en raison seulement d'être actionnaire. La responsabilité d'un actionnaire envers la société ou pour ses obligations se limite à:

- 1° tout montant impayé sur une action détenue par l'actionnaire;
- 2° toute responsabilité expressément prévue dans les documents constitutifs de la société qui peut, dans le cas d'une société privée, prévoir que la responsabilité de l'actionnaire est illimitée;
- 3° toute distribution reçue par l'actionnaire dans la mesure où la distribution est recouvrable conformément à l'article 75 de la présente loi.

Lorsque les documents constitutifs d'une société prévoient qu'une action impose une responsabilité à son détenteur, cette

Official Gazette n°Special of 31/05/2017

icyo gihe, aho kuba k'uwari uwufite mbere, kabone n'iyu ubwo buryozwe bwagira inkurikizi mbere y'uko umugabane wandikwa ku izina ry'uwufite ubu.

the holder of the share for the time being, and not to a prior holder of the share, whether or not the liability became enforceable before the share was registered in the name of the current shareholder.

responsabilité est attachée au détenteur actuel de cette action et non à un détenteur antérieur de l'action, que cette responsabilité soit ou non devenu exécutoire avant que l'action ne soit enregistrée au nom de l'actionnaire actuel.

Haseguriwe igika cya 2 cy'iyi ngingo, iyo:

Subject to paragraph 2 of this Article, where:

Sous réserve de l'alinéa 2 du présent article, lorsque:

1° iyishyurwa ry'umugabane wose cyangwa igice cyawo kitishyuwe; kandi

1° all or part of the payment for the allotment of a share remains unsatisfied;

1° la totalité ou une partie du paiement de l'attribution d'une action reste impayée;

2° umuntu wahawe umugabane ntabe akiwufite, uburyozwe bujyanye n'icyo gice kitishyuwe, ntibiba ubwishyu bw'abafite imigabane bawuhawe nyuma, ahubwo uburyozwe bugira uwahawe umugabane, cyangwa undi muntu wese wagize ubwo buryozwe igihe cy'isaranganya ry'imigabane.

2° the person to whom the share was allotted no longer holds that share, liability in respect of that unsatisfied payment does not become that of subsequent holders of the share, but remains the liability of the person to whom the share was allotted, or of any other person who assumed that liability at the time of allotment.

2° la personne à laquelle l'action a été attribuée ne détient plus cette action, la responsabilité à l'égard de ce paiement non fait ne devient pas celui des porteurs subséquents de l'action, mais reste la responsabilité de la personne à qui l'action a été attribuée, ou de toute autre personne qui a assumé cette responsabilité au moment de l'allotissement.

Nta na kimwe giteganywa n'iyi ngingo gishobora kugira icyo gikora ku buryozwe umunyamugabane afitiye sosiyete hashingiwe ku masezerano, harimo n'amasezerano y'itangwa ry'imigabane, cyangwa ku bijyanye n'ikosa ridashingiye ku masezerano kutubahiriza inshingano y'ushinzwe gucunga iby'abandi, cyangwa izindi mpamvu zatuma hitabazwa inkiko irindi kosa rikozwe na we.

Nothing in this article affects a shareholder's liability to the company on any contract, including a contract for the allotment of shares or for any tort or breach of fiduciary duty or other ground to take legal action for wrong committed by him/her.

Aucune disposition du présent article n'affecte la responsabilité d'un actionnaire envers la société sur aucun contrat, y compris un contrat pour l'attribution d'actions ou pour tout délit ou manquement à une obligation fiduciaire ou autre raison d'intenter une action pour la faute commise par lui.

Urukiko rushobora kurenga uburyozwe bushingiye ku migabane kugira ngo umunyamugabane ariyozwe inshingano za sosiyete, iyo rusanze uwo munyamugabane yarakoresheje nabi imiterere ya sosiyete agamije uburiganya cyangwa kwica amategeko cyangwa yarafashe nabi umutungo wa sosiyete nk'aho ari umutungo w'abantu ku giti cyabo.

Ingingo ya 96: Uburyozwe bushingiye ku mafaranga atarishyurirwa imigabane

Iyo umugabane utuma nyirawo ariyozwa amafaranga atari yawishyurira, cyangwa, ufite ubundi buryozwe kuri nyirawo, ubwo buryozwe bubarwa ku munyamugabane uwufite muri icyo gihe; kandi ntibubazwe uwari uwufite mbere kabone n'iyi ubwo buryozwe bwagira inkurikizi mbere y'uko umugabane wandikwa ku izina ry'uwufite ubu.

Ingingo ya 97: Uburyozwe bw'intumwa bwite

Mu gihe intumwa bwite yazunguye umuntu wapfuye yanditswe nk'ifite umugabane ubarirwa mu byo yazunguye, uburyozwe bw'iyi ntumwa bwite ku bijyanye n'uwo mugabane, ntibugomba kurenga agaciro k'ibintu iyo ntumwa bwite ifite bituruka ku byo yacungiraga undi bifitanye isano n'uwo mugabane, igihe hasabwa kubahiriza ubwo

A court may pierce the corporate veil to hold a shareholder liable for obligations of the company if the court finds that the shareholder has abused the company form for fraudulent or illegal purposes or wrongfully treated the company's assets as personal assets as though the company did not exist.

Article 96: Liability for calls

Where a share makes its holder liable to calls, or imposes any other liability on its holder, that liability attaches to the holder of the share, and not to a prior holder of the share, whether or not the liability became enforceable before the share was registered in the name of the current holder.

Article 97: Liability of personal representative

Where a personal representative of the estate of a deceased person is registered as the holder of a share comprised in that estate, the liability of that personal representative, in respect of that share, does not exceed the value of any assets which, at the time when any demand is made for the satisfaction of any such liability are held by that personal

Une juridiction peut percer le voile corporatif pour tenir un actionnaire responsable des obligations de la société si ce tribunal constate que l'actionnaire a abusé de la forme de la société à des fins frauduleuses ou illégales ou mal traité les actifs de la société comme des biens personnels

Article 96: Responsabilités liées aux actions en rappel

Lorsqu'une action rend son détenteur redevable des sommes non encore payées ou impose une responsabilité à son détenteur, cette responsabilité se rattache au détenteur actuel de l'action et non à l'actionnaire précédent même lorsque la responsabilité deviendrait applicable avant l'enregistrement de l'action au nom de l'actuel détenteur.

Article 97: Responsabilité du représentant personnel

Lorsqu'un représentant personnel de la succession d'une personne décédée est inscrit comme titulaire d'une action comprise dans cette succession, la responsabilité de ce représentant personnel ne doit pas, à l'égard de cette action, excéder la valeur des biens qui, au moment où une demande est faite pour la satisfaction de telle responsabilité de ce type,

buryozwe.

representative upon the same trusts as are applicable to that share.

sont détenues par ce représentant personnel sur les mêmes fiducies que celles applicables à cette action.

Ku bw'iyi ngingo "ibintu by'undi" bigera ku nshingano z'intumwa bwite.

For the purposes of this article, "trust" extends to the duties of a personal representative.

Aux fins du présent article, la «fiducie» s'étend aux devoirs d'un représentant personnel.

Ingingo ya 98: Uburyozwe bw'ucunga iby'undi mu gihe cy'igihombo

Article 98: Liability of trustee in bankruptcy

Article 98: Responsabilité du fidéicommissaire de faillite

Iyo ucunga iby'undi mu gihe cy'igihombo yanditswe nk'ufite umugabane, uburyozwe bwe bushingiye kuri uwo mugabane ntibujya hejuru y'agaciro k'umutungo uwo ari wo wose w'igihombo mu gihe hatanzwe ubusabe ubwo ari bwo bwose bwo kubahiriza ubwo buryozwe, iyo uwo mutungo weguriwe ucunga iby'undi.

Where a trustee in bankruptcy is registered as the holder of a share, the liability of that trustee in bankruptcy, in respect of that share, not exceed the value of any property of the bankrupt which, at the time when any demand is made for the satisfaction of such liability, is vested in the trustee.

Lorsqu'un fidéicommissaire de faillite est enregistré en tant que détenteur d'une action, la responsabilité d'un fidéicommissaire de faillite ne peut pas, à l'égard de cette action, dépasser la valeur des biens du failli qui, au moment où une demande pour la satisfaction de cette responsabilité est formulée, est dévolu au fidéicommissaire.

Ingingo ya 99: Uburyozwe bw'abanyamigabane ku birebana n'ikoreshwa ry'ububasha bwabo

Article 99: Liability of shareholders in respect of exercise of powers

Article 99: Responsabilité des actionnaires en ce qui concerne l'exercice des pouvoirs

Umunyamigabane utora gusa nk'umunyamigabane ukoresha ububasha buteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, nta nshingano n'imwe aba afite kuri sosiyete cyangwa ku wundi muntu, kandi ntaryozwa kuba yaratoye cyangwa ataratoye mu itora afitemo uburenganzira.

A shareholder voting solely in their capacity as a shareholder in the exercise of any of the powers set out in paragraph 2 of this article does not owe any duty to the company or to any other person and does not incur any liability in respect of the exercise of or failure to exercise votes to which that shareholder is entitled.

Un actionnaire votant uniquement en sa qualité d'actionnaire sur l'exercice de l'un des pouvoirs énoncés à l'alinéa 2 n'a aucun devoir envers la société ou envers une autre personne et n'engage aucune responsabilité à l'égard de l'exercice ou de l'omission d'exercer des votes auxquelles cet actionnaire a droit.

Official Gazette n°Special of 31/05/2017

Ububasha buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni ubu bukurikira:	The powers mentioned in paragraph One are those to:	Les pouvoirs visés à l'alinéa premier du présent article sont les suivants:
1° kwemeza itangwa ry'imigabane;	1° authorise an allotment of shares;	1° autoriser une attribution des actions;
2° kwemeza ihindurwa ry'uburenganzira bw'abanyamigabane;	2° authorise an alteration of shareholders' rights;	2° autoriser une modification des droits des actionnaires;
3° kwemeza ishyirwaho cyangwa ivanwaho ry'ugize Inama y'Ubutegetsi;	3° authorise the appointment of or removal of a director;	3° autoriser la nomination ou la révocation d'un administration;
4° kwemeza ishyirwaho cyangwa ivanwaho ry'umugenzuzi w'imari;	4° authorise the appointment of or removal of an auditor;	4° autoriser la nomination ou la révocation d'un auditeur;
5° kwemeza ko hagira igihinduka mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;	5° authorise any alteration in the company's incorporation documents;	5° autoriser toute modification des documents de constitution de la société;
6° kwemeza igikorwa cy'ubucuruzi gihamye hashingiwe ku ngingo ya 196 y'iri tegeko;	6° authorise a major transaction pursuant to Article 196 of this Law;	6° autoriser une transaction importante en vertu de l'article 196;
7° gusaba ko isosiyete ifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda isibwa mu gitabo;	7° apply for a solvent company to be removed from the register;	7° demander la radiation d'une société solvable;
8° Kuvanaho ingingo yo kutagira uruhare hakurikijwe ingingo ya 209 y'iri tegeko.	8° reverse an opt out under article 209 of this Law.	8° annuler une clause de non-participation en vertu de l'article 209 de la présente loi.
Mu gihe inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;	Where a company's incorporation documents:	Lorsque les documents constitutifs d'une société:
1° ziha ububasha ubwo ari bwo bwose	1° confer any power on shareholders	1° confèrent tout pouvoir aux

bwagombye kuba ubw'abagize Inama y'Ubutegetsi;	which would otherwise be exercised by the directors;	actionnaires qui serait exercé par les administrateurs;
2° zitegeka ko abagize Inama y'Ubutegetsi bakoresha ububasha cyangwa birinda kubukoresha hakurikijwe icyemezo cyangwa ibwiriza ry'abanyamigabane,	2° require the directors to exercise or refrain from exercising a power in accordance with a decision or direction of shareholders.	2° exigent que les administrateurs exercent ou s'abstiennent d'exercer un pouvoir conformément à une décision ou à une directive des actionnaires.
abanyamigabane batora cyangwa bagenzura ikoresha ry'ububasha, cyangwa icyemezo cy'uko ububasha bwagombye gukoresha n'abagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa bakirinda kubukoresha, bafatwa nk'abagize Inama y'Ubutegetsi hashingiwe ku nshingano z'abagize Inama y'Ubutegetsi ziteganywa n'iri tegeko.	the shareholders who vote on or control the exercise of that power, or the decision or direction that the power should or should not be exercised are deemed to be directors for the purposes of directors' duties set out in this Law.	les actionnaires qui votent ou contrôlent l'exercice de ce pouvoir, ou la décision ou l'instruction que le pouvoir devrait ou ne devrait pas être exercé sont réputés être des administrateurs aux fins des fonctions des administrateurs énoncées dans la présente loi.
Nta na kimwe giteganywa muri iyi ngingo kibangamira uburyozwe bushingiye ku masezerano cyangwa indi nshingano yafashwe n'umunyamigabane.	Nothing in this Article affects any liability arising out of a contract or other obligation expressly entered into by a shareholder.	Aucune disposition du présent article ne porte atteinte à toute responsabilité découlant d'un contrat ou toute autre obligation dans laquelle un actionnaire s'est engagé.
Section 4: Ikoreshwa ry'ububasha by'abanyamigabane binyuze mu myanzuro	Section 4: Exercise of shareholder powers by resolutions	Section 4: Exercice des pouvoirs des actionnaires par résolutions
Ingingo 100: Ikoreshwa ry'ububasha by'abanyamigabane binyuze mu myanzuro	Article 100: Exercise of shareholder powers by resolution	Article 100: Exercice des pouvoirs des actionnaires par résolutions
Ububasha abanyamigabane bahabwe n'iri tegeko cyangwa inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, bukoreshwa binyujijwe mu mwanzuro w'abanyamigabane:	Powers reserved for shareholders by this Law or by a company's incorporation documents are exercised by shareholders' resolution:	Les pouvoirs réservés aux actionnaires par la présente loi ou par les documents constitutifs d'une société sont exercés par voie de résolution des actionnaires:

1° mu nteko rusange ya buri mwaka y'abanyamigabane;	1° at a shareholders' annual meeting; or	1° lors d'une assemblée annuelle des actionnaires;
2° mu nteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane;	2° at a shareholders' extraordinary meeting;	2° lors d'une assemblée extraordinaire des actionnaires;
3° binyujijwe mu mwanzuro wanditse usimbura inama;	3° by shareholders' written resolution in lieu of meeting;	3° par résolution écrite des actionnaires tenant lieu de réunion;
4° mu bwumvikane buseseye bw'abanyamigabane.	4° by a unanimous shareholder agreement.	4° par convention unanime des actionnaires.

Ingingo ya 101: Gusaba gushyira ingingo ku murongo w'ibygwa n'Inteko rusange bikoze n'umunyamigabane

Haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, umunyamigabane ashobora kwandikira Inama y'Ubutegetsi asaba ko ingingo runaka igibwaho impaka mu Nteko Rusange itaha y'abanyamigabane bafite uburenganzira bwo gutora. Inyandiko y'ubusabe igomba kuba iriho umukono w'umunyamigabane wayitanze. Ubwo busabe bushobora kuba bufitanye isano n'imicungire ya sosiyete.

Iyo imenyekanisha ry'ubusabe rigeze ku Nama y'Ubutegetsi mu gihe cy'iminsi makumyabiri (20) y'akazi mbere y'umunsi wa nyuma imenyeshya ry'inama y'abanyamigabane bireba rigomba kuba ryagejwe ku Nama

Article 101: Shareholder proposal at general meeting

Subject to the company's incorporation documents, a shareholder may by written notice to the Board of Directors propose any matter for discussion or resolution at the next meeting of shareholders at which the shareholder is entitled to vote. The proposal shall be signed by the shareholder submitting the same. The proposal may relate to the management of the company.

If the notice is received by the Board of Directors not less than twenty (20) working days before the last day on which notice of the relevant meeting of shareholders is required to be given by the Board of

Article 101: Proposition d'actionnaire à l'assemblée

Sous réserve des documents constitutifs de la société, un actionnaire peut, par écrit au conseil d'administration dont il propose l'inscription à l'ordre du jour ou toute résolution à soumettre à la prochaine assemblée à laquelle il a le droit de voter. La proposition est signée par l'actionnaire qui en est l'auteur. Cette proposition peut porter sur la gestion de la société.

Si l'avis est reçu par le Conseil d'administration au moins vingt (20) jours ouvrables avant le dernier jour où l'avis de l'assemblée des actionnaires concernée doit être donné par le conseil d'administration, le

y'Ubutegetesi, Inama y'Ubutegetesi igomba, kandi byishyuwe n'isosiyete, kugeza iryo menyesha ry'inyandiko y'ubusabe n'umunyamigabane iherekejwe n'umushinga w'umwanzuro usabwa ku banyamigabane bose bafite uburenganzira bwo kugezwaho ubutumire bw'inama.

Iyo imenyekanisha ry'ubutumire ryakiriwe n'Inama y'Ubutegetesi mu gihe cy'iminsi y'akazi itari muni y'itanu (5) kandi kitarengeje iminsi makumyabiri (20) y'akazi mbere y'umunsi wa nyuma w'itumira ry'inteko rusange y'abanyamigabane bireba rigomba kuba ryagejwe ku nama y'ubutegetesi. Inama y'Ubutegetesi igomba, kandi byishyuwe n'uwo munyamigabane, kugeza iryo menyekanisha ry'ubusabe riherekejwe n'umushinga w'umwanzuro usabwa ku banyamigabane bose bafite uburenganzira bwo kugezwaho ubutumire bw'inama.

Iyo imenyeshya y'ubusabe ryakiriwe n'Inama y'Ubutegetesi mu gihe cy'iminsi y'akazi itari muni y'iminsi (5) mbere y'umunsi wa nyuma w'itumira w'inteko rusange y'abanyamigabane bireba rigomba kuba ryagejwe ku Nama y'Ubutegetesi, Inama y'Ubutegetesi igomba, mu gihe bishoboka, kandi byishyuwe n'umunyamigabane, kugeza iryo menyesha ry'ubusabe n'umunyamigabane buherekejwe n'umushinga w'umwanzuro usabwa ku

Directors, the board shall, at the expense of the company, give notice of the shareholder proposal and the text of any proposed resolution to all shareholders entitled to receive notice of the meeting.

If the notice is received by the board not less than 5 working days and not more than 20 working days before the last day on which notice of the relevant meeting of shareholders is required to be given by the Board of Directors, the Board of Directors shall, at the expense of the shareholder, give notice of the shareholder proposal and the text of any proposed resolution to all shareholders entitled to receive notice of the meeting.

If the notice is received by the Board of Directors less than five (5) working days before the last day on which notice of the relevant meeting of shareholders is required to be given by the board, the board shall, if practicable, and at the expense of the shareholder, give notice of the shareholder proposal and the text of any proposed resolution to all shareholders entitled to receive notice of the meeting.

conseil doit, aux frais de la société, donner la proposition de l'actionnaire et le texte de tout projet de résolution à tous les actionnaires ayant le droit de recevoir un avis de convocation de la réunion.

Si l'avis est reçu par le conseil d'administration au moins cinq (5) jours ouvrables et au plus tard vingt (20) jours ouvrables avant le dernier jour où l'avis de l'assemblée des actionnaires concernée doit être donné par le conseil d'administration, ce dernier doit, aux frais de l'actionnaire, donner l'avis de la proposition de l'actionnaire et du texte de tout projet de résolution à tous les actionnaires ayant le droit de recevoir l'avis de convocation de la réunion.

Lorsque le conseil d'administration reçoit l'avis de proposition moins de cinq (5) jours ouvrables avant le dernier jour où l'avis de de convocation des actionnaires concernés doit être envoyé par le conseil d'administration, ce dernier doit, dans la mesure du possible et aux frais de l'actionnaire, informer tous les actionnaires devant recevoir l'avis de convocation de l'assemblée, de la proposition de l'actionnaire et leur transmettre le texte de

banyamigabane bose bafite uburenganzira bwo kugezwaho ubutumire bw'inama.

Mu gihe umunyamigabane ariwe ugomba kwishyura imenyekanisha ry'ubusabe yoherereza isosiyete amafaranga ahagije kugira ngo ibimenyeshe abanyamigabane ndetse n'Inama y'Ubutegetsi.

Icyakora, Inama y'Ubutegetsi itanga imenyeshya ry'igisabwa n'umunyamigabane riri kumwe n'umushinga w'umwanzuro yabonye hakurikijwe igika cya mbere bikozwe mu nyandiko itumira abanyamigabane mu nteko rusange yahawe abanyamigabane. Mu gihe Inama y'Ubutegetsi isaba ko abanyamigabane bashobora gutora uwo mushinga bahagarariwe cyangwa binyujijwe ku iposita cyangwa mu bundi buryo bw'ikoranabuhanga, iha umunyamigabane wagize icyo asaba uburenganzira bwo gushyira mu nyandiko itumira inama ibisobanuro byumvikana bijyanye no gushyigikira icyo asaba, iherekejwe n'izina na aderesi bye.

Inama y'Ubutegetsi ntishyira mu nyandiko itumira inama y'abanyamigabane inyandiko iyo ari yo yose yateguwe n'umunyamigabane ibona irimo ibintu bishobora gusebanya, kurakaza

Where the costs of giving notice of the shareholder proposal and the text of any proposed resolution are required to be met by the proposing shareholder, the proposing shareholder shall, on giving notice to the Board of Directors, deposit with the company or tender to the company a sum sufficient to meet those costs.

However, the Board of Directors gives notice of any shareholder proposal and the text of any proposed resolution received by it under paragraph one in the notice of the meeting given to shareholders and, if the Board of Directors proposes that shareholders may vote on that proposal by proxy or by postal vote or electronically, they give the proposing shareholder the right to include in the notice of meeting a concise statement in support of the proposal, together with the name and address of the proposing shareholder.

The Board of Directors, after receiving notice of the shareholder's proposal, shall consider the possibility for shareholders to vote on the proposal by proxy or by postal vote or

tout projet de résolution.

Lorsque le coût lié à la transmission de la proposition de l'actionnaire et du texte de tout projet de résolution doit être assumé par l'auteur de la proposition, ce dernier doit, au moment de l'envoi de son avis au conseil d'administration, déposer ou remettre à la société une somme suffisante pour couvrir ces frais.

Toutefois, le conseil d'administration donne avis de toute proposition d'actionnaire et du texte de tout projet de résolution qu'il reçoit en vertu de l'alinéa premier dans l'avis de convocation donné aux actionnaires et, si le conseil d'administration permettent aux actionnaires de voter sur cette proposition par procuration ou par correspondance postale ou par voie électronique, il donne à l'actionnaire auteur de la proposition le droit d'inclure dans l'avis de convocation une déclaration concise à l'appui de la proposition, accompagnée du nom et de l'adresse de l'actionnaire auteur de la proposition.

Après avoir reçu l'avis de proposition d'un actionnaire, le conseil d'administration examine la possibilité pour les actionnaires de voter par procuration ou par correspondance

cyangwa bidafite icyo bimaze.

Inama y'Ubutegetsi ntikenera kubahiriza iyi ngingo iyo ubusabe bwashyizweho umukono n'abanyamigabane bari muni ya batanu ku ijana (5%) by'abanyamigabane bafite uburenganzira bwo gutora ku bibazo biri mu busabe mu gihe ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, cyangwa n'icumi ku ijana (10%) by'abanyamigabane bafite ubwo burenganzira mu gihe ari sosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, kandi Inama y'Ubutegetsi ifite impamvu yumvikana ko:

- 1° ubwo busabe cyangwa ikimeze nkabwo cyasuzumwe n'inteko rusange y'abanyamigabane mu gihe cy'imyaka ibiri (2) guhera ku itariki yaboneyeho inyandiko itumira;
- 2° impamvu y'ibanze y'ubusabe ari ugukosora ikintu bwite cyangwa ari uguteza imbere, muri rusange, ibijyanye n'ubukungu, politiki, idini, umubano cyangwa indi mpamvu bifitanye isano.

through any other electronic means.

Where the Board of Directors considers that the proposal is justified, it authorizes the shareholder concerned to prepare a summary statement of his/her proposed resolution, including therein his/her name and address. The Board of Directors need not comply with this article if the proposal is signed by less than five percent (5%) of the shareholders entitled to vote on the issues in the proposal for private companies or by less than ten percent (10%) of the shareholders so entitled for public companies and the Board of Directors is of the reasonable opinion that:

- 1° the same or substantially the same proposal was considered by a shareholders' meeting within two (2) years from the date of receipt of the notice;
- 2° the primary purpose of the proposal is to redress a personal grievance, or promote general economic, political, religious, social or other similar causes.

postale ou par tout autre moyen électronique.

Lorsque le conseil d'administration estime que la proposition est fondée, elle autorise l'actionnaire concernée à élaborer un résumé de projet de résolution accompagné de son nom et de son adresse. Le Conseil d'administration n'a pas à se conformer au présent article si la proposition est signée par moins de cinq pour cent (5%) des actionnaires ayant droit de vote sur les questions se trouvant dans la proposition pour les sociétés privées ou de moins de dix pour cent (10%) des actionnaires ainsi autorisés pour les sociétés publiques et que le conseil d'administration est raisonnablement d'avis que:

- 1° la proposition identique ou pratiquement identique été examinée par l'assemblée des actionnaires dans les deux (2) ans suivant la date de réception de l'avis;
- 2° le but principal de la proposition est de remédier à un grief personnel, ou de promouvoir des causes générales économiques, politiques, religieuses, sociales ou autres causes similaires.

Ingingo ya 102: Umwanzuro w'umunyamigabane werekeranye n'icungwa ry'isosiyete

Haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, abanyamigabane bashobora gufata umwanzuro werekeranye n'icungwa ry'isosiyete, icyakora si ngombwa ko wubahirizwa n'Inama y'Ubutegetsi.

Inama y'Ubutegetsi ishobora kutubahiriza uwo mwanzuro iyo isanze ubangamiye inyungu za sosiyete.

Icyiciro cya 5: Inteko rusange z'abanyamigabane n'imyanzuro isimburana inama

Ingingo ya 103: Inteko rusange ngarukamwaka y'abanyamigabane

Inama y'Ubutegetsi itumiza inteko rusange ya buri mwaka igomba guterana:

- 1° inshuro imwe mu mwaka kandi ntibirenge amezi cumi n'atanu (15) nyuma y'inteko rusange iheruka;
- 2° bitarenze amezi atandatu (6) nyuma y'itariki y'iyemezwa ry'ifoto y'umutungo y'isosiyete,

Article 102: Shareholder resolution relating to the management of the company

Subject to the company's incorporation documents, the shareholders may pass a resolution relating to the management of the company, but such a resolution is not binding on the Board of Directors.

The Board of Directors may refrain from complying with such a resolution if satisfied that the resolution is not in the best interests of the company.

Section 5: Shareholders' meetings and resolutions in lieu of meeting

Article 103: Shareholders' annual meeting

The Board of Directors shall call an annual meeting of shareholders to be held:

- 1° once a year and not later than fifteen (15) months after the last preceding meeting;
- 2° not later than six (6) months after the date of approval of the company's balance sheet;

Article 102: Résolution de l'actionnaire relative à la gestion de la société

Sous réserve des documents constitutifs de la société, les actionnaires peuvent adopter une résolution relative à la gestion de la société, mais une telle résolution n'est pas contraignante pour le conseil d'administration.

Le conseil d'administration peut s'interdire de se conformer à cette résolution s'il le juge contraire aux intérêts de la société.

Section 5: Assemblées des actionnaires et résolutions tenant lieu de réunion

Article 103: Assemblée annuelle des actionnaires

Le Conseil d'administration doit convoquer une assemblée annuelle qui doit se tenir :

- 1° une fois par an et au plus tard quinze (15) mois après la tenue de la dernière assemblée précédente;
- 2° pas plus tard que dans six (6) mois après la date d'approbation du bilan de la société ;

Icyakora isosiyete nshya ishobora guteranya inteko rusange yayo mu gihe kitarenze amezi cumi n'umunani (18) uhereye igihe yashingiwe.	However, a newly incorporated company may hold its shareholders' meeting within eighteen (18) months of its incorporation.	Toutefois, une société nouvellement créée peut tenir son assemblée des actionnaires dans les dix-huit (18) mois qui suivent sa constitution.
Isosiyete iteranya inteko rusange yayo ku itariki yumvikanyweho.	The company holds a shareholders' meeting on the agreed date.	La société tient son assemblée des actionnaires à la date convenue.
Inyandiko itumiza inama yohererezwa abanyamigabane bose mu minsi mironko itatu (30) nibura mbere y'uko inteko rusange iterana, kandi iyo nyandiko ikagaragaza nibura, ibiri ku murongo w'ibyigwa n'amakuru arebana n'abagize Inama y'Ubutegetsi bagomba gutorwa mu nteko rusange, harimo imyirondoro yabo, ubunararibonye bafite mu bucuruzi, n'imyanya bafite mu nama y'ubutegetsi mu yandi masosiyete.	Notice of each meeting is sent to all shareholders not less than thirty (30) days before the date of the meeting. The notice states, at a minimum, the agenda for the meeting and information regarding directors to be elected at the meeting including biographies, a statement of their business experience, and any directorships held by them in other companies.	L'avis de convocation est envoyé à tous les actionnaires au moins trente (30) jours avant la date de l'assemblée, lequel avis mentionne au moins l'ordre du jour de la réunion et les informations concernant les membres du conseil d'administration à élire à l'assemblée, y compris les biographies, leur expérience dans les affaires, et tous les postes qu'ils occupent en tant que directeurs d'autres sociétés.
<u>Ingingo ya 104: Gukurikirana imicungire y'isosiyete bikozwe n'abanyamigabane</u>	<u>Article 104: Shareholders' review of the company's management</u>	<u>Article 104: Examen de la gestion de la société par les actionnaires</u>
Umuyobozi w'inteko rusange y'abanyamigabane aha abanyamigabane umwanya uboneye wo kujya impaka no kugira icyo bavuga ku micungire y'isosiyete.	The chairperson of any shareholders' meeting gives the shareholders a reasonable opportunity to discuss and comment on the management of the company.	Le président de toute assemblée des actionnaires donne aux actionnaires une occasion raisonnable de discuter et de commenter sur la gestion de la société.
Inteko rusange y'abanyamigabane ishobora gufata umwanzuro yitwaje iyi ngingo igira ibyo isaba Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ku birebana n'ibibazo bigira ingaruka ku micungire y'isosiyete.	A shareholders' meeting may pass a resolution under this Article which makes recommendations to the Board of Directors on matters affecting the management of the company.	Une assemblée des actionnaires peut adopter une résolution en vertu du présent article qui formule des recommandations au conseil d'administration sur les questions touchant la gestion de la société.

Ingingo ya 105: Ubushobozi bw'Umwanditsi Mukuru mu gutumiza inteko rusange y'abanyamigabane ngarukara mwaka

Mu gihe inteko rusange y'abanyamigabane ngarukamwaka itatumijwe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko, Umwanditsi Mukuru ashobora kuyitumiza mu nyandiko, akanatanga amabwiriza ajyanye na yo abona ko ari ngombwa yerekeranye no guhindura cyangwa kuzuzwa inyandiko z'ishingwa rya sosiyete, cyangwa ibiteganywa n'iri tegeko byerekeranye no gutumira, guterana no kuyobora inteko rusange.

Mu gihe inteko rusange itumijwe n'Umwanditsi Mukuru mu mwaka inteko rusange y'abanyamuryango ngarukamwaka itabayemo, iyo nama ntigomba gufatwa nk'inteko rusange ngarukamwaka y'uwo mwaka yabayemo, keretse Umwanditsi Mukuru abigenywe ukundi.

Ingingo ya 106: Inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane

Inteko rusange y'abanyamigabane itari inteko rusange ngarukamwaka ni inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane.

Article 105: Registrar General's power to call shareholders' annual meeting

If default is made in holding a shareholders' annual meeting, in accordance with this Law, the Registrar General may by written notice call such a meeting and give such ancillary or consequential directions as he/she deems necessary, including a direction modifying or supplementing the company's incorporation documents or provisions of this Law in relation to the calling, holding and conducting of the meeting.

Where a meeting called by the Registrar General is not held in the year in which the default in holding the shareholders' annual meeting occurred, the meeting is not to be treated as the annual general meeting for the year in which it is held unless the Registrar General so directs.

Article 106: Shareholders' extraordinary meeting

A shareholders' meeting other than the annual meeting is a shareholders' extraordinary meeting.

Article 105: Pouvoir du Registraire Général de convoquer l'assemblée annuelle des actionnaires

S'il s'avère impossible de de tenir une assemblée annuelle des actionnaires conformément à la présente loi, le Registraire Général peut, par avis écrit, convoquer une telle assemblée et donner les directives connexes ou consécutives qu'il juge opportunes, y compris une directive concernant la modification ou le complément les documents constitutifs de la société, ou les dispositions de la présente loi relatives à la convocation, à la tenue et à la direction de l'assemblée.

Lorsqu'une assemblée convoquée par le Registraire Général n'est pas tenue dans l'année au cours de laquelle l'assemblée annuelle des actionnaires n'a pas eu lieu, cette l'assemblée ne doit pas être considérée comme l'assemblée annuelle de l'exercice où elle est tenue, à moins que le Registraire général n'en décide autrement.

Article 106: Assemblée extraordinaire des actionnaires

Une assemblée des actionnaires autre que l'assemblée annuelle, est une assemblée extraordinaire des actionnaires.

Inama y'Ubutegetsi cyangwa undi muntu wese ubihererwa uburenganzira n'inyandiko z'ishingwa rya sosiyete, ashobora gutumiza inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane.

Inama y'Ubutegetsi itumiza inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane bisabwe mu nyandiko ishyikirizwa isosiyete yashyizweho umukono umuntu cyangwa abantu bafite uburenganzira bw'amajwi angana na gatanu ku ijana (5%) nibura, bafite uburenganzira bwo kugira icyo bavuga ku bigomba kugibwaho impaka mu nteko rusange, nk'uko byagaragajwe mu butumire.

Ubutumire bwa buri nteko rusange idasanzwe bwohererezwa abanyamigabane bose mu minsi cumi n'itanu (15) nibura mbere y'inama bukanagaragaza ibiri ku murongo w'ibygwa n'inama.

Iyo nyuma y'iminsi makumyabiri n'umwe (21) ibarwa guhera igihe inyandiko itumira inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane yatangiye, abagize Inama y'Ubutegetsi badatumije inteko rusange, abashyize umukono ku nyandiko imenyeshya cyangwa umwe muri bo bashobora gutumiza inteko rusange, ariko iyo nteko rusange ntishobora guterana mu gihe kirenze amezi atatu (3) nyuma y'inyandiko itumira.

The Board of Directors, or any other person so authorised in the company's incorporation documents, may call a shareholders' extraordinary meeting.

The Board of Directors call a shareholders' extraordinary meeting upon request made by written notice served on the company signed by one or more persons holding the right to exercise not less than five per cent (5%) of the votes entitled to be cast on the issues to be discussed at the meeting as set out in the notice.

Notice of each extraordinary meeting is sent to all shareholders not less than fifteen (15) days before the date of the meeting, and notice states the agenda for the meeting.

If after twenty-one (21) days from the date of service of the notice to call a shareholders' extraordinary meeting, the directors have not called the meeting, the signatories to the notice or any of them may call the meeting, but such meeting shall not be held more than three (3) months after the date of service of the notice.

Le conseil d'administration ou toute autre personne autorisée dans les documents constitutifs de la société peut convoquer une assemblée extraordinaire des actionnaires.

Le conseil d'administration convoque une assemblée extraordinaire des actionnaires sur demande faite par avis écrit signifié à la société signée par une ou plusieurs personnes titulaires du droit d'exercer au moins cinq pour cent (5%) des voix ayant droit de se prononcer sur les questions à discuter lors de l'assemblée, telles qu'elles sont énoncées dans l'avis.

L'avis de convocation de chaque assemblée extraordinaire est envoyé à tous les actionnaires au moins quinze (15) jours avant la date de l'assemblée, et cet avis mentionne l'ordre du jour de l'assemblée.

Si, après un délai de vingt et un (21) jours à compter de la signification de l'avis de convocation de l'assemblée extraordinaire des actionnaires, les administrateurs n'ont pas convoqué l'assemblée, les signataires de l'avis ou l'un d'entre eux peut convoquer l'assemblée, mais cette assemblée ne peut pas avoir lieu plus de trois (3) mois après la date de signification de l'avis.

Inteko rusange itumijwe hakurikijwe igika kibanziriza iki, itumizwa mu buryo bumwe, nk'ubuteganywa muri iyi ngingo.

Isosiyete isubiza abashyize umukono ku nyandiko y'itumira ibyo batanze byose byumvikana bitewe n'uko abagize Inama y'Ubutegetsi batubahirije ibiteganywa muri iyi ngingo, kandi amafaranga yishyuye kuri ubwo buryo akavanwa ku bihembo by'abo bagize Inama y'Ubutegetsi batabyubahirije.

Ingingo ya 107: Imigendekere y'inteko rusange y'abanyamigabane

Haseguriwe inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, amabwiriza atanzwe n'Umwanditsi Mukuru agenga imigendekere y'inteko rusange.

Ingingo ya 108: Umwanzuro wanditse w'abanyamigabane usimbura inteko rusange

Umwanzuro wanditse washyizweho umukono n'abanyamigabane bose bafite uburenganzira bwo kuwutorera mu nteko rusange y'abanyamigabane ugira agaciro nk'aho waba waremejwe mu nteko rusange y'abo banyamigabane;

Umwanzuro wanditse ku bibazo byose bigombwa gusuzumwa n'inteko rusange

A meeting called under the preceding paragraph shall be called in the same manner as set forth in this Article.

The company repays to the signatories to the notice any reasonable expenses incurred by them due to the failure of the directors to comply with the provisions of this article, and any sum so repaid is deducted by the company from the remuneration of the directors who were in default.

Article 107: Proceedings at shareholders' meeting

Subject to the company's incorporation documents, instructions issued by the Registrar General govern proceedings at shareholders' meeting.

Article 108: Shareholders' written resolution in lieu of meeting

A resolution in writing signed by all the shareholders entitled to vote on that resolution at a shareholders' meeting is as valid as if it had been passed at a meeting of those shareholders.

A resolution in writing dealing with all matters to be dealt with at a meeting of

L'assemblée convoquée en vertu de l'alinéa précédent est convoquée de la même manière que celle prévue au présent article.

La société rembourse aux signataires de l'avis toute dépense raisonnable qu'ils ont engagée en raison du défaut des administrateurs de se conformer aux dispositions du présent article, et toute somme ainsi remboursée est déduite de la rémunération de ces administrateurs en défaut.

Article 107: Délibérations de l'assemblée des actionnaires

Sous réserve des documents constitutifs de la société, les instructions du Registraire Général régissent les délibérations de l'assemblée.

Article 108: Résolution écrite des actionnaires tenant lieu de l'assemblée

Une résolution écrite signée par tous les actionnaires ayant le droit de vote sur cette résolution lors d'une assemblée des actionnaires est aussi valable que si elle avait été adoptée lors d'une assemblée de ces actionnaires.

Une résolution écrite sur toutes les questions devant être traitées lors d'une assemblée des

y'abanyamigabane kandi washyizweho umukono n'abanyamigabane bose bafite uburenganzira bwo gutora muri iyo nteko rusange uba wujuje ibisabwa byose n'iri tegeko byerekeranye n'inteko rusange y'abanyamigabane.

Imikono ntigomba kugaragara ku nyandiko yihariye; ahubwo buri mukono ugaragara ku nyandiko igaragaza ibigize umwanzuro.

Icyakora, umwanzuro wo kwirukana ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umugenzuzi w'imari ugira agaciro gusa iyo wemejwe n'inteko rusange y'abanyamigabane.

Ingingo ya 109: Umunyamigabane usaba ko imigabane afite mu isosiyete igurwa n'isosiyete

Igihe umwanzuro udasanzwe wafashwe hagamijwe:

1° guhindura inyandiko z'ishingwariy'isosiyete kugira ngo hagire icyongerwa cyangwa igukurwa ku mirimo n'ibikorwa by'isosiyete;

2° kwemeza igikorwa cy'ubucuruzi gihamye cyangwa kwibumbira hamwe

shareholders, and signed by all the shareholders entitled to vote at that meeting, satisfies all the requirements of this Law relating to a meeting of shareholders.

The signatures need not be on a single document provided each one is on a document which accurately states the terms of the resolution.

However, a resolution to remove a director or an auditor is of no effect unless passed at a meeting of shareholders.

Article 109: Shareholder requiring a company to purchase shares

Where a special resolution is passed for the purpose of:

1° altering the incorporation documents of a company with a view of imposing or removing a restriction on the business or activities of the company;

2° approving a major transaction or an amalgamation of the company.

actionnaires et signée par tous les actionnaires ayant droit de vote à cette assemblée satisfait à toutes les exigences de la présente loi relatives à une assemblée des actionnaires.

Les signatures ne doivent pas figurer sur un seul document; chacune figure sur un document qui précise les termes de la résolution.

Toutefois, une résolution visant la révocation d'un administrateur ou d'un auditeur n'a d'effet que si elle est adoptée à une assemblée des actionnaires.

Article 109: Actionnaire qui demande à une société d'acheter des actions

Lorsqu'une résolution spéciale est adoptée aux fins:

1° de modifier les documents constitutifs d'une société en vue d'imposer ou de supprimer une restriction aux affaires ou aux activités de la société;

2° d'approuver une transaction importante ou une fusion de la société.

kw'isosiye n'indi.

kandi uwo munyamigabane yohereje amajwi yose ajyanye n'imigabane imwanditseho ifite uwayigenewe kugira ngo ibe iye utarakoresheje ububasha bwe kugira ngo hatorwe umwanzuro udasanze cyangwa utarashyize umukono ku mwanzuro udasanze, uwo munyamigabane afite uburenganzira bwo gusaba isosiye kugura imigabane.

Ingingo ya 110: Imenyekanisha ryo kugurisha imigabane

Umunyamigabane w'isosiye wifuza ko isosiye igura imigabane ye, ashidikiriza isosiye, mu minsi cumi n'itanu (15) nyuma y'itariki uwo munyamigabane yamenyeshejweho ko umwanzuro udasanze wafashwe, ibaruwa yanditse isaba isosiye kugura iyo migabane.

Iyo iryo menyesha ryakiriwe, Inama y'Ubutegetsi ishobora:

- 1° gufata ingamba z'uko isosiye yagura iyo migabane;
- 2° gufata ingamba za ngombwa ngo n'abandi bantu bagure iyo migabane;
- 3° mbere yo gushyira mu bikorwa icyo

and the shareholder cast all the votes attached to shares registered in the shareholder's name against the exercise of the power to pass the special resolution; or did not sign the special resolution, he/she is entitled to require the company to purchase the shares.

Article 110: Notice requiring purchase of shares

A shareholder who wishes the company to purchase his/her shares shall, within fifteen (15) days from the date on which notice of the passing of the special resolution is given to the shareholder, give a written notice to the company requesting the latter to purchase those shares.

Upon receipt of such a notice, the Board of Directors may:

- 1° arrange for the purchase of the shares by the company;
- 2° arrange for some other persons to purchase the shares; or
- 3° before executing the decision, take the

et cet actionnaire émet tous les votes attachés aux actions inscrites au nom de cet actionnaire en contrepartie de l'exercice de son pouvoir de prendre une résolution spéciale, ou n'ayant signé la résolution, il a droit de demander à la société d'acheter ses actions.

Article 110: Avis obligeant l'achat d'actions

L'actionnaire d'une société qui souhaite que la société achète ses actions donne, endéans quinze (15) jours à compter de la date à laquelle l'avis d'adoption de la résolution spéciale est donné à l'actionnaire, un avis écrit à la société demandant à cette dernière d'acheter ces actions.

Dès réception d'un tel avis, le conseil d'administration peut:

- 1° prendre des dispositions pour l'achat des actions par la société;
- 2° prendre des dispositions pour que d'autres personnes achètent les actions;
- 3° avant d'exécuter la décision, prendre

cyemezo, gufata ingamba za ngombwa ngo kivanweho.

necessary measures to revoke the resolution.

les mesures nécessaires pour révoquer la résolution.

Mu minsi mironko itatu (30) iryo menyesha ryakiriwe, Inama y'Ubutegetsi ishyikiriza umunyamigabane umwanzuro wayo.

The Board of Directors, within thirty (30) days of receipt of a notice, gives written notice to the shareholder of its decision.

Dans les trente (30) jours qui suivent la réception de l'avis, le conseil d'administration avise par écrit l'actionnaire de sa décision.

Ingingo ya 111: Kugura imigabane bikoze n'isosiyete

Article 111: Purchasing shares by a company

Article 111: Achat des actions par une société

Iyo Inama y'Ubutegetsi yemeye ko isosiyete igura imigabane, iyo nama y'ubuyobozi, mu gihe cy'iminsi irindwi (7) uherye igihe yamenyeshereje abanyamigabane umwanzuro wafashwe:

Where the Board of Directors agrees to the purchase of the shares by the company, the Board within seven (7) days of issuing the notice to the shareholder of its decision:

Lorsque le Conseil d'administration accepte l'achat des actions par la société, dans les sept (7) jours suivant l'émission de l'avis aux actionnaires de sa décision, le conseil d'administration:

1° yemeza igiciro cy'imigabane igomba kugurwa ,

1° states a fair and reasonable price for the shares to be acquired;

1° indique un prix juste et raisonnable pour les actions à acquérir;

2° imenyeshya umunyamigabane icyo giciro mu buryo bwanditse.

2° gives written notice of the price to the shareholder.

2° donne un avis écrit du prix à l'actionnaire.

Ingingo ya 112: Imenyeshya ryerekeranye no kutemera igiciro cyatanzwe

Article 112: Notice of objection regarding unfair and unreasonable price

Article 112: Avis d'opposition concernant un prix injuste et déraisonnable

Umunyamigabane wumva ko igiciro cyatanzwe n'Inama y'Ubutegetsi kitamushimishije, ahita amenyeshya isosiyete ko atabyemeye mu nyandiko, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) nyuma yo kubona icyemezo cy'Inama y'Ubutegetsi.

A shareholder who considers that the price stated by the Board of Directors is not fair and reasonable, not later than fifteen (15) days of receipt of the notice, gives written notice of objection to the company.

L'actionnaire qui estime que le prix indiqué par le Conseil d'administration n'est pas juste et raisonnable, il donne, dans un délai de quinze (15) jours suivant la réception de l'avis, un avis écrit d'objection à la société.

Mu gihe umunyamigabane atabihakanye, ku itariki yemejwe hagati y'isosiye n'umunyamigabane, cyangwa n'iyo ntayo bemeranyijweho, isosiye ihita igura imigabane yose ku giciro cyumvikanyweho.

Iyo umunyamigabane yanditse ibaruwa yokutabyemera, isosiye:

- 1° ishaka abakemurampaka bo gushyiraho igiciro gikwiye; kandi
- 2° ikishyura amafaranga y'agateganyo harebwe igiciro cyemejwe n'Inama y'Ubutegetsi kuri buri mugabane mu minsi irindwi (7).

Ingingo va 113: Igiciro cyemejwe n'abakemurampaka

Igihe igiciro cyemejwe n'abakemurampaka kiri hejuru y'igiciro cy'agateganyo, isosiye ihita yishyura ikinyuranyo igomba nyir'umugabane.

Where the shareholder does not raise an objection, the company, on such date as the company and the shareholder agree or, in the absence of any agreement, as soon as practicable, purchases all the shares at the stated price.

Where the shareholder gives written notice of an objection, the company:

- 1° identifies arbitrators who will set the fair and reasonable price; and
- 2° makes a provisional payment following the price determined by the Board of Directors within seven (7) days.

Article 113: Price determined by arbitrators

In case the price determined by arbitrators exceeds the provisional price, the company immediately pays the balance owing to the shareholder.

Lorsque l'actionnaire ne soulève pas d'objection, la société, à la date convenue par la société et l'actionnaire ou, à défaut d'accord, dès que possible, achète toutes les actions au prix indiqué.

Lorsque l'actionnaire donne un avis écrit d'objection, la société:

- 1° identifie les arbitres qui fixeront le prix juste et raisonnable ; et
- 2° fait un paiement provisoire suivant le prix déterminé par le Conseil d'administration dans les sept (7) jours.

Article 113: Prix déterminé par les arbitres

Si le prix déterminé par les arbitres dépasse le prix provisoire, la société paye immédiatement le solde dû à l'actionnaire.

**UMUTWE WA V: ICUNGAMUTUNGO
N'UBUYOBOZI**

**CHAPTER V: MANAGEMENT AND
ADMINISTRATION**

**CHAPITRE V: GESTION ET
ADMINISTRATION**

**Icyiciro cya mbere: Kubika inyandiko
z'isoosiyete**

Section one: Company record keeping

**Section première: Tenue des actes d'une
société**

**Ingingo ya 114: Inyandiko z'isosiye
zigomba kubikwa**

Article 114: Company records to be kept

Article 114: Documents de la société à tenir

Isosiyete igomba kubika ku cyicaro cyayo,
cyangwa ahandi hose mu Rwanda, buri
nyandiko muri izi zikurikira:

The company shall keep at its registered
office, or at any other place in Rwanda, each
of the following records:

La société doit conserver, au domicile élu ou
en tout autre lieu du Rwanda, chacun des
documents suivants:

- 1° inyandiko z'ishingwa
ry'isosiye;
- 2° igitabo cy'imigabane;
- 3° numero iranga
abanyamigabane;
- 4° ibitabo by'ibaruramari;
- 5° ibitabo by'inyungu z'abagize
Inama y'Ubutegetsi bizakoreshwa mu
gutanga amakuru;
- 6° inyandikomvugo z'inteko
rusange zose n'imyanzuro
y'abanyamigabane mu gihe cy'imyaka
10;

- 1° its incorporation documents;
- 2° the share register;
- 3° the index of shareholders;
- 4° the accounting records;
- 5° a register of interests of directors
for disclosure;
- 6° minutes of all meetings and
resolutions of shareholders within the
last 10 years;

- 1° ses documents constitutifs;
- 2° le registre des actions;
- 3° l'indice des actionnaires;
- 4° les registres comptables;
- 5° un registre des intérêts des membres
du Conseil d'administration aux fins de
l'information;
- 6° les procès-verbaux de toutes les
assemblées et résolutions des
actionnaires au cours des dix (10)
dernières années;

7° inyandikomvugo z'inama zose n'imyanzuro by'abagize Inama y'Ubutegetsi n'iz'abagize komite z'Inama y'Ubutegetsi mu gihe cy'imyaka 10;

8° ibyemezo bitangwa n'abagize Inama y'Ubutegetsi hakurikijwe iri tegeko mu gihe cy'imyaka 10;

9° kopi z'amabaruramari y'umwaka yose, raporo z'umugenzuzi w'imari n'iz'abagize Inama y'Ubutegetsi zerekeranye n'imyaka 10 ya nyuma y'igihe cy'ibaruramari ry'isosiyete yuzuye.

7° minutes of all meetings and resolutions of directors and directors' committees within the last 10 years;

8° certificates given by directors under this Law within the last 10 years;

9° copies of all annual accounts, auditor's and directors' reports in relation to the last 10 completed accounting periods of the company.

7° les procès-verbaux de toutes les réunions et résolutions des administrateurs et des comités des administrateurs au cours des dix (10) dernières années;

8° les certificats délivrés par les administrateurs en vertu de la présente loi au cours des dix (10) dernières années;

9° les copies de tous les comptes annuels, des rapports des auditeurs et des administrateurs relatifs aux dix (10) derniers exercices comptables de la société terminés.

Iyo isosiyete ihinduye aho ibika inyandiko zayo igomba, mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) imaze kuhahindura, kubimenyesha Umwanditsi Mukuru;

Where the company changes the place at which its records are kept, it shall, within fifteen (15) days of the change, notify the Registrar General.

Lorsque la société change d'endroit où ses actes sont conservés, elle doit en aviser le Registraire Général dans les quinze (15) jours suivant le changement.

Ingingo ya 115: Imiterere y'inyandiko

Article 115: Form of records

Article 115: Forme des actes

Inyandiko za sosiyete zigomba kubikwa:

The records of a company shall be kept:

Les actes d'une société doivent être conservés:

1° mu buryo bw'inyandiko;

1° in written form; or

1° sous forme écrite; ou

2° mu buryo izo nyandiko n'amakuru azikubiyemo bigerwaho ku buryo bworoshye kandi bikaba

2° in a manner that allows the documents and information that comprise the records to be easily accessible and convertible into written form.

2° de manière à ce que les documents et informations qui composent les documents soient facilement accessibles et convertibles sous forme écrite.

byahindurwa mu nyandiko.

Abagize Inama y'Ubutegetsi n'umunyamabanga wa sosiyete bagenzura buri gihe ko hakorwa ibya ngombwa byose kugira ngo inyandiko z'isosiyete zidahindurwa, n'uburyo bwo kuvumbura iryo hinduka.

The directors and secretary of a company ensure at all times that adequate precautions are taken against falsification of the company's records, and for facilitating the discovery of any such falsification.

Les administrateurs et le secrétaire d'une société veillent en tout temps à ce que des précautions adéquates soient prises contre la falsification des documents de la société et pour faciliter la découverte de ces falsifications.

Ingingo ya 116: Kugenzura kopi z'inyandiko

Article 116: Inspection and copies of records

Article 116: Inspection et copies des dossiers

Abagize Inama y'Ubutegetsi bagenzura ko:

The directors ensure that:

Les administrateurs veillent à ce que:

1° ibitabo by'abanyamigabane b'isosiyete na nimero zibaranga biboneka mu nyandiko igihe icyo ari cyo cyose cyumvikana kugira ngo zishobore kugenzurwa n'umuntu wese;

1° the company's register of shareholders and index of shareholders are at all reasonable times available in written form for inspection by any person,;

1° les registres des actionnaires de la société et l'indice des actionnaires existe à tout moment raisonnable, sous forme écrite, pour inspection par toute personne ;

2° inyandiko zivugwa mu ngingo ya 114 y'iri tegeko ziboneka kugira ngo zigenzurwe n'abanyamigabane ba sosiyete;

2° all records specified in article 114 of this Law are available for inspection by the company's shareholders.

2° tous les documents prévus par l'article 114 de la présente loi, sont disponibles pour l'inspection par les actionnaires de la société ;

3° inyandiko zose z'isosiyete ziboneka kugira ngo zigenzurwe n'abagize Inama y'Ubutegetsi.

3° all the company's records are available for inspection by the company's directors.

3° tous les documents sont disponibles pour l'inspection par les membres du Conseil d'administration.

Mu gihe cy'igenzura rikozwe n'umuntu utari mu bagize Inama y'Ubutegetsi, umunyamigabane, cyangwa undi ufite inyungu

In the case of inspection by a person who is not a director, shareholder or other security holder of the company, inspection may be on

En cas d'inspection par une personne qui n'est pas un membre du Conseil d'administration, un actionnaire ou un autre porteur de titres de

muri sosiyete, igenzurwa rishobora kwishyurirwa amafaranga bisabwe n'Umwanditsi Mukuru, cyangwa hagatangwa amafaranga aciriritse bisabwe n'isosiyete.

Ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umunyamigabane bashobora gusaba kopi y'inyandiko bafiteho uburenganzira bwo kugenzura, cyangwa igice cyayo. Mu gihe ari umunyamigabane, igenzurwa rikorwa hishyuwe amafaranga agenwa n'Umwanditsi Mukuru cyangwa amafaranga aciriritse bisabwe n'isosiyete, kandi isosiyete yoherereza kopi uwayisabye mu minsi icumi (10) y'akazi imaze kubisabwa.

Iyo sosiyete itemereye umunyamigabane kugenzura no gufata kopi z'inyandiko zivugwa haruguru, uwo munyamigabane ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha kwemeza ko hababo igenzura ry'izo nyandiko. Ubusabe bugaragaza inyandiko umunyamigabane yifuza kugenzura no kubona, n'uburyo ashaka gushyikirizwamo izo nyandiko. Urukiko rushobora gufata umwanzuro utegeka isosiyete kwemerera umunyamigabane kugenzura inyandiko zasabiwe kugenzura cyangwa gutanga inyandukuro y'izo nyandiko kandi byishyuwe n'isosiyete.

payment of such a fee as may be prescribed by the Registrar General, or such lesser sum as the company may require.

A director or shareholder may require a copy of a record that he or she is entitled to inspect, or of any part of it. In case of a shareholder, the inspection is done on payment of such a fee as may be prescribed by the Registrar General, or such lesser sum as the company may require, and the company sends the copy so required to such person within ten (10) working days from receipt of the request.

If the company does not allow a shareholder to inspect and copy the documents mentioned above, the shareholder may apply to the competent court for the purpose of allowing inspection of such documents. The application indicates documents that the shareholder wishes to inspect or receive, as well as the form in which the documents shall be submitted. The court may grant an order obliging the company to allow the shareholder to inspect the documents stated in the application or to give a transcript of the documents at the expense of the company.

la société, l'inspection peut se faire sur le paiement des frais tel que requis par le Registraire Général ou sur la somme moindre que la société peut requérir.

Un membre du Conseil d'administration ou un actionnaire peut exiger une copie d'un document qu'il a le droit d'inspecter ou d'une partie de celui-ci. Dans le cas d'un actionnaire, l'inspection est faite sur le paiement de tel frais tel que requis par le Registraire Général ou sur la somme moindre tel que requis par la société, et la société envoie la copie ainsi requise à cette personne dans les dix (10) jours ouvrables suivant la réception de la demande.

Si la société ne permet pas à l'actionnaire d'inspecter et de copier les actes ou les documents mentionnés ci-dessus, l'actionnaire peut s'adresser à la juridiction compétente pour permettre l'inspection de ces actes et documents. La demande indique les actes et les documents que l'actionnaire souhaite inspecter ou recevoir, ainsi que la forme sous laquelle ces actes ou documents doivent lui être soumis. La juridiction peut rendre une ordonnance obligeant la société à permettre à l'actionnaire d'inspecter les actes et documents énoncés dans la proposition ou de transmettre une transcription des actes et documents aux frais de la société

Ingingo ya 117: Ibitabo by'abanyamigabane

Isosiyete ibika igitabo cy'imigabane yayo, cyandikwamo imigabane yatanzwe n'iyososiyete kandi biri mu nshingano z'ugize Inama y'Ubutegetsi n'umunyamabanga kugenzura ko icyo gitabo kibitswe neza kandi ko ibikurikira byandikwamo ku buryo bwihuse:

- 1° amazina na aderesi ya nyuma izwi by'umuntu wabayemunyamigabane cyangwa ufite imigabane mu myaka icumi (10) iheruka;
- 2° umubare w'imigabane ifitwe na buri munyamigabane, buri mugabane ugatandukanywa n'iyindi hakoresheje numero yawo, iyo uwo mugabane ufite numero, kandi mu gihe isosiyete ifite ibyiciro birenze kimwe by'imigabane yatanzwe, hakagarazwa icyiciro umugabane urimo;
- 3° itariki y'itangwary'imigabane cyangwa iy'icungurwa ry'imigabane, iy'isubiza ry'imigabane, cyangwa ihererekanya ry'imigabane rikozwe n'umunyamigabane mu myaka icumi (10) iheruka, n'izina n'uwahererekanyije imigabane

Article 117: Register of shareholders

A company keeps a register of its shares that records the shares issued by the company and it is the duty of each director and secretary to ensure that the register is properly kept and the following particulars promptly entered in it:

- 1° the names and latest known addresses of each person who is or has within the last ten (10) years been a shareholder;
- 2° the number of shares held by each shareholder, distinguishing each share by its number, so long as the share has a number and, where the company has more than one class of issued shares, by its class;
- 3° the date of any allotment of shares to, or repurchase or redemption of shares from, or transfer of shares by or to each such shareholder within the last ten (10) years, and in relation to any such transfer, the name of the person to or from whom the shares were transferred;

Article 117: Registre des actionnaires

Une société tient un registre de ses actions qui contient les actions émises par la société et il est du devoir de chaque Directeur et secrétaire de veiller à ce que le registre soit dûment tenu et les indications suivantes qui y soient promptement inscrites:

- 1° les noms et dernières adresses connues de chaque personne qui est ou a été un actionnaire au cours des dix (10) dernières années;
- 2° le nombre d'actions détenues par chaque actionnaire, en distinguant chaque action par son numéro, tant que l'action a un nombre et, si la société a plus d'une catégorie d'actions émises, par sa classe;
- 3° la date de toute allotissement d'actions ou de rachat ou d'échange d'actions par ou à l'égard de chacun de ces actionnaires au cours des dix (10) dernières années et, relativement à un tel transfert, le nom de la personne à laquelle ou de laquelle les actions ont été transférées.

n'uwagenewe ihererekanya;

4° mu gihe inyandiko z'ishingwa ry'isosiye cyangwa amabwiriza agenda itangwa ry'imigabane hari ibyo bibuza cyangwa bikagaragaza aho bigomba kugarukira mu ihererekanya ry'imigabane, imenyeshya ry'icyabikijwe cyose, ku buryo bweruye cyangwa buteruye rigomba kwandikwa mu gitabo.

Isosiye ishobora gushyiraho umuntu ubika igitabo cy'imigabane.

Ingingo ya 118: Numero iranga abanyamigabane

Uretse igihe igitabo cyandikwamo imigabane kiba giteye ku buryo ubwacyo kigaragaza numero, isosiye ibika numero y'amazina y'abanyamigabane banditswe mu gitabo cy'imigabane, yanditse hakurikijwe urukurirane rw'inyuguti, hamwe n'igitabo cy'imigabane.

Numero yerekana ku buryo igaragaza, kuri buri munyamigabane, konti isomeka y'uwo munyamigabane mu gitabo.

4° whether the incorporation documents or the terms of issue of the shares place any restrictions or limitations on the transfer of shares, a notice of any trust, expressed, implied or constructive, shall be entered on the register.

A company may appoint an agent to maintain its share register.

Article 118: Index of shareholders

Unless the register of shareholders is in such a form as to constitute in itself an index, a company keeps an index of the names of shareholders entered in the share registry, alphabetically arranged, at the same place as the share register.

The index in respect of each shareholder contains a sufficient indication to enable the account of that shareholder in the register to be readily found.

4° si les documents constitutifs de la société ou les conditions d'émission des actions imposent des restrictions ou des limitations au transfert d'actions, un avis de toute fiducie, exprimé, implicite ou constructif, doit être inscrit au registre.

Une société peut nommer un mandataire pour maintenir son registre des actions

Article 118: Index des actionnaires

Sauf si le registre des actionnaires est sous une forme telle qu'il constitue en soi un indice, la société tient un index des noms des actionnaires inscrits au registre des actions, classé par ordre alphabétique, au même endroit que le registre des actions.

L'indice contient, pour chaque actionnaire, une indication suffisante pour permettre de lire facilement le compte de cet actionnaire dans le registre.

Igice cya 2: Ibitabo by'ibaruramari

Ingingo ya 119: Inshingano zo kubika ibitabo by'ibaruramari

Inama y'Ubutegesi y'isosiyete ikora ku buryo ibitabo by'ibaruramari bibikwa buri gihe kandi bikagaragaza ishusho y'ukuri ku miterere y'umutungo w'isosiyete, bikandikwamo, bigasobanura ibikorwa byose byayo, kandi bikubahiriza amabwiriza y'ibaruramari ngenderwaho yemewe.

Ibitabo by'ibaruramari bigirwa n'ibitabo byihariye by'ibaruramari kandi bikabikwa mu nyandiko cyangwa mu buryo butuma bigerwaho mu buryo bworoshye kandi bigahindurwa mu nyandiko ku birebana:

- 1° ibyinjiye n'ibisohoka buri muni biherekejwe n'inyandiko zabyo z'ibaruramari;
- 2° igitabo cy'umutungo n'imyenda y'isosiyete;
- 3° iyo ibikorwa by'isosiyete bireba ubucuruzi bw'ibintu:
 - a. igitabo cy'ibyaguzwe n'ibyacurujwe na sosiyete,

Section 2: Accounting records

Article 119: Duty to keep accounting records

The Board of Directors of a company causes to be kept accounting records at all times that give a true and fair view of the company's financial position, and that explain its transactions and comply with accepted accounting standards.

Accounting records contain proper books of account and are kept in a written form or in a form or manner in which they are easily accessible and convertible into a written form with particular respect to:

- 1° receipts and expenses with their accounting documents;
- 2° a record of the assets and liabilities of the company;
- 3° where the company's business involves dealing in goods:
 - a) all sales and purchases of goods by the company, those who bought

Section 2: Registres comptables

Article 119: Obligation de tenir des registres comptables

Le Conseil d'administration d'une société fait tenir des registres comptables à tout moment donnant une image fidèle de la situation financière de la société, consignnant et expliquant ses opérations et qui doivent être tenu conformément aux normes comptables reconnues.

Les registres comptables contiennent des livres comptables appropriés et conservés sous une forme écrite ou sous une forme ou manière dans laquelle ils sont facilement accessibles et convertibles en écriture, notamment en ce qui concerne:

- 1° les recettes et les dépenses avec leurs documents comptables;
- 2° un relevé des actifs et passifs de la société;
- 3° lorsque l'activité de la société consiste à traiter des marchandises:
 - a) toutes les ventes et les achats des biens par la société, ceux qui les ont

ababiguze n'inyemezabuguzi zabyo;

them and related invoices;

achetés et les factures y relatives;

b. igitabo cy'ibicuruzwa biri mu bubiko n'imihindagurikire yabyo;

b) a record of stock held and its variation;

b) un relevé des stocks détenus et leur variation;

4° iyo isosiyete icuruza serivisi, igitabo kigaragaza serivisi zatanzwe giherekejwe n'inyemezabuguzi zabyo.

4° where the company's business involves providing services, a record of services provided and relevant invoices.

4° lorsque les affaires de la société consistent à fournir des services, un relevé des services fournis et des factures pertinentes.

Igice cya 3: Ibaruramari ngaruka mwaka

Section 3: Annual accounts

Section 3: Comptes annuels

Ingingo ya 120 : Itariki fatizo y'ibaruramari

Article 120: Accounting reference date

Article 120: Date de référence de comptabilité

Isosiyete igomba kugira itariki fatizo y'ibaruramari muri buri mwaka, uretse ko:

A company shall have an accounting reference date in each calendar year, except that:

Une société doit avoir une date de référence de comptabilité pour chaque année civile, sauf que:

1° bitari ngombwa ko isosiyete igira itariki fatizo y'ibaruramari mu mwaka yashyizweho mu gihe itariki fatizo y'ibaruramari yayo ya mbere ibaho mu mwaka ukurikira ; kandi

1° a company may not necessarily have its first accounting reference date in the calendar year of its incorporation so long as its first accounting reference date takes place in the following calendar year; and

1° une société ne doit pas nécessairement avoir sa première date de référence de comptabilité dans l'année civile de sa constitution tant que sa première date de référence de comptabilité a lieu au cours de l'année civile suivante;

2° iyo sosiyete ihinduye itariki fatizo y'ibaruramari yayo ntiba ikeneye kugira itariki fatizo y'ibaruramari muri uwo mwaka, mu gihe igihe kiri hagati

2° if a company changes its accounting reference date it need not have an accounting reference date in that calendar year, so long as the

2° si une société change de date de référence de comptabilité, elle n'a pas besoin d'une date de référence comptable au cours de cette année civile, pourvu que la période entre

y'amatariki fatizo y'ibaruramari yombi kitarengeje amezi cumi n'atanu (15).

period between the two accounting reference dates does not exceed fifteen (15) months.

les deux dates de référence de de comptabilité ne dépasse pas quinze (15) mois.

Ingingo ya 121: Amahame ifoto y'umutungo igenderaho

Ifoto y'umutungo w'isosiyete yubahiriza amahame mpuzamahanga. By'umwihariko ifoto y'umutungo yose igomba kugira isobanurampamvu ya politiki y'ingenzi ya sosiyete, ingorane ihura nazo, ibishobora gutungurana, ibiteganyijwe bitizewe kugerwaho n'ibindi byagira akamaro bitanzweho raporo.

Article 121: Standards for financial statements preparation

The financial statements of a company shall comply with international standards. In particular, all financial statements shall contain explanatory notes on significant accounting policies, trends, risks, uncertainties and other factors influencing the reporting.

Article 121: Normes à suivre pour la préparation du bilan

Le bilan d'une société doit être établi conformément aux normes internationales. En particulier, tout le bilan comporte des notes explicatives sur d'importantes politiques comptables, les tendances, les risques, les imprévus et autres facteurs ayant un impact sur le rapport.

Ingingo ya 122 : Inshingano z'abagize Inama y'Ubutegetsi ku bijyanye n'ibaruramari ry'umwaka

Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete igomba kugenzura ko ibaruramari ry'umwaka ryayo riba mu bihe byateganyijwe muri iri tegeko:

Article 122: Duties of directors in relation to annual accounts

The Board of Directors of a company shall ensure that annual accounts are within the time limits specified in this Law:

Article 122: Attributions des membres du Conseil d'administration par rapport aux comptes annuels

Le conseil d'administration d'une société doit veiller à ce que les comptes annuels soient, dans les délais prévus par la présente loi:

1° ryateguwe, ryagenzuwe kandi ryemejwe;

1° prepared, audited and approved;

1° préparés, vérifiés et approuvés;

2° ryamenyeshejwe abanyamigabane; kandi

2° disclosed to shareholders;

2° communiqué aux actionnaires;

3° ryagejwe ku Mwanditsi Mukuru.

3° delivered to the Registrar General.

3° remise au Registraire Général.

Icyiciro ya 4: Amabaruramari y’umwaka yihariye

Ingingo ya 123: Ibisabwa byerekeranye n’ibaruramari y’umwaka yihariye

Inama y’Ubutegetsi y’isosiyete, igenzura ibaruramari ry’umwaka yihariye ku bijyanye n’iyo sosiyete kuri iyo tariki fatizo y’ibaruramari ryagenzuwe n’umugenzuzi w’imari wigenga, kandi ryemejwe n’abagize Inama y’Ubutegetsi, rikanashyirwaho umukono, mu izina ryabo, n’abayigize babiri, cyangwa, mu gihe ari umuyobozi umwe, rigashyirwaho umukono na we.

Ibisabwa mu gika cya mbere bikorwa mu mezi atatu (3) guhera ku itariki fatizo y’ibaruramari haba ku isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane n’isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.

Ifoto y’umutungo y’isosiyete igomba gutanga ishusho y’ukuri y’uko ibikorwa byayo byifashe ku itariki fatizo y’ibaruramari, kandi konti y’inyungu n’igihombo igomba gutanga ishusho y’ukuri n’inyungu n’igihombo by’isosiyete mu gihe cy’ibaruramari bireba.

Hatagize ikitubahirizwa mu gika cya 2 cy’iyi

Section 4: Individual annual accounts

Article 123: Requirement for individual annual accounts

The Board of Directors of a company shall ensure that, individual annual accounts in respect of the company as at the accounting reference date are prepared and audited by an independent auditor and approved by the Board of Directors and signed on their behalf by two directors of the company, or if there is only one director, by that director.

The requirement under paragraph one of this Article is done within three (3) months of the accounting reference date, in the case of both public and private companies.

The balance sheet of a company shall give a true and fair view of the state of affairs of the company as at the accounting reference date, and its profit and loss account shall give a true and fair view of the profit or loss of the company for the accounting period concerned.

Without limiting paragraph 2 of this Article,

Section 4: Comptes annuels individuels

Article 123: Exigences relatives aux comptes annuels individuels

Le conseil d’administration d’une société veille à ce que les comptes annuels individuels à l’égard de cette société à cette date de référence de comptabilité soient préparés et vérifiés par un auditeur indépendant et approuvés par le conseil d’administration et signé en leur nom par deux administrateurs de la société ou, s’il n’y a qu’un seul membres par lui-même.

Les exigences prévues à l’alinéa premier doivent être faites dans les trois (3) mois suivant la date de référence de comptabilité que ce soit pour la société publique ou la société privée.

Le bilan d’une société doit donner une image fidèle de l’état des affaires de la société à la date de référence de comptabilité et son compte des profits et des pertes doit donner une image fidèle du bénéfice ou de la perte de la société pour l’exercice comptable concerné.

Sans limite à l’alinéa 2 du présent article, les

ningo, amabaruramari y'umwaka yihariye yubahiriza amabwiriza ayo ari yo yose yerekeranye n'amabaruramari y'umwaka, n'ibisabwa ibyo ari byo byose bireba isosiyete biteganywa n'itegeko iryo ari ryo ryose.

Icyiciro cya 5: Ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete

Ingingo ya 124 : Itariki fatizo y'ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete

Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ikora uko ishoboye ku buryo itariki fatizo y'ibaruramari ya buri sosiyete iyishamikiyeho ihura n'itariki fatizo y'ibaruramari ry'iyosiyete, keretse igihe hari impamvu zigaragara ibona zatuma bitagenda bityo.

Mu gihe itariki fatizo y'ibaruramarai ry'isosiyete yabyawe n'indi idahuye n'iyayibyaye, itariki fatizo y'iyosiyete iyishamikiyeho ku bijyanye n'itariki fatizo y'ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete ni itariki fatizo y'ibaruramari ry'iyosiyete ishambikiyeho.

Ingingo ya 125 : Ibisabwa ku ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete

Iyo ku itariki fatizo y'ibaruramari rya sosiyete, iyo sosiyete ifite isosiyete imwe cyangwa

individual annual accounts comply with any regulations concerning annual accounts and with any requirements applicable to the company under any other law.

Section 5: Group annual accounts

Article 124: Accounting reference date of group of companies

The Board of Directors of a company ensure that except where in their opinion there are good reasons against it, the accounting reference date of each of its subsidiaries is the same as the accounting reference date of the company.

Where the accounting reference date of a subsidiary of a company is not the same as that of the company, the accounting reference date of the subsidiary for the purposes of any particular group annual accounts is that preceding the accounting reference date of the company.

Article 125: Requirement for group annual accounts

If at its accounting reference date a company has one or more subsidiaries, its directors

comptes annuels individuels se conforment aux règlements concernant les comptes annuels et aux exigences applicables à la société en vertu de toute autre loi.

Section 5: Comptes annuels du groupe

Article 124: Date de référence de comptabilité du groupe des sociétés

Le conseil d'administration d'une société veille à ce que la date de référence de comptabilité de chacune de ses filiales soit la même que la date de référence de comptabilité de cette société, à moins que, à son avis, il y ait de bonnes raisons d'en faire autrement.

Lorsque la date de référence de comptabilité d'une filiale d'une société n'est pas la même que celle de la société, la date de référence de comptabilité de la filiale pour les comptes annuels d'un groupe particulier est celle qui précède la date de référence de comptabilité de cette société.

Article 125: Exigences relatives aux comptes annuels du groupe

Si, à sa date de référence de comptabilité, une société a une ou plusieurs filiales, ses membres

nyinshi ziyishamikiyeho, abagize Inama y'Ubutegetsi yayo bagenzura ko ku itariki fatizo y'ibaruramari, ibaruramari y'itsinda ku bijyanye n'iryo tsinda ry'amasosiyete ritegurwa, rikagenzurwa, kandi rikemezwa n'Inama y'Ubutegetsi, rikanashyirwaho umukono mu izina ryayo masosiyete, n'abagize Inama y'Ubutegetsi babiri, cyangwa mu gihe hari umuyobozi umwe, akaba ari we urishyiraho umukono.

Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikorwa mu gihe cy'amezi atatu (3) nyuma y'itariki fatizo y'ibaruramari ryayo haba ku isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane n'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.

Ifoto y'umutungo y'itsinda igaragaza ishusho nyayo y'ibikorwa by'itsinda ku itariki fatizo y'ibaruramari, kandi konti yayo y'inyungu n'igihombo ikagaragaza ishusho nyayo y'inyungu cyangwa igihombo ibyi'itsinda mu mwaka w'ibaruramari bireba.

Ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete ryubahiriza amabwiriza yose yerekeranye n'ibaruramari ry'umwaka n'ibindi bisabwa amasosiyete n'iri tegeko.

Iyo ku itariki fatizo y'ibaruramari rya sosiyete, iyo sosiyete ifite isosiyete imwe cyangwa

shall ensure that, group accounts in respect of that group of companies as at that accounting reference date are prepared, audited and approved by the Board of Directors and signed on their behalf by two directors of the company, or if there is only one director, by that director.

The requirement under paragraph one of this Article is done within three (3) months of the accounting reference date, in the case of both public and private companies.

The balance sheet of the group shall give a true and fair view of the state of affairs of the group as at the accounting reference date, and its profit and loss account shall give a true and fair view of the profit or loss of the group for the accounting period concerned.

Group annual accounts comply with any regulations concerning annual accounts and with any requirements applicable to the company under any other law.

If at its accounting reference date a company has one or more subsidiaries, its directors

du Conseil d'administration doivent veiller à ce que les comptes de groupe à l'égard de ce groupe de sociétés à cette date de référence de comptabilité soient établis, vérifiés et approuvés par le conseil d'administration et signés par deux membres du conseil d'administration de la société au nom de tous les autres membres, ou s'il n'y a qu'un seul membre, par ce membre lui-même.

Les exigences prévues à l'alinéa premier du présent article doivent être faites dans les trois (3) mois suivant la date de référence de comptabilité que ce soit pour la société publique ou la société privée.

Le bilan du groupe donne une image fidèle de la situation des affaires du groupe à la date de référence de comptabilité et son compte des profits et des pertes donne une image fidèle du résultat du groupe pour l'exercice comptable concerné.

Les comptes annuels du groupe se conforment aux règlements relatifs aux comptes annuels et aux exigences applicables à la société en vertu de toute autre loi.

Si, à sa date de référence de comptabilité, une société a une ou plusieurs filiales, ses membres

nyinshi ziyishamikiyeho, abagize Inama y'Ubutegetsi yayo bagenzura ko, ku itariki fatizo y'ibaruramari, ibaruramari y'itsinda ku bijyanye n'iryo tsinda ry'amasosiyete ritegurwa, rikagenzurwa, kandi rikemezwa n'Inama y'Ubutegetsi, rikanashyirwaho umukono mu izina ryayo masosiyete, n'abagize Inama y'Ubutegetsi babiri, cyangwa mu gihe hari umuyobozi umwe, akaba ari we urishyiraho umukono.

Mu gihe ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikorwa mu gihe cy'amezi atatu (3) nyuma y'itariki fatizo y'ibaruramari ryayo, no mu gihe cy'amezi atatu (3) nyuma y'itariki fatizo y'ibaruramari ryayo mu gihe ari isosiyete ihamagarira rubandi kuyiguramo imigabane,

Ifoto y'umutungo y'itsinda igaragaza ishusho nyayo y'ibikorwa by'itsinda ku itariki fatizo y'ibaruramari, kandi konti yaryo y'inyungu n'igihombo ikagaragaza ishusho nyayo y'inyungu cyangwa igihombo ibyi'itsinda mu mwaka w'ibaruramari bireba.

Hatagize igihindurwa ku gika cya 2 cy'iyi ngingo, ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete ryubahiriza amabwiriza yerekeranye n'ibaruramari ry'umwaka n'ibindi bisabwa amasosiyete n'iri tegeko.

shall ensure that, group accounts in respect of that group of companies as at that accounting reference date are prepared, audited and approved by the Board of Directors and signed on their behalf by two directors of the company, or if there is only one director, by that director.

In the case of a private company, the requirement under paragraph one of this Article is done within three (3) months of its accounting reference date and in the case of a public company, within three (3) months of its accounting reference date.

The balance sheet of the group shall give a true and fair view of the state of affairs of the group as at the accounting reference date, and its profit and loss account shall give a true and fair view of the profit or loss of the group for the accounting period concerned.

Without limiting paragraph 2 of this Article, group annual accounts comply with any regulations concerning annual accounts and with any requirements applicable to the company under any other law.

du Conseil d'administration doivent veiller à ce que les comptes de groupe à l'égard de ce groupe de sociétés à cette date de référence de comptabilité soient établis, vérifiés et approuvés par le Conseil d'administration et signés par deux membres du conseil d'administration de la société au nom de tous les autres membres, ou s'il n'y a qu'un seul membre, , par ce membre lui-même.

Dans le cas d'une société privée, les exigences prévues à l'alinéa premier du présent article doivent être faites dans les trois (3) mois suivant sa date de référence de comptabilité, et dans le cas d'une société publique, dans les trois (3) mois de sa date de référence de comptabilité.

Le bilan du groupe donne une image fidèle de la situation des affaires du groupe à la date de référence de comptabilité et son compte des profits et des pertes donne une image fidèle du résultat du groupe pour l'exercice comptable concerné.

Sans limite à l'alinéa 2 du présent article, les comptes annuels du groupe se conforment aux règlements relatifs aux comptes annuels et aux exigences applicables à la société en vertu de toute autre loi.

Ingingo ya 126: Gusonera ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete ibisabwa

Ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete ntirireba ibi bikurikira:

- 1° ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete ntirikenerwa iyo, ku itariki fatizo y'ibaruramari ryayo, isosiyete yose ishamikiye ku yindi sosiyete yashyizweho mu Rwanda;
- 2° ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete ntirireba isosiyete yabyawe n'indi, iyo abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete bemera ko :
 - a) bidashoboka cyangwa bitagirira abanyamigabane b'isosiyete agaciro kagaragara hashingiwe ku mubare w'amafaranga arebwa n'iryo baruramari, cyangwa bikaba byatuma hatangwa amafaranga cyangwa bigatera ubukerererwe ku buryo burenze ibyo abanyamigabane bakura muri sosiyete ;
 - b) umwanzuro wavamo waba utandukanye n'ukuri, kandi iyo abagize Inama y'Ubutegetsi bagendeye ku byo bazi kuri buri

Article 126: Exemptions from the requirement for group annual accounts

Group annual accounts shall not be applied to the following:

- 1° group annual accounts are not required where the company is at its accounting reference date the wholly owned subsidiary of another body corporate incorporated in Rwanda;
- 2° group annual accounts need not deal with a subsidiary of the company if the company's directors are of opinion that:
 - a) it is impracticable, or would be of no real value to shareholders of the company, in view of the insignificant amounts involved, or would involve expense or delay out of proportion to the value to the shareholders of the company;
 - b) the result would be misleading, and, if the directors are of such an opinion about each of the company's subsidiaries,

Article 126: Exonérations aux exigences relatives aux comptes annuels du groupe

Les comptes annuels du groupe ne s'appliquent pas à ce qui suit:

- 1° les comptes annuels du groupe ne sont pas exigés lorsque la société est intégralement, à sa date de référence de comptabilité, la filiale d'une autre société constituée au Rwanda;
- 2° les comptes annuels du groupe n'ont pas à traiter avec une filiale de la société si les administrateurs de la société sont d'avis que:
 - a) il est impraticable ou il n'aurait aucune valeur réelle pour les actionnaires de la société, compte tenu des montants insignifiants impliqués, ou il entraînerait des dépenses ou un retard hors proportion de la valeur pour les actionnaires de la société;
 - b) le résultat serait déroutant et, si les administrateurs sont d'avis, sur chacune des filiales de la société, que les comptes annuels du groupe ne sont pas

sosiyete mu zabyawe n'iyo isosiyete, basanga ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete ridakenewe.

group annual accounts are not required.

exigés.

Ingingo ya 127: Imiterere y'ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete

Ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete rishobora gutegurwa mu buryo bunyuranyije n'ubuteganywa n'ingingo ya 125 y'iri tegeko, iyo abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete bemera ko ari byo byiza kurusha ibindi, hagamijwe :

- 1° gutanga amakuru amwe cyangwa ahuye ku bijyanye n'ibikorwa, inyungu n'ibihombo by'isosiyete na sosiyete zabyawe na yo; no
- 2° gutanga amakuru ku buryo butuma yemerwa n'abanyamigabane b'isosiyete ku buryo bworoshye.

By'umwihariko, ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete rigirwa n'amabaruramari y'umwaka akomatanyije arenze rimwe arebana na sosiyete n'itsinda rimwe ry'amasosiyete ayishamikiyeho, n'andi matsinda ayishamikiyeho, cyangwa rigizwe n'amabaruramari y'umwaka atandukanye

Article 127: Form of group annual accounts

The group annual accounts maybe prepared in a form different from that required by Article 125 of this Law if the company's directors are of opinion that is better for the purpose:

- 1° of presenting the same or equivalent information about the state of affairs and profit and loss of the company and its subsidiaries; and
- 2° of so presenting such information that it may be readily appreciated by the company's shareholders.

In particular the group annual accounts may consist of more than one set of consolidated annual accounts dealing respectively with the company and one group of subsidiaries and with other groups of subsidiaries or of separate annual accounts dealing with each of the subsidiaries, or of statements expanding

Article 127: Forme des comptes annuels du groupe

Les comptes annuels du groupe peuvent être établis sous une forme autre que celle requise par l'article 125, si les administrateurs de la société sont d'avis qu'il est mieux, pour le but:

- 1° de présenter la même information ou l'information équivalente sur l'état des affaires et le résultat de la société et de ses filiales ; et
- 2° de présenter ces informations de manière à ce qu'elles puissent être facilement appréciées par les actionnaires de la société;

En particulier, les comptes annuels du groupe peuvent être composés de plus d'un ensemble de comptes annuels consolidés portant respectivement sur la société et un groupe de filiales et d'autres groupes de filiales, ou des comptes annuels distincts portant sur chacune des filiales ou des relevés portant sur

arebana na buri sosiyete yabyawe n'iyososiyete, cyangwa zikagirwa n'inyandiko zigamije kongera amakuru yerekeye amasosiyete yabyawe n'iyososiyete mu ibaruramari ry'umwaka ryayo cyangwa, cyangwa rigategurwa mu buryo bukomatanyabumwe muri ubwo buryo.

Ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete, ryose cyangwa igice cyaryo, rishobora gushyirwa mu ifoto y'umutungo no muri konti zigaragaza inyungu n'ibihombo byihariye bya sosiyete.

Ingingo ya 128: Amabwiriza arebana n'ibaruramari ry'umwaka

Umwanditsi Mukuru ashobora gushyiraho amabwiriza arebana n'ibikubiye mu ibaruramari ry'umwaka.

Icyiciro cya 6: Ubugenzuzi bw'imari

Ingingo ya 129: Gusabwa gukora ubugenzuzi bw'imari

Buri sosiyete ishyiraho umugenzuzi w'imari wigenga, kugira ngo agenzure ibaruramari ryayo buri mwaka.

the information about the subsidiaries in the company's own annual accounts, or any combination of those forms.

The group annual accounts may be wholly or partly incorporated in the company's individual balance sheet and profit and loss account.

Article 128: Regulations concerning annual accounts

The Registrar General may make directives concerning the content and form of annual accounts.

Section 6: Audit

Article 129: Directive to conduct audit

Every company appoints an external auditor to audit its annual accounts.

l'élargissement des informations relatives aux filiales dans les comptes annuels de la société ou sur une combinaison de ces derniers.

Les comptes annuels du groupe peuvent être intégralement ou partiellement intégrés au bilan et au compte des profits et des pertes individuels de la société.

Article 128: Règlement relatif aux comptes annuels

Le Registraire Général peut donner des directives concernant le contenu et la forme des comptes annuels.

Section 6: Audit

Article 129: Ordre d'effectuer l'audit

Chaque société nomme un auditeur externe pour l'audit de ses comptes annuels.

Ingingo ya 130 : Ishyirwaho ry'umugenzuzi w'imari

Ishyirwaho ry'umugenzuzi w'imari wihariye rigomba gutangirwa uruhushya n'abanyamigabane binyujijwe mu mwanzuro usanzwe.

Umugenzuzi w'imari wa mbere w'isosiyete ashobora gushyirwaho n'Inama y'Ubutegetsi hatagombye kuba iyemezwa risabwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, kandi, iyo batavanyweho, abagenzuzi b'imari bashyizweho muri ubwo buryo, bakomeza uwo murimo kugeza igihe isosiyete ikoreye inteko rusange yayo ya mbere, cyangwa kugeza mu minsi makumyabiri n'umunani (28) ya nyuma y'itariki ibaruramari ry'umwaka ry'isosiyete rishyikirijwe abanyamigabane, hakurikijwe ikibaye mbere. Mu gihe nta mugenzuzi w'imari ushyizweho hakurikijwe igika cya kabiri cy'iyi ngingo, Umwanditsi Mukuru aba afite ububasha bwo gutegeka sosiyete gushyiraho umugenzuzi w'imari wayo mu minsi mirongo itatu (30)

Umushahara n'ibindi bitangwa ku mugenzuzi w'imari bishyirwaho n'inteko rusange y'abanyamigabane cyangwa Inama y'Ubutegetsi.

Article 130: Appointment of an auditor

The appointment of a particular auditor shall be authorised by the shareholders by ordinary resolution.

The first auditor of the company may be appointed by the Board of Directors without the approval required under paragraph one, and auditors so appointed, unless removed, hold office until the conclusion of the company's first annual meeting, or until twenty-eight (28) days after the date that the company's annual accounts are sent to shareholders, whichever is the sooner. In case no auditor is appointed in accordance with paragraph 2 of this article, the Registrar General has the powers to direct the company to appoint its auditor within thirty (30) days.

The salary and other expenses for the auditor are determined by the meeting of shareholders or the Board of Directors.

Article 130: Nomination d'un auditeur

La nomination d'un auditeur particulier est autorisée par les actionnaires par résolution ordinaire.

- 3° such director, as well as other members of the board of Directors who improperly approved the transaction knowing of the interest, are liable to the company or the shareholders for damages caused to them resulting from such misconduct which is unfair or prejudicial to them. Such damages may be determined in an action under Articles 213 to 216 of this Law;
- 4° a director is liable to repay profits earned by such director as a result of

intérêt dans une transaction conformément au présent article. La juridiction saisie examine l'action et peut ordonner que :

- 1° l'administrateur perde le droit de continuer à servir comme administrateur de cette société;
- 2° l'administrateur perde le droit de représenter le conseil d'administration ou d'occuper un poste au sein de celui-ci ou de la direction de la société pour une période d'au moins un (1) an;
- 3° cet administrateur ainsi que d'autres administrateurs qui ont indûment approuvé la transaction connaissant l'intérêt, soient responsables à l'égard de la société ou des actionnaires pour les dommages causés à eux comme conséquence d'une inconduite les ayant affectés de manière injuste ou préjudiciable. Ces dommages peuvent être déterminés dans une action introduite en vertu des articles 213 à 216 de la présente loi ;
- 4° qu'un administrateur rembourse les profits réalisés par lui à la suite de la

gikorwa.

the transaction.

transaction.

Ingingo ya 167: Kudatora k’ugize Inama y’Ubutegetsi ufite inyungu bwite mu gikorwa

Article 167: Director interested in a transaction may not vote

Article 167: Possibilité pour un administrateur de ne pas voter en cas d’intérêt dans une transaction

Haseguriwe ibiteganywa n’inyandiko z’ishingwa ry’isosiyete, ugize Inama y’Ubutegetsi bw’isosiyete ufite inyungu bwite mu gikorwa kireba cyangwa kigiye gukorwa n’isosiyete ntatora mu gihe cy’ifatwa ry’icyemezo. Iyo atoye ijwi rye riba imfabusa.

Subject to the incorporation documents of a company, a director who is interested in a transaction entered into or to be entered into by the company does not vote on a directors' resolution in respect of the transaction.

Sous réserve des documents constitutifs d'une société, un administrateur qui est intéressé par une opération conclue ou à conclure par la société ne doit pas voter la résolution des administrateurs à l'égard de la transaction et s'il le fait, la voix de ce membre ne doit pas être comptée.

Ingingo ya 168: Gukoresha amakuru cyangwa amahirwe by’isosiyete

Article 168: Use of company information or opportunity

Article 168: Utilisation des informations et des opportunités de la société

Ugize Inama y’Ubutegetsi afite inshingano yo gukorana n’isosiyete mu buryo butunganye. Iyi nshingano ikubiyemo bimwe muri ibi bikurikira:

A director has a duty to act with loyalty to the company. This duty includes but is not limited to duty:

Un administrateur a le devoir de loyauté envers la société. Ce devoir comprend mais ne se limite pas à un devoir:

1° kudakoresha umutungo w’isosiyete ku nyungu ze bwite;

1° not to use property of the company for the director’s personal benefit;

1° de ne pas utiliser la propriété de la société à des fins personnelles;

2° kudatangaza cyangwa kudakoresha amabanga y’isosiyete ku nyungu ze bwite cyangwa iz’undi muntu uwo ari we wese;

2° not to disclose confidential information of the company nor to use confidential information of the company for the director’s or any other person’s personal benefit;

2° de ne pas divulguer des informations confidentielles de la société, ni à utiliser des informations confidentielles de la société pour l’intérêt personnel de l’administrateur ou autre personne;

3° kudatwara amahirwe mu bucuruzi yari

3° not to take business opportunities of

3° ne pas saisir les opportunités d'affaires

agenewe isosiyete;

4° kudapiganwa hamwe n'isosiyete harimo nko kuba yapiganwa ku giti cye cyangwa nk'ugize Inama y'Ubutegetsi y'indi sosiyete iri gupiganwa hamwe n'isosiyete;

Ugize Inama y'Ubutegetsi ntagomba gukoresha mu buryo butari bwo umwanya afite nk'ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umukozi wa sosiyete cyangwa gukoresha amakuru yamenye kubera umwanya we kugira ngo abone, ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, inyungu bwite cyangwa iy'undi muntu mu buryo bubangamiye isosiyete, uretse ku birebana n'isosiyete;

Ugize Inama y'Ubutegetsi ashobora kumenyekanisha, gukoresha cyangwa gukora ashingiye ku makuru ayo ariyo yose iyo ibiranga iryo menyekanisha, ikoresha cyangwa igikorwa byanditswe mu gitabo cy'inyungu bwite kandi yabihereye uburenganzira n'abandi bagize Inama y'Ubutegetsi ndetse isosiyete ikabihabwamo inyungu ikwiye.

the company;

4° not to compete in business with the company including but not limited to competing individually or as a director of another company which competes in business with the company;

A director must not make improper use of his or her position as a director employee or agent of the company or of any information acquired solely by virtue of his or her position, to gain directly or indirectly, a personal benefit for himself or for any other person or to cause detriment to the company other than. for the purposes of the company;

A director may disclose, use, or act on the basis of any information if particulars of the disclosure, use or act are entered in the register of interests and the director is authorised to do so by the directors and the company receives fair value in respect of the disclosure, use, or act.

de la société;

4° ne pas entrer en compétition dans une affaire avec la société, y compris mais sans se limiter à la compétition individuelle ou comme administrateur d'une autre société qui est en compétition d'affaire avec la société.

Un administrateur ne doit pas abuser de sa position en tant que membre, employé ou agent de la société ou de toute information acquise seulement en vertu de sa position pour obtenir directement ou indirectement, un avantage pour lui-même ou pour toute autre personne ou de causer un préjudice à la société autre que pour les besoins de la société;

Un administrateur peut divulguer, utiliser ou agir sur la base de toute information si les détails de la divulgation, l'utilisation ou l'action sont inscrits dans le registre des déclarations d'intérêts et l'administrateur est autorisé à le faire par les administrateurs et la société reçoit la juste valeur en ce qui concerne la divulgation, l'utilisation ou l'action.

Ingingo va 169: Kugura cyangwa kugurisha imigabane bikoze n'abagize Inama y'Ubutegetsi

Ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete uguze cyangwa ugurishije imigabane cyangwa ingwate byatanzwe n'iyi sosiyete cyangwa indi bifitanye isano cyangwa wabonye inyungu iziguye cyangwa itaziguye muri iyi migabane cyangwa izindi ngwate:

- 1° nyuma y'uko igura cyangwa igurisha rikozwe, amenyekanisha ku bandi bagize Inama y'Ubutegetsi, umubare cyangwa ubwoko bw'imigabane yaguzwe cyangwa yagurishije, igiciro yatanze cyangwa yahawe n'itariki yaguriyeho cyangwa yagurishirijeho;
- 2° gukora ku buryo imiterere y'igura cyangwa igurisha ihita yandikwa mu gitabo cy'abafite inyungu.

Mu gihe ugize Inama y'Ubutegetsi hari amakuru yamenye kubera kuba ari mu Nama y'Ubutegetsi, umukozi w'isosiyete cyangwa nk'ufite aho ahuriye n'isosiyete atashoboraga kumenya mu bundi buryo, kandi ayo makuru akaba afite agaciro ku isengura ry'agaciro k'imigabane cyangwa izindi ngwate byatanzwe

Article 169: Directors' share dealings

A director who acquires or disposes of shares or other securities issued by the company or a related company, or a direct or indirect interest in such shares or other securities:

- 1° after the acquisition or disposal is made, discloses to any other directors of the company the number and type of shares acquired or disposed of, the consideration paid or received thereof and the date of acquisition or disposal; and
- 2° ensures that particulars of the acquisition or disposal are immediately entered in the register of interests.

Where a director has information in his or her capacity as director or employee of the company or a related company, that would not otherwise be available to him or her and that information is material to an assessment of the value of the shares or other securities issued by the company or a related company,

Article 169: Transactions effectuées par les administrateurs sur les actions

Un administrateur qui acquiert ou dispose des actions ou d'autres titres émis par la société ou une société affiliée, ou un intérêt direct ou indirect dans ces parts ou autres valeurs mobilières, doit:

- 1° après l'acquisition ou la cession est faite, divulguer à d'autres administrateurs de la société le nombre et le type de parts acquises ou cédées, la contrepartie payée ou reçue de celle-ci et la date d'acquisition ou de cession; et
- 2° veiller à ce que les détails de l'acquisition ou la cession sont immédiatement inscrits dans le registre des intérêts.

Lorsqu'un administrateur a des informations en vertu de sa qualité de administrateur ou d'un employé de la société ou d'une société affiliée, qu'il n'aurait pas eu et que l'information est importante à une évaluation de la valeur des parts ou d'autres titres émis par la société ou une société affiliée, l'administrateur peut

n'isosiyete arimo cyangwa indi sosiyete bifitanye isano, uwo ugize Inama y'Ubutegetsi ashobora gusa kugura cyangwa kugurisha bene iyo migabane cyangwa izindi ngwate cyangwa kubonamo inyungu iziguye cyangwa itaziguye iyo:

1. mu gihe ari ukugura, igiciro cyatanzwe atari gito ugereranyije n'agaciro gakwiye k'ingwate cyangwa inyungu yabonetse;
2. mu gihe ari ukugurisha, igiciro cyakiriwe mu igurisha kiri hasi y'agaciro k'ingwate cyangwa inyungu yavuye mu igurisha.

Ku bw'ibiteganywa mu gika cya 2, agaciro gakwiye k'ingwate cyangwa inyungu ivuyemo igomba kugerwaho hashingiwe ku makuru azwi n'ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa ashobora kubonwa na buri wese.

Igika cya 2 ntigikoreshwa ku byerekeranye n'ingwate cyangwa inyungu ikomoka mu byagurishijwe cyangwa byaguzwe ugize Inama y'Ubutegetsi yabonye n'intumwa y'isosiyete cyangwa y'indi bifitanye isano.

Ku bw'ibiteganywa n'iyi ngingo, igisobanuro cy'ijambo "inyungu" kitagabanyijwe, ugize

the director may acquire or dispose of any such shares or other securities, or a direct or indirect interest therein, only if:

- 1° in the case of an acquisition, the consideration given for the acquisition is not less than the fair value of the securities or interest acquired; or
- 2° in the case of a disposition, the consideration received for the disposition is not more than the fair value of the securities or interest disposed of.

For the purposes of paragraph 2, the fair value of any securities or interest therein is to be arrived at on the basis of all information known to the director or publicly available.

Paragraph 2 does not apply in respect of any security or interest acquired or disposed of by a director only as a nominee for the company or related company.

For the purposes of this article and without limiting the meaning of the term "interest", a

acquérir ou céder ces actions ou autres valeurs mobilières, ou un intérêt direct ou indirect dans celui-ci, seulement si:

- 1° dans le cas d'une acquisition, la contrepartie versée pour l'acquisition ne soit pas inférieure à la juste valeur des garanties ou des intérêts acquis; ou
- 2° dans le cas d'une cession, la contrepartie reçue pour la disposition ne dépasse pas la juste valeur des titres ou des intérêts cédés.

Aux fins de l'alinéa 2, la juste valeur des titres ou des intérêts y relatifs peut être établie sur la base de toutes les informations connues de l'administrateur ou accessible au public.

L'alinéa 2 ne s'applique pas à l'égard de toute garantie ou intérêt acquis ou aliénés par un administrateur uniquement en tant que nommé pour la société ou la société affiliée.

Aux fins du présent article et sans limiter la signification du terme «participation», un

Inama y'Ubutegetsi mu isosiyete agira inyungu mu ngwate iyo ikindi kigo cy'ubucuruzi gifite inyungu muri izo ngwate kandi:

1° icyo kigo cyangwa abagize Inama y'Ubutegetsi bwacyo bamenyereye cyangwa basabwa kubahiriza amabwiriza y'abagize Inama y'Ubutegetsi mu mikorere yabo;

2° uwo ugize Inama y'Ubutegetsi afite uburenganzira cyangwa agenzura nibura kimwe cya gatatu (1/3) mu matora mu nama y'icyo kigo cy'ubucuruzi.

Akiciro ka 5: Umwanditsi w'isosiyete

Ingingo ya 170: Ishyirwaho ry'Umwanditsi w'isosiyete

Isosiyete ihamagarira rubanda kuguramo imigabane igomba kugira umwanditsi naho isosiyete idahamagarira rubanda kuguramo imigabane ishobora kugira umwanditsi.

Haseguriwe ibiteganywa mu nyandiko zishinga isosiyete, umwanditsi ashobora gushyirwaho n'abagize Inama y'Ubutegetsi ikanagena igihe yakora, ibisabwa n'ibyo agenerwa ibona ko bikwiye; umwanditsi ushyizweho muri ubwo

director of a company has an interest in securities if another body corporate holds or has an interest in them and either:

1° that body corporate, or its directors, are accustomed or required to act in accordance with the director's directions or instructions;

2° the director is entitled to exercise or control the exercise of one-third or more of the voting power at a meeting of that body corporate.

Subsection 5: Company secretary

Article 170: Appointment of a Secretary

A public company must have a secretary, and a private company may have a secretary.

Subject to the company's incorporation documents, the secretary may be appointed by the directors for such term, at such remuneration and upon such conditions as they think fit; and any secretary so appointed

administrateur d'une société a une participation dans des garanties si une autre société détient ou à une participation dans ces garanties et soit:

1° que la société ou les membres de son Conseil d'Administration, sont habitués ou tenus d'agir en conformité avec les directives ou les instructions de l'administrateur;

2° l'administrateur a le droit d'exercer ou de contrôler l'exercice d'un tiers ou plus des droits de vote lors d'une réunion de cette société.

Sous-section 5: Secrétaire d'une société

Article 170: Nomination d'un secrétaire

Une société publique doit avoir un secrétaire, et une société privée peut avoir un secrétaire.

Sous réserve des documents constitutifs de la société, le secrétaire peut être nommé par les administrateurs pour le mandat, la rémunération et les conditions qu'ils jugent convenables; et tout secrétaire ainsi nommé

buryo ashobora gukurwaho n'abamushyizeho.

may be removed by them.

peut être révoqué par eux.

Ingingo ya 171: Inshingano z'Umwanditsi w'isosiyete

Article 171: Duties of a Company Secretary

Article 171: Devoirs d'un secrétaire de la société

Inshingano z'Umwanditsi w'isosiyete ni izi zikurikira:

A Company Secretary has the following duties:

Un Secrétaire de la Société a des fonctions suivantes:

1° kugira inama abagize Inama y'Ubutegetsi ku birebana n'inshingano n'ububasha byabo;

1° advise members of the Board of Directors on their responsibilities and powers;

1° conseiller les administrateurs sur leurs responsabilités et pouvoirs;

2° kumenyesha abagize Inama y'Ubutegetsi ibyerekeranye n'amabwiriza cyangwa ibindi byose bishobora kubangamira inama z'abanyamigabane cyangwa z'Inama y'Ubutegetsi, raporo zazo no gushyikiriza inzego bireba inyandiko zose z'isosiyete zisabwa n'amategeko ndetse akabamenyesha ingaruka zose zo kutubahiriza ayo mabwiriza;

2° inform members of the Board of Directors about all the necessary regulations or those which may affect the meetings of shareholders and of the Board of Directors, reports thereof and submission of all company documents required by the law to relevant organs as well as consequences due to the failure to comply with such regulations;

2° informer les administrateurs de tous les règlements nécessaires ou ceux qui peuvent affecter les réunions des actionnaires et celles du conseil d'administration, les rapports de celui-ci et la soumission de tous les documents de la société requis par la loi aux organes concernés ainsi que les conséquences en raison du non-respect de ces règlements;

3° kumenya ko inyandikomvugo z'inama y'abanyamigabane n'iz'Inama y'Ubutegetsi no kubika neza ibitabo byose biteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;

3° ensure that minutes of the meetings of shareholders or the Board of Directors are well prepared and that registers provided for by the incorporation documents are accurately kept;

3° à veiller à ce que les procès-verbaux des réunions des actionnaires ou du conseil d'administration sont bien préparés et que des registres prévus par les documents constitutifs sont tenus à jours;

4° kumenya ko inyandiko

4° ensure that annual balance sheet and

4° s'assurer que le bilan annuel et d'autres

z'ibaruramari za buri mwaka z'isosiyete n'izindi nyandiko zose zisabwa n'amategeko zashyikirijwe Umwanditsi Mukuru, nk'uko iri tegeko ribiteganywa;

other types of required documents are submitted to the Registrar General as provided for by this Law;

types de documents requis sont soumis au Registraire Général tels que prévus par la présente loi;

5° kumenya ko kopi y'inyandiko z'ibaruramari za buri mwaka na raporo y'ibikorwa y'umwaka byohererejwe ababigenewe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko n'umuntu wese amategeko ateganywa.

5° ensure that copies of annual balance sheet and activity reports are transmitted to relevant destinations in accordance with this Law and to any person as provided by the law.

5° s'assurer que des copies du bilan annuel et d'activités sont transmises à destination concernée conformément à la présente loi et à toute personne prévue par la loi.

Akiciro ka 6: Indishyi

Ingingo ya 172: Indishyi n'ubwishingizi ku bagize Inama y'Ubutegetsi

Uretse ibiteganyijwe n'iri tegeko, isosiyete ntiyishyura ugize Inama y'Ubutegetsi, umwanditsi, Umugenzuzi cyangwa umukozi wayo indishyi zikomoka ku bikorwa cyangwa ibyo batakoze mu gihe bari mu mirimo yabo cyangwa amafaranga bakoresheje mu bikorwa ibyo aribyo byose. Indishyi yose yatangwa binyuranyije n'ibiteganywa n'iyi ngingo ntigira agaciro.

Haseguriwe ikindi cyose kibujijwe mu nyandiko zigenga isosiyete, isosiyete ishobora

Subsection 6: Indemnity

Article 172: Indemnity and insurance for directors

Except as provided in this Law, a company must not indemnify director, secretary, auditor or employee of the company in respect of any liability for his/her acts or commission in respect of his/her capacity as director, secretary, auditor or employee of the company or for costs incurred by him/her in any proceedings. Any indemnity given in breach of this article is void.

Subject to any restriction in its incorporation documents, a company may indemnify a

Sous-section 6: Indemnité

Article 172: Indemnisation et l'assurance pour les administrateurs

Sous réserve des dispositions de la présente loi, une société ne doit pas indemniser un Directeur, son secrétaire, un auditeur ou un employé de la société en ce qui concerne toute responsabilité pour leurs actes ou commission fait en leur qualité de Directeur, secrétaire, auditeur ou employé de la société ou pour les frais engagés dans toute procédure. Toute indemnisation accordée en violation du présent article est nulle.

Sous réserve de toute restriction dans ses documents constitutifs, une société peut

Official Gazette n°Special of 31/05/2017

guha indishyi ugize Inama y'Ubutegets, umwanditsi, umugenzuzi cyangwa umukozi wayo bitewe n'amafaranga bakoresheje mu rubanza urwo arirwo rwose:

- 1° isosiyete yarezemo ugize Inama y'Ubutegets, umwanditsi, umugenzuzi cyangwa umukozi kubera uwo mwanya wabo;
- 2° urubanza rukaba rwaciwe ku nyungu ze, yagizwe umwere, rwarahagaritswe cyangwa se ikurikirana rikaba ryaravanyweho hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 221 y'iri tegeko.

Isosiyete ishobora guha indishyi ugize Inama y'Ubutegets, Umwanditsi, umugenzuzi cyangwa umukozi wayo bitewe n'uburyozwe cyangwa amafaranga bakoresheje mu rubanza urwo arirwo rwose:

- 1° barezwemo n'undi muntu wese utari isosiyete ku mpamvu z'ako kazi bakora mu isosiyete;
- 2° rutatewe no kuba ugize Inama y'Ubutegets, umwanditsi, umugenzuzi cyangwa umukozi w'isosiyete yakoranye uburiganya,

director, secretary, auditor or employee of the company in respect of any costs incurred by him/her in any proceedings:

- 1° brought by the company against the director, secretary, auditor or employee in that capacity; and
- 2° in which judgment is given in his/her favour, or is acquitted, or relief is granted to him under Article 221.

A company may indemnify a director, secretary, auditor or employee of the company in respect of any liability or costs incurred by him in any proceedings:

- 1° brought by any person other than the company against the director, secretary, auditor or employee in that capacity;
- 2° which do not result from a failure by the director, secretary, auditor or employee to act in good faith in a manner that he believes on reasonable

indemniser un administrateur, secrétaire, auditeur ou un employé de la société pour les frais engagés dans toute procédure:

- 1° occasionnée par la société contre l'administrateur, le secrétaire, auditeur ou employé en cette qualité; et
- 2° dans lequel le jugement est rendu en sa faveur, ou est acquitté, ou le renvoi lui est accordé en vertu de l'article 221.

Une société peut indemniser un administrateur, secrétaire, auditeur ou un employé de la société concernant toute responsabilité ou les frais engagés par lui dans toute procédure:

- 1° occasionnée par toute personne autre que la société contre l'administrateur, secrétaire, auditeur ou employé en cette qualité ;
- 2° qui ne résulte pas du défaut de l'administrateur, secrétaire, auditeur ou employé d'agir de bonne foi d'une manière qu'il croyait à juste raison agir

yakoze mu buryo bigaragara ko bishingiye ku nyungu z'isohiyete.

grounds to be in the best interests of the company.

dans les meilleurs intérêts de la société.

Muri iyi ngingo ntakibuzwa isohiyete gufatira ubwishingizi ugize Inama y'Ubutegetsi, umwanditsi, umugenzuzi cyangwa umukozi ku birabana n'uburyozwe cyangwa amafaranga bakoresha mu rubanza urwo arirwo rwose.

Nothing in this article prevents a company from providing insurance for a director, secretary, auditor or employee in respect of any liability or costs incurred by him in any proceedings.

Rien dans le présent article n'empêche une société de souscrire une assurance pour un administrateur, secrétaire, auditeur ou un employé à l'égard de toute responsabilité ou frais engagés par lui dans une procédure.

Abagize Inama y'Ubutegetsi bagomba kumenya imiterere ya buri ndishyi ihawe ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa ubwishingizi bumufatiye byashyizwe mu gitabo cy'abafite inyungu.

The directors of a company ensure that particulars of every indemnity given to or insurance provided for any director, secretary, auditor or employee of the company are forthwith entered in the register of interests.

Les administrateurs d'une société doivent veiller à ce que les détails de toute indemnité accordée ou assurance souscrite à tout administrateur, secrétaire, auditeur ou un employé de la société sont immédiatement inscrits dans le registre des intérêts.

Muri iyi ngingo:

In this article:

Par le présent article :

1° "ugize Inama y'Ubutegetsi": bivuze n'uwahoze agize Inama y'Ubutegetsi y'isohiyete;

1° "director" includes a former director;

1° «administrateur» comprend un ancien administrateur;

2° "Umwanditsi" bivuze n'uwahoze ari umwanditsi w'isohiyete";

2° "secretary" includes a former secretary;

2° "secrétaire" comprend un ancien secrétaire;

3° "Umukozi" bivuze n'uwahoze ari umukozi w'isohiyete;

3° "employee" includes a former employee;

3° «employé» comprend un ancien employé;

4° "indishyi": bivuga guhagarika cyangwa gusonerwa uburyozwe, haba mbere cyangwa nyuma y'uko bubaye;

4° "indemnify " includes relieve or excuse from liability, whether before or after the liability arises;

4° «indemniser» comprend exonération ou excuse de la responsabilité, que ce soit avant ou après que la responsabilité

5° urubanza”: bivuga ikurikiranwa mu manza mbonezamubano, iz’inshinjabyaha cyangwa iz’ubutegetsu.

5° "proceedings" includes civil, criminal and administrative proceedings.

ait lieu;

5° «procédure» comprend les procédures civiles, pénales et administratives.

UMUTWE WA VI: IMITERERE Y’IMARI SHINGIRO

CHAPTER VI: CAPITAL STRUCTURE

CHAPITRE VI: STRUCTURE DU CAPITAL

Icyiciro cya mbere: Kugira imigabane mu isosiyete

Section one: Share holdings by company

Section première: Actions tenues par la société

Ingingo ya 173: Amabwiriza rusange abuzwa isosiyete kugira imigabane yayo

Article 173: General rule against company holding its own shares

Article 173: Règle générale contre la société holding ses propres actions

Haseguriwe ibiteganywa n’ingingo ya 225 n’iya 227 z’iri tegeko, isosiyete ntishobora kugira imigabane muriyo ubwayo.

Except as provided in Articles 225 and 227, a company may not hold shares in itself.

Sous réserve des dispositions des articles 225 et 227, une société ne peut détenir ses propres actions.

Ingingo ya 174: Ububobekerane bw’imigabane

Article 174: Circular holdings

Article 174: Participations circulaires

Isosiyete ishamikiye ku yindi ntigomba kugira imigabane muri iyo sosiyete ishamikiyeho.

Subject to this article, a subsidiary must not hold shares in its holding company.

Sous réserve du présent article, une filiale ne doit pas détenir des actions dans la société holding.

Itangwa ry’imigabane y’isosiyete ibumbye izindi iyihamikiyeho nta gaciro rigira. Kwimura imigabane iva mu isosiyete ibumbye izindi ijyanwa mu isosiyete iyishamikiyeho nta gaciro bifite.

An issue of shares by a holding company to its subsidiary is void and of no effect. A transfer of shares in a holding company to its subsidiary is void and of no effect.

L’émission des actions d’une holding société à sa filiale est nulle et sans effet. Une cession des actions d’une holding société à sa filiale est nulle et sans effet.

Icyakora, iyi ngingo ntibuza:

- 1° isosiyete yabyawe n'indi gukomeza kuba umunyamigabane w'isosiyete yayibyaye iyo, mu gihe yahindukaga isosiyete ishamikiye ku yindi, yari ifite imigabane mu isosiyete yayibyaye, ariko iyo sosiyete yabyawe n'indi nta burenganzira igira bwo gutora mu gihe cy'inama z'isosiyete yayibyaye cyangwa inama z'abanyamigabane bayo, kandi iyo sosiyete yabyawe ishobora, mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) cyangwa ikindi gihe cyisumbuyeho cyagenwa n'Umwanditsi Mukuru nyuma y'uko ibyawe n'indi, kwikuraho imigabane yose yari ifite mu isosiyete yayibyaye. Iki gika gita agaciro iyo isosiyete yabyawe iretse kuba ishami ry'isosiyete yari yarayibyaye.
- 2° isosiyete yabyawe n'indi ikomeza kuba umunyamigabane w'iyi sosiyete yayibyaye, igihe iri tegeko rizashyirirwa mu bikorwa. Ariko, iyo sosiyete yabyawe n'indi nta burenganzira bwo gutora igira mu nama z'isosiyete yayibyaye cyangwa mu banyamigabane bahuriye mu cyiciro kimwe.

However, this article shall not prevent:

- 1° a subsidiary from continuing to be a member of its holding company if, at the time when it becomes a subsidiary thereof, it already holds shares in that holding company, but the subsidiary shall have no right to vote at meetings of the holding company or any class of members thereof; and the subsidiary shall, within the period of twelve (12) months or such longer period as the Registrar General may allow after becoming the subsidiary of its holding company, dispose of all of its shares in the holding company. For the avoidance of doubt, this paragraph ceases to apply if the subsidiary ceases to be a subsidiary of the holding company.
- 2° a subsidiary continues to be a member of its holding company until the commencement of this Law. However, the subsidiary shall have no right to vote at meetings of the holding company or any class of members thereof.

Toutefois, le présent article ne doit pas empêcher :

- 1° une filiale de continuer à être un membre de sa société holding si, au moment où elle devient une filiale de celle-ci, elle détient déjà des parts de cette holding société, mais la filiale n'a pas le droit de voter lors des réunions de la holding société ou une catégorie de membres de celle-ci, et la filiale doit, dans le délai de douze (12) mois ou une période plus longue que la juridiction peut autoriser après être devenue la filiale de sa holding société, disposer de la totalité de ses actions dans la holding société. Pour éviter tout doute, cet alinéa cesse d'être applicable si, au cours de la période visée à cet alinéa, la filiale cesse d'être une filiale de la holding société.
- 2° une filiale continue à être un membre de sa société holding jusqu'à l'entrée en vigueur de la présente loi. Toutefois, la filiale n'a pas le droit de voter lors des réunions de la société holding ou d'une catégorie de membres de celle-ci.

Ku birebana n'umugabane uwo ari wo wose

With respect to any share referred to in this

En ce qui concerne toute action visée au

uvugwa muri iyi ngingo:

- 1° mu gihe isosiyete ibumbye izindi ifite imigabane y'icyiciro kimwe, umubare wose w'imigabane ifitwe n'amasosiyete ayishamikiyeho cyangwa imigabane ifite yaguze n'isosiyete yari yarayigurishije, ntishobora na rimwe kurenga icumi ku ijana (10%) by'umubare w'imigabane yose iyo sosiyete ibumbye izindi ifite muri icyo gihe;
- 2° Mu gihe umugabane shingiro w'isosiyete ibumbye izindi ugabanyijwemo imigabane y'ibyiciro bitandukanye, umubare wose w'imigabane wa buri cyiciro ifitwe na sosiyete zishamikiye kuri iyo yindi, cyangwa imigabane y'iyo sosiyete ibumbye izindi yaguze kubo yari yarayigurishije, ntushobora na rimwe kurenga icumi ku ijana (10%) by'imigabane yose ifite muri icyo cyiciro;
- 3° mu gihe agace ka 1° cyangwa aka 2° kaba katubahirijwe, isosiyete ibumbye yikuraho, igasiba cyangwa ikagurisha imigabane irenze y'iyo sosiyete iyishamikiyeho mbere y'amezi atandatu (6) uherye ku muni ukunyuranya n'agace ka 1° cyangwa aka 2° byabereye cyangwa ikindi gihe cyagenwa n'Umwanditsi Mukuru;

Article:

- 1° where the holding company has shares of only one class, the aggregate number of shares held by all the subsidiaries of the holding company or by the holding company as treasury shares, must not at any time exceed ten percent (10%) of the total number of shares of the holding company at that time;
- 2° where the share capital of the holding company is divided into shares of different classes, the aggregate number of the shares of any class held by all the subsidiaries of the holding company or by the holding company as treasury shares, must not at any time exceed 10% of the total number of the shares in that class of the holding company at that time;
- 3° where item 1° or item 2° is contravened, the holding company disposes of or cancels the excess shares, or procures the disposal of the excess shares by its subsidiary before the end of the period of six (6) months beginning with the day on which that contravention occurs, or such further

présent article :

- 1° lorsque la société holding détient des actions d'une seule catégorie, le nombre total des actions détenues par l'ensemble des filiales de la holding société ou par la holding société en actions propres, ne doit à aucun moment dépasser dix pourcent (10%) du nombre total des actions de la holding société à cette époque;
- 2° lorsque le capital de la holding société est divisé en actions de différentes catégories, le nombre total des actions de toute catégorie détenues par l'ensemble des filiales de la holding société ou par la holding société en actions propres, ne doit en aucun moment dépasser dix pourcent (10%) du nombre total des actions de cette catégorie de la holding société à ce moment;
- 3° lorsque le point 1° ou 2° est violé, la holding société doit céder ou annuler les actions excédentaires, ou obtenir la cession des actions excédentaires par sa filiale avant la fin de la période de six (6) mois à compter du jour où cette contravention se produit, ou toute autre période que le Registraire peut

- | | | |
|---|--|---|
| <p>4° iyo isosiyete ifitwe n'indi ijana ku ijana, inyungu ku migabane ntishobora gutangwa nta tangwa rindi, ryaba mu mafaranga cyangwa mu bundi buryo, ry'umutungo w'isosiyete ibumbye izindi, harimo itangwa ry'umutungo mu banyamigabane igihe cyo gusesa isosiyete ku isosiyete ishamikiye ku yindi ku birebana n'imigabane yavuzwe haruguru;</p> | <p>period as the Registrar may allow;</p> <p>4° where the subsidiary is a wholly-owned subsidiary of the holding company, no dividend may be paid, and no other distribution, whether in cash or otherwise, of the holding company's assets, including any distribution of assets to members on a winding up, may be made, to the subsidiary in respect of the shares referred to above;</p> | <p>permettre;</p> <p>4° si la filiale est une filiale en propriété exclusive de la holding société, aucune dividende ne peut être versée, et aucune autre distribution des actifs de la holding société peut être faite, à la filiale à l'égard des actions visées ci-dessus;</p> |
| <p>5° iyo isosiyete idafitwe n'indi ijana ku ijana, inyungu ku migabane zishobora gutangwa ndetse n'irindi tangwa ryaba rikozwe mu mafaranga cyangwa mu bundi buryo, ry'umutungo w'isosiyete ibumbye izindi, harimo itangwa ry'umutungo ku banyamigabane igihe cy'iseswa ry'isosiyete, ku isosiyete ishamikiye ku yindi ku birebana n'imigabane yavuzwe haruguru.</p> | <p>5° where the subsidiary is not a wholly-owned subsidiary of the holding company, a dividend may be paid and other distribution, whether in cash or otherwise, of the holding company's assets, including any distribution of assets to members on a winding up, may be made, to the subsidiary in respect of the shares referred to above.</p> | <p>5° si la filiale n'est pas une filiale en propriété exclusive de la holding société, un dividende peut être payé et toute autre distribution des actifs de la holding société peut être faite, à la filiale à l'égard des actions visées ci-dessus.</p> |

Icyiciro cya 2: Igura ry'imigabane bwite y'isosiyete bikoze n'iyi sosiyete

Section 2: Acquisition by a company of its own shares

Section 2: Acquisition par une société de ses propres actions

Article 175: Igura ry'imigabane bwite y'isosiyete

Article 175: Acquisition of company's own shares

Article 175: Acquisition d'actions propres de la société

Isosiyete ishobora kugura cyangwa guhabwa imigabane isanzwe iyigenewe:

A company may purchase or otherwise acquire shares allotted by it:

Une société peut acheter ou autrement acquérir des actions attribuées par celui-ci:

- | | | |
|--|---|---|
| 1° haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete kandi hubahirijwe ibiteganywa n'ingingo ya 67, iya 176 n'iya 177 z'iri tegeko; | 1° subject to any restriction in its incorporation documents and in accordance with Articles 67, 176 and 177 of this Law; | 1° sauf restriction contenue dans ses documents constitutifs et conformément aux articles 67, 176 et 177 de la présente loi; |
| 2° mu gihe ari isosiyete idahamagarira rubanda kuguramo imigabane, abanyamigabane bahisemo kutagengwa n'ingingo ya 225 y'iri tegeko; | 2° in the case of a private company, if the shareholders have opted out of the requirements of Article 225 of this Law; | 2° dans le cas d'une société privée, si les actionnaires ont choisi de ne pas se conformer aux exigences de l'article 225 de la présente loi; |
| 3° hubahirijwe icyemezo cy'urukiko cyafashwe ku bw'iri tegeko ku byerekeranye n'amabwiriza ashwirwaho n'iri tegeko; | 3° in accordance with an order of the court made under this Law on the terms and conditions set out in that order; | 3° conformément à une ordonnance de la juridiction rendue en vertu de la présente loi sur les termes et conditions énoncées dans le présent ordre ; |
| 4° hubahirijwe ingingo ya 226 y'iri tegeko. | 4° in accordance with Article 226 of this Law. | 4° conformément à l'article 226 de la présente loi. |

Ingingo ya 176: Ububasha bw'Abagize Inama y'Ubutegetsi bwo kugura imigabane y'abanyamigabane

Buri gihe cyose isosiyete ifite uburenganzira bwo kugura imigabane yayo, abagize Inama y'Ubutegetsi bashobora:

1. gusaba mu buryo rusange abanyamigabane b'isosiyete kugura igice runaka cy'imigabane yabo,

Article 176: Directors may make general or special offer to acquire shares

At any time when a company is entitled to acquire its own shares, the directors may:

- 1° make a general offer to all shareholders of the company to acquire a proportion of their shares, if:

Article 176: Administrateurs peuvent faire une offre générale ou spéciale pour acquérir des actions

À tout moment où une société a le droit d'acquérir ses propres actions, les administrateurs peuvent:

- 1° faire une offre générale à tous les actionnaires de la société d'acquérir une proportion de leurs actions, si:

iyoy:

- | | | |
|---|--|--|
| <p>a. ubwo busabe, buramutse bwemewe uko bwakabayey, butazagira icyo buhungabanyaho uburenganzira bwerekeranyey no gutora n'itangwa;</p> <p>b. abanyamigabane bose bahawe amahirwe yo kugaragaza icyo batekereza kuri ubwo busabe;</p> <p>c. ibisabwa biteganyijwe mu ngingo ya 177 y'iri tegeko kugira ngo ubusabe bwa rusange byubahirijwe;</p> | <p>a. such an offer will, if accepted in full, leave unaffected relative voting and distribution rights;</p> <p>b. all shareholders are afforded a reasonable opportunity to accept the offer;</p> <p>c. the requirements for general set out in Article 177 of this Law are followed;</p> | <p>a. une telle offre sera, si elle est acceptée dans son intégralité, laisser les droits de vote et de distribution y relatifs non affectés;</p> <p>b. tous les actionnaires ont l'opportunité raisonnable d'accepter l'offre qui leur est accordé ;</p> <p>c. les exigences pour les offres générales prévues à l'article 177 de la présente loi sont respectées; ou</p> |
| <p>2. gukora ubusabe bwihariye bwo kugura imigabane kuri umwe cyangwa benshi mu banyamigabane mu bundi buryo butari ubuteganyijwe mu gace ka mbere, iyo ibisabwa n'ingingo ya 178 y'iri tegeko byubahirijwe.</p> | <p>2° make a special offer to one or more shareholders to acquire shares, other than in accordance with item 1°, if the requirements set out in Article 178 of this Law are followed.</p> | <p>2° faire une offre spéciale à un ou plusieurs actionnaires d'acquérir des actions, autres que conformément au point 1°, si les conditions énoncées à l'article 178 de la présente loi sont respectées.</p> |

Ingingo ya 177: Ibisabwa mu isaba rikozwe mu buryo rusange

Abagize Inama y'Ubutegetsy bashobora gusaba mu buryo bwa rusange kugura imigabane iyo babanje kwemeza ko:

1° iryo gura riri mu nyungu y'isosiyete;

Article 177: Requirements for general offers

The directors may make a general offer or special offer to acquire shares only if they have previously resolved:

1° that the acquisition in question is

Article 177: Exigences relatives aux offres générales

Les administrateurs ne peuvent faire une offre générale ou une offre spéciale pour acquérir des actions que s'ils ont déjà résolu:

1° que l'acquisition en question est dans

	in the best interests of the company;	les meilleurs intérêts de la société;
2° ingingo zikubiye muri iryo saba ndetse n'igiciro batanga bikwiye kuri iryo sosiyete;	2° that the terms of the offer and the consideration offered for the shares are fair and reasonable to the company;	2° que les conditions de l'offre et de la contrepartie offerte pour les actions sont justes et raisonnables pour la société;
3° nta makuru bafite abandi banyamigabane badashobora kubona: a. ya ngombwa ku isesengura ry'agaciro k'imigabane; b. nk'ingaruka y'ingingo zikubiye mu nyandiko y'isaba ndetse n'igiciro bidakwiye kugira ngo yemere iryo saba; bene icyo cyemezo kigomba kandi gushyiraho impamvu zose z'umwanzuro w'abagize Inama y'Ubutegetsi.	3° that it is not aware of any information not available to shareholders: a) which is material to an assessment of the value of the shares; b) as a result of which the terms of the offer and consideration offered for the shares are unfair to shareholders accepting the offer; and any such resolution shall set out full reasons for the board of directors' conclusions.	3° qu'il n'a pas connaissance de toute information non disponible pour les actionnaires: a. qui est importante à une évaluation de la valeur des actions; b. comme résultat pour laquelle les conditions de l'offre et de contrepartie offerte pour les actions sont injustes aux actionnaires d'accepter l'offre; et une telle résolution doit énoncer les motifs complets pour les conclusions du Conseil d'administration.
Abayobozi batoye umwanzuro usabwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bashyira umukono ku cyemezo kirebana n'ibivugwa muri icyo gika, icyemezo gishobora guhuzwa n'icyemezo gisabwa mu ngingo ya 70 y'iri tegeko ndetse n'ikindi cyemezo cyose gisabwa mu ngingo ya 178 y'iri tegeko.	The directors who vote in favour of a resolution required by paragraph one of this article shall sign a certificate as to the matters set out in that paragraph which may be combined with the certificate required by Article 70 and any certificate required under Article 178 of this law.	Les administrateurs qui votent en faveur d'une résolution requise par l'alinéa premier du présent article doivent signer un certificat pour les questions énoncées dans cet alinéa qui peut être combiné avec le certificat requis par l'article 70 et de tout certificat requis en vertu de l'article 178 de la présente loi.
Abagize Inama y'Ubutegetsi ntibagomba	The directors must not make an offer pursuant	Les administrateurs ne doivent pas faire une

gusaba kugura imigabane bashingiye ku mwanzuro uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo iyo, nyuma y'uko umwanzuro ufashwe ariko mbere y'uko basaba kugura imigabane, abagize Inama y'Ubutegetsi :

- 1° basanze igurisha ritagifitiye inyungu isosiyete;
- 2° basanze ko ingingo z'amasezerano n'igiciro gitangwa kuri iyo migabane bidakwiye kuri sosiyete;
- 3° bamenye amakuru atazatangarizwa abanyamigabane:
 - a. akomeye ku isesengura ry'agaciro k'umugabane;
 - b. nk'ingaruka y'ingingo zikubiye mu nyandiko y'isaba ndetse n'igiciro cyatanzwe kuri iyo migabane bishobora kuba bidakwiye kugira ngo yemere iryo saba.

to a resolution under paragraph one of this article if, after the passing of the resolution and before making the offer to acquire shares the directors:

- 1° cease to be satisfied that the acquisition in question is in the best interests of the company;
- 2° cease to be satisfied that the terms of the offer and the consideration offered for the shares are fair and reasonable to the company;
- 3° become aware of any information that will not be disclosed to shareholders:
 - a) which is material to an assessment of the value of the shares; or
 - b) as a result of which the terms of the offer and consideration offered for the shares would be unfair to shareholders accepting the offer.

offre conformément à une résolution en vertu de l'alinéa premier du présent article si, après l'adoption de la résolution et avant de faire l'offre pour l'acquisition des actions, les administrateurs:

- 1° cessent d'être convaincus que l'acquisition en question est dans les meilleurs intérêts de la société;
- 2° cessent d'être convaincus que les conditions de l'offre et de la contrepartie offerte pour les actions sont justes et raisonnables à la société;
- 3° prennent conscience de toute information qui ne seront pas divulgués aux actionnaires:
 - a. qui est important à une évaluation de la valeur des actions; ou
 - b. comme résultat pour laquelle les conditions de l'offre et de contrepartie offerte pour les actions serait injuste aux actionnaires d'accepter l'offre.

Ingingo ya 178: Ibisabwa mu isaba ryihariye

Abagize Inama y'Ubutegetsi bashobora gusaba mu buryo bwihariye kugura imigabane iyo, hiyongereye ku bisabwa n'ingingo ya 177 y'iri tegeko, baba bararangije kwemera ibi bikurikira:

- 1° ko iryo gurisha riri mu nyungu z'abandi banyamigabane basigaye;
- 2° ko ibikubiye muri iryo saba n'igicro ku migabane bikwiye ku banyamigabane bandi basigaye.

Uwo mwanzuro ugomba kwerekana impamvu zose zashingiweho ufatwa n'abagize Inama y'Ubutegetsi.

Abagize Inama y'Ubutegetsi batoye umwanzuro usabwa mu gika cya mbere bashyira umukono ku cyemezo ku byerekeranye n'ibiteganywa mu gika cya mbere.

Abagize Inama y'Ubutegetsi ntibagomba gukora isaba ryihariye binyuze mu mwanzuro usaba kugura imigabane iyo, nyuma y'uko umwanzuro ufatwa na mbere y'uko isabwa ry'igura ry'imigabane rikorwa, abagize Inama

Article 178: Requirements for special offers

The directors may make a special offer to acquire shares only if in addition to complying with requirements of Article 177 of this law the directors have previously resolved:

- 1° that the acquisition in question is of benefit to the remaining shareholders; and
- 2° that the terms of the offer and consideration offered for the shares are fair and reasonable to the remaining shareholders.

Any such resolution shall set out full reasons for the directors' conclusions.

The directors who vote in favour of a resolution required by paragraph One shall sign a certificate as to the matters set out in paragraph One.

The directors do not make a special offer by resolution to acquire shares if, after the passing of the resolution and before the making of the offer to acquire shares, the directors cease to be satisfied that the:

Article 178: Exigences relatives aux offres spéciales

Les administrateurs ne peuvent faire une offre spéciale pour acquérir des actions que si, en plus de se conformer aux exigences de l'article 177 de la présente loi, ils ont préalablement résolu:

- 1° que l'acquisition en question est bénéfique pour les actionnaires restants; et
- 2° que les conditions de l'offre et de contrepartie offerte pour les actions sont justes et raisonnables aux actionnaires restants.

Une telle résolution doit énoncer les motifs complets pour les conclusions des administrateurs.

Les administrateurs qui votent en faveur d'une résolution requise par l'alinéa premier doivent signer un certificat concernant les questions énoncées à l'alinéa premier.

Les administrateurs ne doivent pas faire une offre spéciale par la résolution d'acquérir des actions si, après le vote de la résolution et avant la réalisation de l'offre d'acquérir des actions, ils cessent d'être convaincus que le:

y'Ubutegetsi basanze ko:

1° igurisha ritakiri mu nyungu z'abanyamigabane basigaye;

2° ingingo zikubiye mu nyandiko y'isaba ndetse n'igiciro gitangwa ku migabane gikwiye ku bandi banyamigabane basigaye.

Mbere yo gusaba bishingiye ku biteganywa mu gika cya mbere, isosiyete yoherereza buri munyamigabane inyandiko imenyekanisha amakuru.

Inyandiko imenyekanisha amakuru yohererejwe abanyamigabane bose igomba kugaragaza:

1° imiterere n'ingingo z'isaba, mu gihe rireba abanyamigabane runaka, kugaragaraza abanyamigabane rireba;

2° inyandiko y'umwanzuro usabwa mu gika cya mbere, iherekejwe n'andi makuru yose n'ibisobanuro byaba ngombwa kugira ngo bifashe umunyamigabane kumva neza ubwoko n'ingaruka z'igurishwa risabwa ku isosiyete no ku banyamigabane.

1° acquisition is of benefit to the remaining shareholders; or

2° terms of the offer and the consideration offered for the shares are fair and reasonable to the remaining shareholders.

Before an offer is made pursuant to a resolution under paragraph 1, the company sends each shareholder a disclosure document.

The document disclosure sent to all shareholders sets out:

1° the nature and terms of the offer, and if made to specified shareholders, to whom it will be made; and

2° the text of the resolution required by paragraph 1, together with such further information and explanation as may be necessary to enable a reasonable shareholder to understand the nature and implications for the company and its shareholders of the proposed acquisition.

1° acquisition est bénéfique pour les actionnaires restants; ou

2° conditions de l'offre et de la contrepartie offerte pour les actions sont justes et raisonnables aux actionnaires restants.

Avant qu'une offre soit faite conformément à une résolution en vertu de l'alinéa premier, la société doit envoyer à chaque actionnaire un document d'information.

Le document d'information envoyé à tous les actionnaires énonce:

1° la nature et les conditions de l'offre, et si elle est faite aux actionnaires spécifiés, à qui il sera fait; et

2° le texte de la résolution requise par l'alinéa premier ainsi que toute autre information supplémentaire et explication en cas de besoin pour permettre à un actionnaire raisonnable de comprendre la nature et les implications pour la société et ses actionnaires de l'acquisition proposée.

Gusaba gushobora gukorwa mu gihe kitari munsu y'iminsi icumi (10) kandi kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi nyuma y'uko inyandiko imenyekanisha yohererejwe buri munyamigabane.

Ingingo ya 179: icyemezo gihagarika igurisha ryasabwe

Umunyamigabane w'isosiye ashobora gusaba urukiko gufata icyemezo gihagarika igurishwa ryasabwe rishingiye ku isabwa rya rusange cyangwa ryihariye riteganywa mu ngingo ya 177 ni iya 178 y'iri tegeko ku mpamvu z'uko:

- 1° iryo gurisha ritari mu nyungu z'isosiye cyangwa iz'abanyamigabane bandi basigaye;
- 2° ingingo z'isaba n'igiciro gitangwa ku migabane bidakwiye ku isosiye no ku bandi banyamigabane basigaye.

The offer may be made not less than ten (10) and not more than thirty (30) working days after the disclosure document has been sent to each shareholder.

Article 179: Order restraining proposed acquisition

A shareholder or the company may apply to the court for an order restraining a proposed acquisition pursuant to a general or special offer under Article 177 and 178 of this Law on the grounds that:

- 1° it is not in the best interests of the company or of benefit to any remaining shareholders; or
- 2° the terms of the offer and the consideration offered for the shares are not fair and reasonable to the company or to any remaining shareholders.

L'offre peut être faite au moins dix (10) et pas plus de trente (30) jours ouvrables après que le document d'information ait été envoyé à chaque actionnaire.

Article 179: Ordonnance interdisant le projet d'acquisition

Un actionnaire ou la société peut demander à la juridiction de rendre une ordonnance interdisant un projet d'acquisition sur base d'une offre générale ou spéciale en vertu des articles 177 et 178 de la présente loi sur les motifs suivants:

- 1° il n'est pas dans les meilleurs intérêts de la société ou des actionnaires restants; ou
- 2° les termes de l'offre et de la contrepartie offerte pour les actions ne sont pas justes et raisonnables pour la société ou les actionnaires restants.

Icyiciro cya 3: Imigabane ishobora kwisubizwa

Section 3: Redeemable shares

Section 3 : Actions rachetables

Ingingo ya 180: Kwisubiza imigabane ku bushake bw'isosiye

Article 180: Redemption at option of the company

Article 180: Rachat au gré de la société

Iyo umugabane ushobora kwisubizwa ku bushake bw'isosiye, uko kwisubizwa gufatwa nk'igurwa ry'umugabane ku bw'ibiteganyijwe kuva ku ngingo ya 176 kugeza ku ya 178 z'iri tegeko.

Where a share is redeemable at the option of the company, any such redemption is deemed to be an acquisition of the share for the purposes of Articles 176 to 178 of this Law.

Lorsqu'une action est rachetable au gré de la société, un tel rachat est réputé être une acquisition de l'action aux fins des articles 176 à 178 de la présente loi.

Ingingo ya 181: Kwisubiza imigabane bikoze n'abanyamigabane

Article 181: Redemption at the option of the shareholder

Article 181: Rachat au choix de l'actionnaire

Iyo umugabane ari uwo gusubizwa ku bushake bw'uwufite, hanyuma nyirawo agaha inyandiko imenyeshya isosiye ko yawisubiza:

Where a share is redeemable at the option of the holder of the share, and the holder gives proper notice to the company requiring the share to be redeemed:

Lorsqu'une action est rachetable au gré du porteur de l'action, et le titulaire donne un avis approprié à la société exigeant la part à racheter:

1° isosiye igomba gusubirana uwo mugabane ku itariki yavuzwe muri iyo nyandiko, niba nta tariki yavuzwe isosiye igomba guhita iwisubiza ikimara kubona iyo nyandiko;

1° the company redeems the share on the date specified in the notice, or if no date is specified, on the date of receipt of the notice;

1° la société doit racheter l'action à la date indiquée dans l'avis, ou si aucune date n'est spécifiée, à la date de réception de la notification;

2° guhera ku itariki yo kwisubiza umugabane, uwari uwufite wa mbere afatwa nk'uberewemo umwenda n'isosiye nta ngwate ku mafaranga avugwa mu nyandiko

2° from the date of redemption the former shareholder ranks as an unsecured creditor of the company in respect of the sum specified in the incorporation documents as being

2° à partir de la date du rachat, l'ancien actionnaire se classe comme un créancier chirographaire de la société à l'égard de la somme indiquée dans les documents constitutifs comme étant

zishinga isosiyete nk'aho azishyurwa uko kwisubiza kumaze gukorwa.

payable upon such redemption.

payable à un tel rachat.

Ku bw'ibivugwa mu ngingo ya 71 n'ya 72 z'iri tegeko, kwisubiza umugabane guteganywa n'iyi ngingo ntabwo bifatwa nko kwishyura inyungu ku migabane biteganywa n'igika cya mbere n'icya 3 by'ingingo ya 75 y'iri tegeko.

A redemption under Article is not a distribution for the purposes of Articles 71 and 72 but is deemed to be a distribution for the purposes of Article 75 paragraphs One and 3.

Un rachat en vertu du présent article n'est pas une distribution pour la mise en application des articles 71 et 72 de la présente loi, mais est considéré comme une distribution aux fins de l'article 75, alinéas premier et 3.

Ingingo ya 182: Kwisubiza umugabane ku itariki yagenwe

Article 182: Redemption upon a fixed date

Article 182: Rachat à une date fixe

Iyo inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete zagennye itariki yo kwisubiza umugabane:

Where a share is redeemable upon a date specified in the incorporation documents:

Lorsqu'une action est rachetable à une date spécifiée dans les documents de constitution:

1° isosiyete igomba kwisubiza uwo mugabane kuri iyo tariki;

1° the company must redeem the share upon that date;

1° la société doit racheter la part à cette date;

2° guhera kuri iyo tariki, uwari ufite uwo mugabane afatwa nk'uberewemo umwenda n'isosiyete nta ngwate ku mafaranga avugwa mu nyandiko zishingwa ry'isosiyete nk'aho azishyurwa uko kwisubiza kumaze gukorwa.

2° from that date, the former shareholder ranks as an unsecured creditor of the company in respect of the sum specified in the incorporation documents as being payable upon such redemption.

2° à partir de cette date, l'ancien actionnaire se classe comme un créancier chirographaire de la société à l'égard de la somme indiquée dans les documents constitutifs comme étant payable à un tel rachat.

Kwisubiza umugabane guteganywa n'iyi ngingo ntabwo bifatwa nko kwishyura inyungu ku migabane hagamijwe kwisubiza inyungu zahawe umunyamigabane.

A redemption under this Article is not a distribution, but is deemed to be a distribution for the purposes of recovering a distribution from shareholder.

Un rachat en vertu du présent article n'est pas une distribution, mais est réputé être une distribution à des fins de récupération d'une distribution à partir d'actionnaire.

Icyiciro cya 4: Gukuraho imigabane yongeye kugurwa cyangwa yishubijwe

Ingingo ya 183: Gukuraho imigabane yongeye kugurwa cyangwa yishubijwe

Umugabane wose w'isosiye waguzwe cyangwa wishubijwe n'isosiye ufatwa nk'utakiriho ako kanya nyuma yo kuwugura cyangwa kuwisubiza kandi uburenganzira n'inyungu byose byari biwushamikiyeho bihita bita agaciro.

Uretse ibiteganywa n'iyi ngingo, imigabane igurwa cyangwa ikisubizwa ku itariki isosiye yagombaga kugira ububasha bwo gukoreshwa uburenganzira bwayo bushamikiye kuri iyo migabane.

Ingingo ya 184: Kumenyekanisha ikuraho ry'umugabane

Iyo umugabane ukuweho, abagize Inama y'Ubutegetsi baha Umwanditsi Mukuru inyandiko imenyeshya ihindurwa ry'inyandiko zishinga isosiye.

Icyiciro cya 5: Gushyira mu bikorwa amasezerano yo kongera kugura imigabane cyangwa kuyisubiza

Section 4: Cancellation of shares re-purchased or redeemed

Article 183: Cancellation of shares re-purchased or redeemed

Any share of a company acquired or redeemed by a company is deemed to be cancelled immediately upon acquisition or redemption and all the rights and privileges attached to that share expire.

Shares are acquired or redeemed on the date upon which the company would, apart from this Article, become entitled to exercise the rights attached to the shares.

Article 184: Disclosure of cancellation

Where a share is cancelled, the directors deliver to the Registrar General a notice of alteration of incorporation documents.

Section 5: Enforceability of contract to re-purchase or redeem shares

Section 4: Annulation des actions rachetées

Article 183: Annulation des actions rachetées

Toute action d'une société acquise ou rachetée par une société est réputée être annulée immédiatement à l'acquisition ou au rachat et de tous les droits et privilèges attachés à cette action expire.

Les actions sont acquises ou rachetées à la date à laquelle la société aurait, en dehors du présent article, droit d'exercer les droits attachés aux actions.

Article 184: Divulgence de l'annulation

Lorsqu'une action est annulée, les administrateurs doivent remettre au Registraire Général un avis de modification des documents constitutifs.

Section 5: Exécution des contrats de racheter des actions

Ingingo ya 185: Gushyira mu bikorwa amasezerano yo kongera kugura imigabane cyangwa kuyisubiza

Isosiyete ntiryoza igihombo gitewe no kunanirwa kugura cyangwa kwisubiza imigabane yayo, ariko amasezerano yakoze ateganya kugura cyangwa kwisubiza imigabane yayo ashirwa mu bikorwa n'isosiyete uko bisabwa, keretse icyo:

- 1° isosiyete idashobora gushyira mu bikorwa ayo masezerano bitayiteje kunanirwa kwishyura imyenda yayo;
- 2° nk'ingaruka yo kugurisha, nta munyamigabane w'isosiyete uzongera kugira imigabane uretse imigabane ishobora kwisubizwa.

Mu kirego cyose cyerekeye amasezerano yavuzwe mu gika cya mbere, isosiyete niyo isabwa gutanga ikimenyetso ko ishira mu bikorwa ry'amasezerano ryabujijwe n'ibiteganywa n'ingingo ya 71 y'iri tegeko.

Kugeza igihe isosiyete irangirije gushyira mu bikorwa amasezerano nk'uko biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, urundi ruhande ku masezerano rugumana uburenganzira bwo gusaba ko rwishyurwa buri gihe cyose isosiyete

Article 185: Enforceability of contract to re-purchase or redeem shares

A company is not liable in damages for any failure to acquire or redeem its shares, but a contract with a company providing for the acquisition or redemption by the company of its shares is specifically enforceable against the company except to the extent that:

- 1° the company cannot perform the contract without thereby causing the company to fail to satisfy the solvency test; or
- 2° as a result of the acquisition there would no longer be any shareholder of the company holding shares other than redeemable shares.

In any action brought on a contract referred to in paragraph One, the company has the burden of proving that performance of that contract is prevented by Article 71 of this Law.

Until the company has fully performed a contract referred to in paragraph One of this Article, the other party retains the status of a claimant entitled to be paid as soon as the company is lawfully able to do so or, prior to

Article 185 : Exécution des contrats de racheter des actions

Une société n'est pas responsable des dommages-intérêts pour tout manquement à acquérir ou racheter ses actions, mais un contrat avec une société prévoyant l'acquisition ou le rachat par la société de ses actions est spécifiquement exécutoire contre la société, sauf dans la mesure où:

- 1° la société ne peut pas exécuter le contrat sans causer la défaillance de la part de la société de satisfaire au critère de solvabilité; ou
- 2° à la suite de l'acquisition, il n'y aurait plus aucun actionnaire de la société détenant des actions autres que des actions rachetables.

Dans toute action portée sur un contrat visé à l'alinéa premier, la société a le fardeau de prouver que l'exécution de ce contrat est empêché par l'article 71 de la présente loi.

Jusqu'à ce que la société ait complètement exécuté le contrat visé à l'alinéa premier du présent article, l'autre partie conserve le statut de demandeur qui a le droit d'être payé dès que l'entreprise est légalement en mesure de le

ibonye ubushobozi cyangwa mbere y'uko isosiyete ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete rwishyurwa ku ntera iri inyuma y'ababerewemo umwenda n'isosiyete ariko mbere y'abandi banyamigabane.

Icyiciro cya 6: Inkunga y'amafaranga itanzwe n'isosiyete mu kugurisha imigabane yayo

Article 186: Ububasha bwo gutanga inkunga y'amafaranga

Isosiyete ishobora gutanga inkunga y'amafaranga, inguzanyo, kwishingira, ingwate cyangwa n'ibindi bijyana na byo mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, ku muntu wese hagamijwe kugura imigabane yayo yatanzwe cyangwa igomba gutangwa, iyo gusa:

1° isosiyete:

- a) itanze inkunga y'amafaranga mu bikorwa byayo no ku bigomba kubahirizwa bisanzwe;
- b) ibonye agaciro gakwiye ugereranyijwe n'inkunga yatanzwe;

2° haseguriwe ibyaba bibujijwe byose mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete,

the removal of the company from the register, to be ranked subordinate to the rights of creditors but in priority to the other shareholders.

Section 6: Financial assistance by a company for the purchase of its own shares

Article 186: Power to give financial assistance

A company may give financial assistance by means of a loan, guarantee, the provision of security or otherwise to any person for the purpose of or in connection with the purchase of any share allotted or to be allotted by the company, whether directly or indirectly, only if:

1° the company:

- a) gives the financial assistance in the ordinary course of business and on usual terms and conditions;
- b) receives fair value in connection with the assistance;

2° Subject to any restriction in its incorporation statement, the financial

faire ou, avant la radiation de la société dans le registre, d'être classé subordonné aux droits des créanciers, mais en priorité aux autres actionnaires.

Section 6: Assistance financière par une société pour l'achat de ses propres actions

Article 186: Pouvoir de fournir une assistance financière

Une société peut accorder une assistance financière au moyen d'un prêt, de garantie, de fourniture de la sécurité ou autrement à toute personne dans le but de ou en relation avec l'achat d'une action attribuée ou devant être attribuée par la société, que ce soit directement ou indirectement, seulement si:

1° la société:

- a) donne l'assistance financière dans le cours normal des affaires et selon des termes et conditions habituelles;
- b) reçoit la juste valeur en rapport avec l'assistance;

2° Sous réserve de toute restriction dans sa déclaration d'incorporation,

inkunga y'amafaranga itangwa hubahirijwe ibiteganywa n'ingingo ya 71 n'ya 187 z'iri tegeko;

assistance is given in accordance with articles 71 and 187 of this Law;

l'assistance financière est accordée conformément aux articles 71 et 187 de la présente loi;

3° igihe ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, abanyamigabane baremeye kutagengwa n'ibisabwa n'ingingo ya 188 n'ya 209 z'iri tegeko.

3° in the case of a private company, the shareholders have opted out of the requirements of Articles 188 and 209 of this Law.

3° dans le cas d'une société privée, les actionnaires ont choisi de ne pas se soumettre aux exigences des articles 188 et 209 de la présente loi.

Ingingo ya 187: Inkunga y'amafaranga ifatwa nk'itangwa ry'inyungu ku migabane

Article 187: Financial assistance considered as a distribution

Article 187: Assistance financière considérée comme une distribution

Inkunga y'amafaranga itangwa nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 186 y'iri tegeko ntifatwa nk'itangwa ry'inyungu ku migabane.

The financial assistance given under Article 186 of this law is deemed not to be a distribution.

L'assistance financière accordée en vertu de l'article 186 de la présente loi est réputée ne pas être une distribution.

Inkunga y'amafaranga itangwa mu bundi buryo ifatwa nk'itangwa ry'inyungu kumigabane ku birebana n'indi migabane yagurishijwe cyangwa igomba kugurishwa, uwahawe inkunga yaba afite imigabane mu isosiyete cyangwa atayifite igihe inkunga yatangwaga .

Financial assistance given otherwise than under Article 186 is deemed to be a distribution in respect of the shares purchased, or to be purchased, whether or not the person to whom the assistance is given holds or acquires share in the company at the time the assistance is given.

L'assistance financière donnée autrement est réputée une distribution à l'égard des actions acquises, ou à acheter, que la personne à qui l'assistance est offerte détient ou acquiert ou non l'action dans la société au moment où l'assistance est accordée.

Ku mpamvu yo kugena impamvu y'amafaranga yatangwa:

For the purpose of determining whether financial assistance may be given:

Aux fins de déterminer si une assistance financière peut être donnée :

1° "umutungo" ufatwa nk'utabarirwamo amafaranga y'inkunga yatanzwe mu buryo bw'inguzanyo;

1° "asset" is to be taken to exclude the amount of any financial assistance in the form of a loan;

1° «actif» doit être pris pour exclure le montant de toute assistance financière sous la forme d'un prêt;

2° “uburyozwe” harimo agaciro k’uburyozwe bwose bwaba buhari cyangwa budahari isosiyete yahuye nabwo kubera kuba yaratanze inkunga.

2° "liability" includes the face value of any liability, whether contingent or otherwise, incurred in connection with the giving of the assistance.

2° «responsabilité» inclut la valeur nominale de toute responsabilité éventuelle ou autrement, engagée en rapport avec l'octroi de l'assistance.

Ingingo ya 188: Ibisabwa kugira ngo hatangwe inkunga yo kugura imigabane

Article 188: Requirements for financial assistance to promote shares

Article 188: Exigences relatives à l'assistance financière pour promouvoir les actions

Isosiyete ishobora gutanga inkunga y’amafaranga ku muntu kugira ngo agure imigabane yatanzwe, mu gihe gusa abagize Inama y’Ubutegetsi bemeje ko:

A company may give financial assistance to a person to purchase shares allotted only if the directors have previously resolved that:

Une société ne peut accorder une assistance financière à une personne d'acheter des actions attribuées que si les administrateurs ont déjà décidé que:

1° gutanga iyo nkunga biri mu nyungu z’isosiyete;

1° the giving of the assistance in question is in the best interests of the company;

1° l'octroi de l'assistance en question est dans les meilleurs intérêts de la société;

2° ibyubahirizwa mu itangwa ry’iyo nkunga bikwiye kuri sosiyete;

2° the terms and conditions under which the assistance is given are fair and reasonable to the company;

2° les termes et les conditions dans lesquels l'assistance est donnée sont justes et raisonnables à la société;

3° gutanga iyo nkunga biri mu nyungu za buri munyamigabane utayihawe;

3° giving the assistance in question is of benefit to any shareholders not receiving the assistance;

3° que donner l'assistance en question est bénéfique pour tous les actionnaires qui n’ont pas reçu l'assistance;

4° ibyubahirizwa kugira ngo iyo nkunga itangwe bikwiye kuri buri munyamigabane utayihawe.

4° the terms and conditions under which the assistance is given are fair and reasonable to any shareholders not receiving the assistance.

4° que les termes et conditions dans lesquels l'assistance est donnée sont justes et raisonnables à tous les actionnaires qui n’ont pas reçu l'assistance.

Uwo mwanzuro kandi ugomba kugaragaza impamvu abagize Inama y'Ubutegesi bashingiyeho bawufata.

Abayobozi batoye umwanzuro wemera gutanga inkunga y'amafaranga bashyira umukono ku cyemezo cyerekeranye n'ibivugwa mu gika cya mbere kandi icyo cyemezo gishobora guhuzwa n'ikivugwa mu ngingo ya 71 y'iri tegeko.

Isosiyete ntigomba gutanga inkunga y'amafaranga iyo, nyuma yo gufata uwo mwanzuro na mbere yo gutanga iyo nkunga, abagize Inama y'Ubutegesi basanze ko:

- 1° gutanga iyo nkunga bitakiri mu nyungu z'isosiyete;
- 2° ibyubahirizwa bayitanga bitagikwiye ku bw'inyugu z'isosiyete;
- 3° gutanga iyo nkunga bitakiri mu nyungu z'abanyamigabane batabonye iyo nkunga;
- 4° ibyubahirizwa ngo batange inkunga bitagikwiye ku birebana n'abanyamigabane batayihawe;

Any such resolution sets out full reasons for the directors' conclusions.

The directors who vote in favour of a resolution to give financial assistance sign a certificate as to the matters set out in paragraph One and that certificate may be combined with the certificate required under Article 71 of this Law.

A company does not give the financial assistance if, after the passing of the resolution and before the giving of the financial assistance, the directors cease to be satisfied that:

- 1° the giving of the assistance in question is in the best interests of the company;
- 2° the terms and conditions under which the assistance is given are fair and reasonable to the company;
- 3° giving the assistance in question is of benefit to those shareholders not receiving the assistance;
- 4° the terms and conditions under which the assistance is given are fair and reasonable to those shareholders not receiving the assistance;

Une telle résolution doit énoncer les motifs complets pour les conclusions des administrateurs.

Les administrateurs qui votent en faveur d'une résolution visant à apporter une assistance financière doit signer un certificat pour les questions énoncées à l'alinéa premier et ce certificat peuvent être combinés avec le certificat requis en vertu de l'article 71 de la présente loi.

Une société ne doit pas donner l'assistance financière si, après l'adoption de la résolution et avant la remise de l'assistance financière, les administrateurs cessent d'être convaincus que:

- 1° l'octroi de l'assistance en question est dans les meilleurs intérêts de la société;
- 2° les termes et les conditions dans lesquels l'assistance est donnée sont justes et raisonnables pour la société;
- 3° donnant l'assistance en question est bénéfique pour les actionnaires qui ne l'ont pas reçu;
- 4° les termes et les conditions dans lesquels l'assistance est donnée sont justes et raisonnables aux actionnaires qui n'ont pas reçu d'assistance ;

Official Gazette n°Special of 31/05/2017

<p>5° bakimara gutanga iyo nkunga, isosiyete igaragaza ko idafite ubushobozi bwo kwishyura imyenda yayo.</p>	<p>5° immediately after giving the assistance, the company shall satisfy the solvency test.</p>	<p>5° immédiatement après avoir donné l'assistance, l'entreprise doit satisfaire au critère de solvabilité.</p>
<p>Mbere y'uko inkunga y'amafaranga itangwa, isosiyete yoherereza buri munyamigabane inyandiko imenyekanisha yubahirijwe ibivugwa mu ngingo ya 177 y'iri tegeko.</p>	<p>Before financial assistance is given, the company sends each shareholder a disclosure document which complies with Article 177 of this Law.</p>	<p>Avant qu'une assistance financière soit accordée, la société doit envoyer à chaque actionnaire un document d'information qui est conforme à l'article 177 de la présente loi.</p>
<p>Inkunga ishobora gutangwa mu gihe kiri muni y'iminsi icumi (10) kandi itari hejuru y'iminsi mirongo itatu (30) inyandiko imenyekanisha yohererejwe buri munyamigabane.</p>	<p>The assistance may be given not less than 10 and not more than 30 working days after the disclosure document has been sent to each shareholder.</p>	<p>L'assistance peut être donnée dans un délai se situant entre dix (10) et trente (30) jours ouvrables après que le document d'information ait été envoyé à chaque actionnaire.</p>
<p>Iyo nyandiko yohererejwe abanyamigabane mu buryo bwo kumenyekanisha igaragaza:</p>	<p>The document sent to all shareholders by way of disclosure sets out:</p>	<p>Le document envoyé à tous les actionnaires au moyen de la divulgation doit indiquer:</p>
<p>1° ubwoko n'ibyubahirizwa kugira ngo inkunga itangwe n'uwo izahabwa;</p>	<p>1° the nature and terms of the assistance to be given, and to whom it will be given; and</p>	<p>1° la nature et les termes de l'assistance à fournir, et à qui il sera donné; et</p>
<p>2° inyandiko ikubiyemo umwanzuro werekeranye n'itangwa ry'inkunga y'amafaranga, iherekejwe n'andi makuru yose n'ibisobanuro bya ngombwa bifasha umunyamigabane kumva ubwoko n'ingaruka z'iyo nkunga y'amafaranga ku isosiyete no ku banyamigabane bayo.</p>	<p>2° the text of the resolution relating to giving financial assistance, together with such further information and explanation as may be necessary to enable a reasonable shareholder to understand the nature and implications for the company and its shareholders of the proposed financial assistance.</p>	<p>2° le texte de la résolution concernant la donation de l'assistance financière, ainsi que toute autre information et explication nécessaires pour permettre à un actionnaire raisonnable de comprendre la nature et les conséquences pour la société et ses actionnaires de l'assistance financière proposée.</p>

Ingingo ya 189: icyemezo gihagarika inkunga yifuzwa gutangwa

Umunyamigabane cyangwa isosiyete bashobora gusaba urukiko gufata icyemezo gihagarika inkunga yifuzwa gutangwa bashingiye ko:

- 1° itari mu nyungu z'isosiyete cyangwa z'umunyamigabane wese utabonye iyo nkunga;
- 2° ingingo zashingiweho kugira ngo izatangwe zidakwiye ku isosiyete cyangwa kuri buri munyamigabane utayihawe.

Ingingo ya 190: Ingaruka zo kutubahiriza ibisabwa mu gutanga inkunga

Kutubahiriza ibiteganywa n'ingingo ya 188 y'iri tegeko ntibigira ingaruka ku gaciro k'igikorwa, ariko bigira ingaruka ziteganyijwe mu ngingo ya 215 y'iri tegeko.

Iyi ngingo ntacyo ihungabanya ku buryozwe bw'ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa undi muntu wese ku kuba atubahirije inshingano nk'umuntu uhagarariwe cyangwa mu bundi

Article 189: Order restraining proposed financial assistance

A shareholder or the company may apply to the court for an order restraining the proposed financial assistance on the grounds that:

- 1° it is not in the best interests of the company or of benefit to any shareholders not receiving the assistance;
- 2° the terms and conditions under which the assistance is to be given are not fair and reasonable to the company or to any shareholders not receiving the assistance.

Article 190: Enforceability of prohibited transactions

A failure to comply with the provisions of Article 188 of this Law does not affect the validity of any transaction, but has the consequences set out in Article 215 of this Law.

This Article does not affect any liability of a director or any other person for breach of any duty, or as a constructive trustee, or otherwise.

Article 189: Ordonnance interdisant une assistance financière proposée

Un actionnaire ou la société peut demander à la juridiction de rendre une ordonnance interdisant l'assistance financière proposée sur les motifs suivants:

- 1° l'assistance financière n'est pas dans les meilleurs intérêts ni de la société ou ni d'actionnaires qui ne l'ont pas reçue; ou
- 2° les termes et les conditions dans lesquels l'assistance doit être donnée ne sont pas justes et raisonnables à la société ou à des actionnaires qui n'ont pas reçu l'assistance.

Article 190: Exécution des transactions interdites

Le défaut de se conformer aux dispositions de l'article 188 de la présente loi par la société ne porte pas atteinte à la validité de toute transaction, mais produit des conséquences prévues à l'article 215 de la présente loi.

Le présent article n'a aucune incidence sur la responsabilité d'un administrateur ou toute autre personne pour violation de tout devoir, ou à titre d'un mandataire ou autrement.

buryo bwose.

UMUTWE WA VII: KWEMEZA, GUHINDURA NO GUKURAHU INYANDIKKO ZIGENGA SOSIYETE N'IMPINDUKA ZIKOMEYE

Ingingo ya 191: Ububasha bugenewe abanyamigabane bushyirwa mu bikorwa binyuze mu mwanzuro udasanzwe

Ububasha bugenewe abanyamigabane kandi bushobora gukoreshwa gusa hafashwe umwanzuro udasanzwe ni ubwo:

- 1° kwemeza, guhindura no gukuraho inyandiko zishinga isosiyete;
- 2° kwemeza igikorwa gifite ingaruka ku burenganzira bushamikiye ku mugabane uwo ariwo wose;
- 3° kwemeza umwanzuro udasanzwe;
- 4° kwemeza icyifuzo cyo guhindura sosiyete ihamgarira rubanda kugura imigabane mo sosiyete idahamagarira kugura imigabane;
- 5° kwemeza ukwibumbira hamwe kw'amasosiyete;
- 6° gusesa isosiyete;

CHAPTER VII: ADOPTION, ALTERATION AND REVOCATION OF INCORPORATION DOCUMENTS AND FUNDAMENTAL CHANGES

Article 191: Powers reserved to shareholders exercisable by special resolution

The powers reserved to shareholders and which may only be exercised by special resolution are to:

- 1° adopt, alter or revoke the company's incorporation documents;
- 2° authorise an action which affects the rights attached to any shares;
- 3° authorise a major transaction;
- 4° authorise a proposal to change the status of the company to a public or a private company;
- 5° authorise an amalgamation;
- 6° put the company in liquidation;

CHAPITRE VII: ADOPTION, MODIFICATION ET RETRAIT DES DOCUMENTS CONSTITUTIFS ET CHANGEMENTS FONDAMENTAUX

Article 191: Pouvoirs réservés aux actionnaires exerçables par une résolution spéciale

Les pouvoirs réservés aux actionnaires et qui ne peuvent être exercés que par la résolution spéciale sont :

- 1° d'adopter, modifier ou abroger les documents constitutifs de la société;
- 2° d'autoriser une action qui porte atteinte aux droits attachés aux actions;
- 3° d'autoriser une transaction importante;
- 4° d'autoriser une proposition visant à modifier le statut de la société qu'elle soit publique ou privée;
- 5° d'autoriser une fusion;
- 6° de mettre la société en liquidation;

7° gusabira isosiyete, iyo igishoboye kwishyura imyenda, kuvanwa mu gitabo cy'amasosiyete.	7° apply for the company, when solvent, to be removed from the register of companies.	7° de demander que la société encore solvable soit radiée du registre des sociétés.
Icyemezo gifashwe binyuze mu mwanzuro udasanze gishobora kuvanwaho binyuze gusa mu wundi mwanzuro udasanze.	Any decision made by special resolution may be rescinded only by special resolution.	Toute décision prise par une résolution spéciale ne peut être annulée que par résolution spéciale.
<u>Icyiciro cya mbere: Guhindura inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete</u>	<u>Section One: Alteration of incorporation documents</u>	<u>Section One: Modification des documents constitutifs</u>
<u>Ingingo ya 192: Ububasha bwo guhindura inyandiko zishingwa isosiyete</u>	<u>Article 192: Power to alter incorporation documents</u>	<u>Article 192: Pouvoir de modifier les documents constitutifs</u>
Iyo isosiyete ihinduye inyandiko ziyishinga, abagize Inama y'Ubutegetsi bagomba mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi ikurikira iryo hinduka, gushyikiriza Umwanditsi Mukuru:	When a company alters its incorporation documents, the directors must within 10 working days of the alteration deliver to the Registrar General:	Lorsqu'une société modifie ses documents constitutifs, les administrateurs doivent dans dix (10) jours ouvrables suivant la modification, remettre au Registraire Général:
1° inyandiko yuzuye imenyeshya iryo hinduka ry'inyandiko zigenga isosiyete mu buryo buteganyijwe;	1° a completed notice of alteration of incorporation documents in the prescribed form; and	1° un avis rempli de modification des documents constitutifs dans la forme prescrite; et
2° inyandiko ikubiyemo kwemera yanditswe mu buryo buteganyijwe kandi iriho umukono w'umuntu wese uyanditse nk'umuyobozi mushya cyangwa umwanditsi.	2° completed consents in the prescribed form signed by any person named in the notice as a new director or secretary.	2° consentements remplis dans le formulaire prescrit signé par toute personne nommée dans l'avis comme un nouveau Directeur ou secrétaire.
Mu gihe cy'igabana ry'imigabane, inyandiko imenyeshya igomba kugaragaza:	In the case of an allotment of shares, the notice must specify:	Dans le cas d'une attribution d'actions, l'avis doit préciser:

1° umubare w'imigabane yagabanywe;	1° the number of shares allotted; and	1° le nombre d'actions attribuées; et
2° uburenganzira, ibibujijwe cyangwa ibigomba kubahirizwa bishingiye ku mugabane wagabanywe cyangwa icyiciro cyawo, n'uko ushobora guhererekanywa, niba binyuranyije n'ingingo ya 88 y'iri tegeko.	2° the rights, privileges, limitations and conditions attached to each allotted share or class, and its transferability, if different to Article 88 of this Law.	2° les droits, privilèges, restrictions et conditions attachés à chaque action ou catégories d'actions allouées, et sa transférabilité, si elle est différente de l'article 88 de la présente loi.
Mu gihe habayeho ihanagurwa ry'imigabane, inyandiko imenyeshya igomba kugaragaza ku migabane ya buri bwoko, umubare wahanaguwe n'itariki iryo hanagurwa ryabereyeho.	In the case of a cancellation of shares, the notice must specify for shares of each class the number cancelled and the date of cancellation.	Dans le cas d'une annulation d'actions, l'avis doit préciser pour les actions de chaque catégorie le nombre annulé et la date d'annulation.
Mu gihe habayeho guhindura izina ry'isosiye, Umwanditsi Mukuru agomba gutanga icyemezo gihinduye cy'isosiye.	In the case of an alteration of the company's name, the Registrar General must issue an amended certificate of incorporation.	Dans le cas d'une modification du nom de la société, le Registraire Général doit délivrer un certificat de constitution modifié.
Igika cya mbere ntikireba igice icyo aricyo cyose cy'inyandiko zigenga sosiyete cyerekeranye n'imicungire y'imbere y'isosiye.	Paragraph 1 does not apply to any part of a company's incorporation documents relating to the internal management of the company.	L'alinéa premier ne vise pas à une partie des documents constitutifs d'une société relative à la gestion interne de la société.
Mu gihe abanyamigabane b'isosiye badashoboye guhindura amategeko-shingiro ku buryo buteganywa nayo cyangwa n'iri tegeko, urukiko rubifitiye ububasha rushobora, rubisabwe n'abanyamigabane cyangwa n'abagize Inama y'Ubutegetsi, gufata icyemezo gihindura sitati mu buryo rubona bukwiye.	Where the shareholders of a company are unable to alter the articles of association in the manner provided by the articles or this law, a competent court may upon the application of the shareholders or directors make an order altering the articles of association on terms and conditions as it deems fit.	Lorsque les actionnaires d'une société ne sont pas capables de modifier les statuts de la manière prévue par les articles ou cette loi, une juridiction compétente peut, sur la demande des actionnaires ou des administrateurs de rendre une ordonnance modifiant les statuts suivant les termes et conditions que la juridiction juge convenables.

Usaba bene icyo cyamezo yohereza Umwanditsi Mukuru, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kopi y'icyo cyemezo giherekejwe n'amategeko shingiro ahinduye.

The applicant for such an order shall ensure that a copy of the order together with the altered articles are delivered to the Registrar General in fifteen (15) working days.

Le demandeur d'une telle ordonnance doit veiller à ce qu'un exemplaire d'une telle ordonnance ainsi que les articles modifiés soient livrés au Registraire Général dans les quinze (15) jours ouvrables.

Ingingo ya 193: Imenyeshya ry'ihindurwa ry'inyandiko z'ishingwa ry' isosiyete

Article 193: Notice of alteration of incorporation documents

Article 193: Avis de modification des documents constitutifs

Haseguriwe ibiteganywa n'igika cya 4 cy'iyi ngingo, iyo isosiyete ihinduye inyandiko ziyishinga, abagize Inama y'Ubutegetsi bagomba mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi ikurikira iryo hinduka, gushyikiriza Umwanditsi Mukuru:

Subject to paragraph (4) of this article, when a company alters its incorporation documents, the directors shall within 10 working days of the alteration deliver to the Registrar General:

Sous réserve de l'alinéa 4 du présent article, lorsqu'une société modifie ses documents constitutifs, les administrateurs doivent dans dix (10) jours ouvrables suivant la modification, remettre au Registraire Général:

1° inyandiko yuzuye imenyeshya iryo hinduka ry'inyandiko z'ishingwa isosiyete mu buryo buteganyijwe;

1° a completed notice of alteration of incorporation documents in the prescribed form;

1° un avis rempli de modification des documents constitutifs dans la forme prescrite;

2° inyandiko ikubiyemo kwemera yanditswe mu buryo buteganyijwe kandi iriho umukono w'umuntu wese uyanditsemo nk'umuyobozi mushya cyangwa umwanditsi.

2° completed consents in the prescribed form signed by any person named in the notice as a new director or secretary.

2° consentements remplis dans le formulaire prescrit signé par toute personne nommée dans l'avis comme un nouveau Directeur ou secrétaire.

Mu gihe cy'igabana ry'imigabane, inyandiko imenyeshya igomba kugaragaza:

In the case of an allotment of shares, the notice shall specify:

Dans le cas d'une attribution d'actions, l'avis doit préciser:

1° umubare w'imigabane yagabanywe;

1° the number of shares allotted;

1° le nombre d'actions attribuées;

2° uburenganzira, ibibujijwe cyangwa

2° the rights, privileges, limitations

2° les droits, privilèges, restrictions et

Official Gazette n°Special of 31/05/2017

ibigomba kubahirizwa bishingiye ku mugabane wagabanywe cyangwa icyiciro cyawo, n'uko ushobora guhererekanywa, niba binyuranyije n'ingingo ya 88 y'iri tegeko.

and conditions attached to each allotted share or class, and its transferability, if different to Article 88 of this Law.

conditions attachés à chaque action ou catégories d'actions allouées, et sa transférabilité, si elle est différente de l'article 88 de la présente loi.

Mu gihe habayeho ihanagurwa ry'imigabane, inyandiko imenyeshya igomba kugaragaza ku migabane ya buri bwoko, umubare wahanaguwe n'itariki iryo hanagurwa ryabereyeho.

In the case of a cancellation of shares, the notice shall specify for shares of each class the number cancelled and the date of cancellation.

Dans le cas d'une annulation d'actions, l'avis doit préciser, pour les actions de chaque catégorie, le nombre annulé et la date d'annulation.

Mu gihe habayeho guhindura izina ry'isosiyete, Umwanditsi Mukuru agomba gutanga icyemezo gihinduye cy'isosiyete.

In the case of an alteration of the company's name, the Registrar General shall issue an amended certificate of incorporation.

Dans le cas d'une modification du nom de la société, le Registraire Général doit délivrer un certificat de constitution modifié.

Igika cya mbere ntikireba igice icyo aricyo cyose cy'inyandiko zigenga sosiyete cyerekeranye n'imicungire y'imbere y'isosiyete.

Paragraph One does not apply to any part of a company's incorporation documents relating to the internal management of the company.

L'alinéa premier ne vise pas à une partie des documents constitutifs d'une société relative à la gestion interne de la société.

Mu gihe abanyamigabane b'isosiyete badashoboye guhindura sitati ku buryo buteganywa nayo cyangwa n'iri tegeko, urukiko rubifitiye ububasha rushobora, rubisabwe n'abanyamigabane cyangwa n'abagize Inama y'Ubutegetsi, gufata icyemezo gihindura sitati mu buryo rubona bukwiye.

Where the shareholders of a company are unable to alter the articles of association in the manner provided by the articles or this law, a competent court may upon the application of the shareholders or directors make an order altering the articles of association on terms and conditions as it deems fit.

Lorsque les actionnaires d'une société ne sont pas capables de modifier les statuts de la manière prévue par les articles ou cette loi, une juridiction compétente peut, sur la demande des actionnaires ou des administrateurs de rendre une ordonnance modifiant les statuts suivant les termes et conditions que la juridiction juge convenables.

Usaba bene icyo cyamezo yoherereza Umwanditsi Mukuru, mu gihe kitarenze iminsi

The applicant for such an order shall ensure that a copy of the order together with the

Le demandeur d'une telle ordonnance doit veiller à ce qu'un exemplaire d'une telle

cumi n'itanu (15) kopi y'icyo cyemezo giherekejwe na sitati ihinduye.

altered articles are delivered to the Registrar General in fifteen (15) working days.

ordonnance ainsi que les articles modifiés soient transmis au Registraire Général dans les quinze (15) jours ouvrables.

Icyiciro cya 2: Impinduka zikomeye

Section 2: Fundamental changes

Section 2: Changements fondamentaux

Ingingo ya 194: Kwemeza ibikorwa bigira ingaruka ku burenganzira bushingiye ku mugabane

Article 194: Authorisation of actions affecting rights attached to shares

Article 194: Autorisation d'actions qui affectent les droits attachés aux actions

Hatitaye ku cyo ari cyo cyose kiri mu nyandiko zishinga isosiyete, nta gikorwa kibangamira uburenganzira buturuka ku mugabane gishobora gufatwa n'isosiyete keretse iyo icyo gikorwa cyatangiywe uburenganzira mu cyemezo cyihariye kuri buri cyiciro.

Notwithstanding anything in its incorporation documents, no action may be taken by a company which affects the rights attached to any shares unless that action has been authorised by a special resolution of each class.

Nonobstant toute disposition de ses documents constitutifs, aucune action affectant les droits attachés à toute action ne peut être prise par une société, à moins que l'action ait été autorisée par une résolution spéciale de chaque catégorie.

Uburenganzira bushingiye ku mugabane bugizwe n'ibi bikurikira:

The rights attached to a share include the following:

Les droits attachés à l'action comprennent:

1° uburenganzira, ibibujijwe n'ibigomba kubahirizwa bishingiye ku mugabane biteganaywa n'iri tegeko cyangwa inyandiko z'ishingwaa ry'isosiyete, harimo n'uburenganzira bwose bwo gutora n'ubwo kugabagabana inyungu zishingiye ku mugabane;

1° the rights, privileges, limitations and conditions attached to the share by this Law or the incorporation documents, including any voting rights and rights to distributions attached to the share;

1° les droits, privilèges, restrictions et conditions attachés à l'action par la présente loi ou par les documents constitutifs, y compris les droits de vote et les droits aux distributions attachés à l'action;

2° uburenganzira bw'uburyo bw'ibigomba gukorwa kugira uburyo bw'ibigomba gukorwa buteganyijwe muri iyi ngingo n'ubundi buryo bwose busabwa mu

2° the right that the company shall observe the procedure set out in this Article, and any further procedure required by the incorporation

2° le droit que la société doit respecter la procédure prévue dans le présent article, ainsi que toute autre procédure requise par la déclaration

nyandiko z'isosiyete ku birebana n'ihindurwa ry'uburenganzira byubahirijwe n'isosiyete;

statement for the amendment or alteration of rights; and

d'incorporation pour l'amendement ou la modification des droits; et

3° uburenganzira ko uburyo busabwa mu nyandiko zishinga isosiyete ku byerekeranye n'ihindurwa ry'uburenganzira ko butagomba guhindurwa.

3° the right that any procedure required by the incorporation documents for the amendment or alteration of rights shall not be amended or altered.

3° le droit que toute procédure requise par les documents constitutifs pour l'amendement ou la modification des droits ne doivent être modifiés ou altérés.

Ku bw'ibiteganywa n'igika cya mbere, kugabana indi migabane iri ku rwego rumwe cyangwa iri imbere y'imigabane iriho, haba ku burenganzira bwo gutora cyangwa igabana ry'inyungu, bifatwa nk'igikorwa kigira ingaruka ku burenganzira bushingiye ku migabane iriho, uretse:

For the purposes of paragraph One, the allotment of further shares ranking equally with or in priority to existing shares, whether as to voting rights or distributions, is deemed to be action affecting the rights attached to the existing shares, unless:

Aux fins de l'alinéa premier, l'attribution de nouvelles actions de rang égal ou en priorité aux actions existantes, que ce soit aux droits de vote ou de distributions, est réputée être une action affectant les droits attachés aux actions existantes, à moins que:

1° inyangidiko zishinga isosiyete zemera ku buryo busesuye igabagabana ry'indi migabane iri ku rwego rumwe cyangwa iri imbere cy'iyi migabane;

1° the incorporation documents of the company expressly permits the allotment of further shares ranking equally with or in priority to those shares;

1° les documents constitutifs de la société permettent expressément l'attribution de nouvelles actions de rang égal ou en priorité à ces actions;

2° iryo gabana rikozwe hubahirijwe uburenganzira bw'abanyamigabane buza mbere y'ubundi.

2° the allotment is made in accordance with shareholders' pre-emption rights.

2° l'attribution est faite en conformité avec les droits de préemption des actionnaires.

Ingingo ya 195: Kudasaba uruhushya rw'icyiciro cy'imigabane

Article 195: Failure to seek class authorisation

Article 195: Défaut de demander l'autorisation de la catégorie

Iyo igikorwa gifashwe n'isosiyete gisaba gutangirwa uruhushya rwo kwemezwa

If action is taken by a company which required the authorisation of a class, and that

Si une qui exige l'autorisation d'une catégorie est prise par une société et que l'autorisation

n'icyiciro maze uko kwemezwa ntibigerweho, icyo gikorwa ntigihita gita agaciro; ariko gifatwa nk'imyifatire itera igihombo abanyamigabane b'icyo cyiciro, urukiko rubisabwe n'ubifitemo inyungu gukuraho icyo cyemezo.

Ingingo ya 196: Kwemeza ibikorwa bihambaye

Ikimara kubona icyifuzo cy'igikorwa gihambaye, isosiyete igomba kumenyesha abanyamigabane icyo gikorwa. Igomba kandi kumenyesha ibikorwa bivugwa mu ngingo ya 165 y'iri tegeko harimo inyungu yose yihariye ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umunyamigabane ufite imigabane myinshi yaba afite muri icyo gikorwa nk'umuyobozi w'urundi ruhande muri icyo gikorwa.

Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, isosiyete ntigomba gutangira gukora igikorwa gihambaye, yaba igikoze mu rwego rw'imirimo yayo isanzwe cyangwa mu bundi buryo cyangwa yaba igikoze mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, uretse:

- 1° Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete yabanje kubona igitekerezo umujyanama w'umunyamwuga mu by'imari wigenga ku byerekeye ingingo z'icyo gikorwa,

authorisation was not obtained, that action is not for that reason invalid; but is deemed to be a conduct which is unfairly prejudicial to the shareholders of that class, and a competent court may decide to nullify it.

Article 196: Authorizing major transactions

Immediately upon receiving a proposal for a major transaction, the company discloses that proposed transaction to its shareholders. Such disclosure shall include disclosure of any related party transactions under article 165 of this law including any personal interest which a director or controlling shareholder may have in the transaction. It shall also include any personal interest as a director of any other party to the transaction.

Subject to paragraph One of this Article, a company shall not undertake a major transaction whether or not such transaction is entered into in the ordinary course of business, and whether or not entered into directly or indirectly unless:

- 1° the board of directors of the company have obtained a prior opinion of an independent professional financial adviser on the terms of the transaction, in which

n'a pas été obtenue, cette action n'est pas pour autant invalide; mais il est considéré comme un comportement qui est injustement préjudiciable aux actionnaires de cette catégorie, et la juridiction compétente peut décider de l'annuler.

Article 196: Autorisation des transactions importantes

